IKINYARWANDA

Amashuri yisumbuye umwaka wa

5

Amashuri yiga Ikinyarwanda nk'isomo Rusange

Igitabo cy'umwarimu

Kigali, Mutarama, 2019

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa gatanu, kigenewe amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'ababanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu

matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y'iki gitabo, by'umwihariko abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare rukomeye muri iki gikorwa cyo kwandika ibitabo, kuva gitangiye kugeza kirangiye.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza bitanze batizigamye mu iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira by'umwihariko Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho, yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ryacyo.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Ndangije nshimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

MURUNGI Joan
Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

ES	Ecole Secondaire
G S	Groupe Scolaire
IPRC	Integrated Polytechnics Regional Center
Mgr	Monseigneur
NCDC	National Curriculum Development Center
REB	Rwanda Education Board
UNESCO	United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization
UNICEF	United Nations Children's Fund
UR	University of Rwanda
USAID	United State Agence for International Development
UTAB	University of Technology and Art of Byumba
nt.	Inteko
D	Indomo
	Ihinduka, bibyara
Ø	Iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE iii
GUSHIMIRA v
IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE vi
I. IRIBURIRO 1
II. INTANGIRIRO RUSANGE 2
III. IMBATA Y'IMITWE Y'IBYIGWA 5
IV. URUGERO RW'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO 7
V. IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE BYA BURI MUTWE 15
UMUTWE WA MBERE UMUCO NYARWANDA 21
Umwandiko: Igitero k'i Butembo 23
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 23
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 25
Igice cya ga***tatu: Ubuvanganzo nyabami*** ***26***
Igice cya kane: Ibitekerezo by'ingabo 28
Igice cya gatanu: Ibyivugo 30
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere 34
UMUTWE WA KABIRI UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE 37
Umwandiko: Ababiri bajya inama 38
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 38
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 41
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 42
Igice cya kane: Ikeshamvugo 43
UMUTWE WA GATATU UBUZIMA 49
Ikinamico : "Ubwenge buza ubujiji buhise" 51
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 51
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 54
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 56
Igice cya kane: Ikinamico 57
Igice cya gatanu: Ubutinde n'amasaku mu nteruro 58
UMUTWE WA KANE A UMUCO W'AMAHORO 67
Umwandiko: Twese biratureba 68
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 68
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 71
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 72
Igice cya Kane: Inshoberamahanga 73
Igice cya gatanu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda 75
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane A 78

UMUTWE WA KANE B UMUCO W'AMAHORO **83**
Umwandiko: Dukangukire imiyoborere myiza 85
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 85
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 88
Igice cya gatatu: Guhanga no kwandika 89
Igice cya kane: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda 90
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane B 94
UMUTWE WA GATANU IBIDUKIKIJE **99**
Umuvugo: "Kirezi nambaye urambera" 100
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 100
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 102
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 104
Igice cya kane: Ikeshamvugo 105
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu 107
UMUTWE WA 6: GUKUNDA IGIHUGU **111**
*U*mutwe wa gatandatu: Gukunda igihugu 112
Umwandiko: Ubufatanye bwaduteje imbere 113
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 113
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 115
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo 117
Igice cya kane: Amagambo y'amatirano 118
Igice cya gatanu: Uburyo bwo kuyobora inama 119
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu 121
UMUTWE WA 7 ITERAMBERE **125**
Umwandiko: Yahaboneye isomo 126
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko 126
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko 128
Igice cya gatatu: Inkuru ngufi 129
Igice cya kane: Inyandiko mvugo 130
Igice cya gatanu: Raporo 131
Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa karindwi 133
TWIYUNGURE AMAGAMBO 136
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE 140

I. IRIBURIRO

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa gatanu mu mashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange. Ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha inyigisho z'Ikinyarwanda giteganyirijwe umwaka wa gatanu w'amashami atari ay'indimi kijyanye n'imfashamyigire y'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'igitabo cy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2015.

Iki gitabo gikubiyemo imitwe irindwi, buri mutwe wubakiye ku nsanganyamatsiko runaka. Izo nsanganyamatsiko zigaragarira mu myandiko inyuranye, ijyanye n'umuco nyarwanda uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco w'amahoro, ibidukikije, gukunda Igihugu, n'insanganyamatsiko y'iterambere. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika. Ubwo bumenyi bw'ururimi, bugizwe n'ikibonezamvugo.

Icyakora ikigamijwe si ukwigisha ikibonezamvugo gusa kugira ngo umunyeshuri agifate mu mutwe; ahubwo ni ukugira ngo ayo mategeko amwunganire mu gukoresha ururimi neza mu mvugo no mu nyandiko, kandi agende avumbura buhorobuhoro uko akoreshwa. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Buri mutwe ugiye ugabanywamo ibice runaka bitewe n'imiterere y'ibyigwa. Bityo buri gice kigenerwa umubare w'amasomo bitewe n'uko giteye. Muri iki gitabo umwarimu yateganyirijwe amasomo ntangarugero amufasha gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Iki gitabo gikubiyemo imyitozo inyuranye n'ibisubizo byayo bituma umwarimu adatakaza umwanya munini abishakisha. Icyakora imyitozo irimo si kamara ahubwo umwarimu yayiheraho agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezemo n'aho ishuri rye rihereye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imbonezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ashingiye ku bushobozi. Umwarimu agomba gufasha umunyeshuri kugira ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bijyanye n'icyo kigero. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda hamwe n'umuco kibumbatiye no kubikundisha abanyeshuri. Umwarimu azabakundisha kandi umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kubisesengurana ubushishozi no kubisangiza abandi.

II. INTANGIRIRO RUSANGE

2.1. Imyigishirize ishingiye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda, umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi. Umwarimu ntagomba kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo.

2.2. Ubushobozi nsanganyamasomo

Iki gitabo cy'umwaka wa gatanu giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, kwitabira ubufatanye, kurangwa n'imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahuye na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane ku buryo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye. Iyi myitozo ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo **guhanga udushya.**

Mu myitozo y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho **ubushakashatsi** bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri kwitabira amasomero bagahabwa ibibazo bakwifashisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri **basabana kandi** mu Kinyarwanda bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitozo isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitozo ituma abanyeshuri bagira ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuraye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero n'icyumba k'ikoranabuhanga. Iyi myitozo ni yo imufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitozo ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurira abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa n'ibindi.

2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite, byaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi, naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo gishingiye ku bushobozi, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsi bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'ikigwa asuzuma ko intego z'isomo zagezweho n'imyitozo y'isuzuma rusange risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu matsinda abiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akababaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize. Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma, ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego, ari byo

bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

III. IMBATA Y'IMITWE Y'IBYIGWA

Umutwe wa mbere: Umuco nyarwanda **Umubare w'amasomo: 28**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Igitero k'i Butembo	Amasomo 7
Ubuvanganzo nyabami	Amasomo 4
Ibitekerezo by'ingabo	Amasomo 6
Ibyivugo by'iningwa	Amasomo 4
Ibyivugo by'imyato	Amasomo 4
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 3
Umutwe wa kabiri: Uburinganire n'ubwuzuzanye **Umubare w'amasomo: 20**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Ababiri bajya inama	Amasomo 8
Ikeshamvugo	Amasomo 9
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 3
Umutwe wa gatatu: Ubuzima Umubare w'amasomo: 24	
Ibyigwa	Umubare w'amasomo
Ikinamico: Ubwenge buza ubujiji buhise	Amasomo 11
Ikinamico	Amasomo 4
Ubutinde n'amasaku mu nteruro	Amasomo 6
Isuzuma rusange	Amasomo 3
Umutwe wa 4 A: Umuco w'amahoro **Umubare w'amasomo: 12**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Twese biratureba	Amasomo 5
Inshoberamahanga	Amasomo 2
Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2

Umutwe wa 4 B: Umuco w'amahoro Umubare w'amasomo: 12	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Dukangukire imiyoborere myiza	Amasomo 6
Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda	Amasomo 4
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2
Umutwe wa 5: Ibidukikije **Umubare w'amasomo: 12**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Kirezi nambaye urambera	Amasomo 7
Ikeshamvugo	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2
Umutwe wa 6: Gukunda igihugu **Umubare w'amasomo: 12**	
Ibyigwa	**Umubare w'amasomo**
Umwandiko: Ubufatanye bwaduteje imbere	Amasomo 5
Amazina y'amatirano	Amasomo 2
Uburyo bwo kuyobora inama	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 2
Umutwe wa 7: Iterambere **Umubare w'amasomo: 24**	
Ibyigwa	**Umubare** w'amasomo
Umwandiko:	Amasomo 7
Inkuru ngufi	Amasomo 4
Inyandiko mvugo	Amasomo 5
Raporo	Amasomo 5
Isuzuma risoza umutwe	Amasomo 3

IV. URUGERO RW'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO

4.1. Urugero rwa mbere: Umuteguro w'isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri…… Amazina y'umwarimu: ……

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora.** Umwarimu yifashishije amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gutahura ibivugwa mu mwandiko, gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Ibi bikorwa abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho.		**Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo**
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro: Iminota 10	- Kubwira abanyeshuri kurambura ibitabo ahari amashusho y'umwandiko bagiye gusoma no kuyitegereza. -Kubaza abanyeshuri ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. ***Urugero:*** *-Ni iki mubona kuri iyi shusho?* *- Abantu mubona kuri iyi shusho barimo gukora iki?* *-Iyo murebye ishusho murasanga uriya mugabo uri inyuma y'umugore arimo kubabwira iki?* -Kubaza abanyeshuri ikibazo gituma batahura insanganyamatsiko y'umwandiko bagiye gusoma. **Urugero:** *-Murareba mugasanga uyu mwandiko uri buvuge ku ki?* *Guhinga ukeza ugasarura byinshi ugahunika bimaririki umuryango?* *-Kubwira abanyeshuri umwandiko bagiye gusoma no kwandika ku kibaho umutwe w'umwandiko bagiye gusoma.*	- Kwitegereza amashusho beretswe. - Gusubiza ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho. *-Turahabona ikigega, urugo, imyaka yanitse mu mbuga, abagabo babiri n'umugore umwe. - Umugore aradaha imyaka ayihereza umugabo akayihunika mu kigega.* *-Umugabo arasa n'uri kubasaba imyaka.* *- Gutahura insanganyamatsiko y'umwandiko.* *-Uri buvuge ibijyanye no kweza ugahunika.*	**Ubushobozi nsanganyamasomo:** -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) - Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo) **Ingingo nsanganyamasomo:** -Uburinganire n'ubwuzuzanye (abahungu n'abakobwa igihe ishuri ririmo ibitsina byombi)
2. Isomo nyirizina: Iminota 50			

2.1. Igikorwa cya mbere	- Kubwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece banandika amagambo akomeye. - Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo. Urugero: -Ni ba nde bavugwa mu mwandiko? -Ni nde bavuga waboneye isomo muri uyu mwandiko? - Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye, igika ku gika (abahungu n'abakobwa igihe ishuri ririmo ibitsina byombi). - Gufasha abanyeshuri kwikosora mu gihe badasomye neza atabahutaza.	- Gusoma umwandiko bucece banandika amagambo akomeye. - Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye. -Ni Kamana n'umugore we, Gasana n'umuhungu we Kamari. -Ni Gasana. - Gusoma mu ijwi riranguruye, igika ku gika. -Kwikosora aho basomye nabi.	Ubushobozi nsanganyamasomo: - Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo) - Ubushakashatsi. -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo: -Uburinganire n'ubwuzuzanye (abahungu n'abakobwa igihe ishuri ririmo ibitsina byombi) -Umuco w'amahoro n'indangagaciro Ingingo nsanganyamasomo: - Uburezi budaheza Mu matsinda mwarimu arashishikariza abanyeshuri kuvuga baranguruye ijwi, ndetse banakoresha ibimenyetso kugira ngo ibiganiro byumvwe na buri wese mu itsinda kandi bigende neza
2.2. Igikorwa cya kabiri	- Kubwira abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda basobanurirana amagambo akomeye hanyuma bagakora umwitozo w'inyunguramagambo bakanasubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108-109. -Gusaba itsinda ririmo utumva neza kujya risoma riranguruye kugira ngo yumve. -Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe. - Igihe cyagenwe kirangiye, kubwira abanyeshuri kumurika ibyakorewe mu matsinda.	- Gusomera umwandiko mu matsinda basobanurirana amagambo akomeye banakora umwitozo w'inyunguramagambo. -Gukorera mu matsinda. -Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa no gukurikiza inama bahabwa n'umwarimu. - Kumurika ibyavuye mu matsinda.	
2.3. Igikorwa cya gatatu	-Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda abihuza n'ibisubizo bigaragara muri iki gitabo ku rupapuro rwa 139	- Kunoza ibyavuye mu matsinda.	
2.4. Igikorwa cya kane	- Gufasha abanyeshuri gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda. -Kwandika ku kibaho inshamake y'ibyavuye mu matsinda.	-Gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda. - Kwandika mu makayi inshamake y'ibyavuye mu matsinda.	

3. Umusozo w'isomo Iminota:20 - Ikomatanya	Kubaza iby'ingenzi bize mu isomo (abakobwa n'abahungu igihe ishuri ririmo ibitsina byombi). -Sobanura uburyo uyu mwandiko udukangurira kwiteza imbere. -Uyu mwandiko ubasigiye ayahe masomo y'ingenzi?	Kuvuga iby'ingenzi bize mu isomo. -Gukunda umurimo, kudasesagura no kugira umuco wo guteganyiriza ejo hazaza.... -Kwitabira umuco wo kuzigama, kumva inama ugirwa ukazikurikiza...	Ubushobozi nsanganyamasomo: - Ubushishozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) - Ubushakashatsi - Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza: Mwarimu arashishikariza abatanga ibisubizo bose, kuvuga mwi ijwi riranguruye cyane kugira ngo na abafite ubumuga bwo kutumva neza na bo babashe gusubiza.
Isuzuma Umukoro	Gutanga ibibazo by'isuzuma. 1. Gusaba abanyeshuri gukora umwitozo wa 3 w'inyunguramagambo uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 109 2. Kubaza abanyeshuri ibindi bibazo byo kumva umwandiko. Urugero: -Ni uwuhe muco mwiza uranga Abanyarwanda wavuzwe mu mwandiko? -"Aho guha umuntu ifi wamwigisha uko bayiroba." Huza imvugo n'ibivugwa mu mwandiko.	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Guca inshuro:guhingira ibiribwa. Kudamarara :gutuza ntihagire ikindi ukorera urugo rwawe. Kuboneza :kwerekeza ahantu runaka. Gusubiza ibibazo ku mwandiko -Kuremerana no kugirana inama. -Umuryango wa Kamana wahaye akazi uwa Gasana banabigisha kwishakira ibyabo bahereye ku nama bagiriwe.	
	Gutanga umukoro (mu nyandiko cyangwa mu magambo) Urugero: Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva ibisobanuro byayo: Guca inshuro, Urugaryi, kwiyuha akuya, kudamarara no kuboneza	Kwandika umukoro. -Gukora umukoro.	
Kwisuzuma(umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye. - Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari).		

4.2. Urugero rwa kabiri: Umuteguro w'isomo ryo gusesengura umwandiko

Izina ry'ishuri: .....……...Amazina y'umwarimu: ……….

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
cya gatatu	…	Ikinyarwanda	wa gatanu	wa karindwi	3 muri 24	Iminota 40	….

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona: 2	
Umutwe wa karindwi	Iterambere
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura inkuru ngufi ivuga ku nsanganyamatsiko y'iterambere no gukora inyandiko mvugo na raporo.
Isomo	Gusesengura umwandiko "Yahaboneye isomo".
Intego ngenamukoro	Ahereye ku mwandiko uvuga ku iterambere, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: • Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko; • Gitahura isomo akuye mu mwandiko no kurihuza n'ubuzima busanzwe; • Gushishikarira no gushishikariza abandi mu mvugo no mu nyandiko ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye.
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo ritangirwa mu ishuri abanyeshuri bicaye mu matsinda.
Imfashanyigisho	Umwandiko "Yahaboneye isomo".
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'imbuga nkoranyambaga zivuga ku iterambere.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora Kwifashisha umwandiko uvuga ku iterambere no gufasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kuwusesengura (abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho).		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	

1. Intangiriro: Iminota 5	- Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro. - Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma. Urugero: -Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma? -Wavugaga ku ki muri rusange?	- Kugaragaza aho bakoreye umukoro. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga. -Ni umwandiko: "Yahaboneye isomo". -Wavugaga ku kamaro ko kuzigama ugamije iterambere.	Ubushobozi nsanganyamasomo -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ingingo nsanganyamasomo - Uburinganire n'ubwuzuzanye (abahungu n'abakobwa igihe ishuri ririmo ibitsina byombi)
2. Isomo nyirizina: Iminota 25			
2.1. Igikorwa cya mbere	- Kubwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda. - Gusaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko kugira ngo abatabona babyumve. - Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 108-109. - Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bitabira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutanga ubufasha aho bukenewe.	- Gusomera umwandiko mu matsinda. -Kurambura urupapuro ruriho ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Gusubiza ibibazo bari mu matsinda no gusaba ubufasha igihe cyose babonye ari ngombwa.	Ubushobozi nsanganyamasomo Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo) Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza Ubushobozi nsanganyamasomo - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi Ingingo nsanganyamasomo. - Uburinganire n'ubwuzuzanye bigaragarira mu guhabwa uruhare ku bitsina byombi. Uburezi Budaheza: Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma baranguruye kandi mu buryo bwumvikana kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona n'abafite ubumuga bwo kutumva neza na bo bagendane n'abandi.
2.2. Igikorwa cya kabiri	-Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda.	- Kumurika ibyavuye mu matsinda.	
2.3. Igikorwa cya gatatu	- Gusaba abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda. - Gufasha abanyeshuri kunoza umwanzuro ku bibazo byo gusesengura umwandiko ahereye ku bisubizo biri muri iki gitabo ku rupapuro rwa 139.	- Kunoza ibyavuye mu matsinda. Urugero rw'umwanzuro:	
2.4. Igikorwa cya kane	-Gufasha abanyeshuri gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda. - Kwandika ku kibaho inshamake y'ibyavuye mu matsinda.	-Gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda. - Kwandika mu makayi inshamake y'ibyavuye mu matsinda.	

3. Umusozo w'isomo Iminota: 20 3.1.Ikomatanya	Gufasha abanyeshuri kunoza umwanzuro no kuwandika ku kibaho.	Kunoza umwanzuro no kuwandika mu makayi.	Ubushobozi nsanganyamasomo: - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) - Ubushakashatsi - Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. Ingingo sanganyamasomo Uburezi budaheza Mu gukora isuzuma, abana bafite ubumuga bwo kutabona bazasubizwa mu magambo.
3.2. Isuzuma 3.3.Umukoro	Gutanga ibibazo by'isuzuma. Urugero: Uhereye ku nsanganyamatsiko n'ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko, wuhine mu magambo yawe bwite.	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. -Guhina umwandiko agaragaramo izi ngingo z'ingenzi: -Imiterere y'imiryango ya Kamana n'uwa Gasana. -Gukunda umurimo. -Akamaro k'umuco wo kuzigama. -Ingaruka zo kutitabira umurimo no gusesagura.	
	Gutanga umukoro (mu nyandiko cyangwa mu magambo). Gereranya umuco gakondo wo kuzigama n'uburyo bwo kuzigama muri iki gihe uzabisangize bagenzi bawe mu ishuri.	Kwandika umukoro. Gukora umukoro.	
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye. - Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari).		

4.3. Urugero rwa gatatu: Umuteguro w'isomo ry'ubuvanganzo

Izina ry'ishuri: ..... **Amazina y'umwarimu: .....**

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho:	Umwaka:	Umutwe	Isomo:	Igihe isomo rimara:	Umubare w'abanyeshuri:
cya gatatu	……	Ikinyarwanda	wa gatanu	wa karindwi	rya 4 muri 24	Iminota 80	……..
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo:			0				

Umutwe wa karindwi	Iterambere
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusesengura inkuru ngufi ivuga ku nsanganyamatsiko y'iterambere no gukora inyandiko mvugo na raporo.
Isomo	Inkuru ngufi.
Intego ngenamukoro	Ahereye ku mwandiko w'inkuru ngufi, umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza y'inkuru ngufi, kugaragaza uturango twayo. Guhanga inkuru ngufi akurikiza uturango twayo.
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu matsinda.
Imfashanyigisho	Igitabo cy'umwarimu ,icy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda n' imbuga nkoranyambuga.

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe ubushize, abaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza y'inkuru ngufi n'uturango twayo kandi abafite ibyo bagenerwa byihariye bagafashwa.		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
1. Intangiriro: Iminota 10	Gusaba abanyeshuri kumurikira bagenzi babo umukoro bakoze. Kugenzura niba abanyeshuri bashoboye kugereranya uburyo gakondo bwo guhunika mu bigega n'uburyo bwo kuzigama mu mabanki. Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusesengura. Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Ni iyihe nsanganyamatsiko yavugwagamo?	Kumurika umukoro. -Kugereranya uburyo bwo guhunika mu bigega no kubitsa muri banki. Gusubiza ibibazo ku mwandiko. Ni umwandiko "Yahaboneye isomo". Wavugaga ku nsanganyamatsiko y'iterambere.	Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)
2. Isomo nyirizina: Iminota 50			

2.1. Igikorwa cya mbere	- Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba kongera gusoma umwandiko w'inkuru ngufi "Yahaboneye isomo" bitegereza imiterere yawo.	- Gusomera umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere yawo	Ubushobozi nsanganyamasomo - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) - Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo) - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)
2.2. Igikorwa cya kabiri	- Gusaba abanyeshuri gutahura ubwoko bw'umwandiko. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Gusaba abanyeshuri gutahura inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi.	- Gutahura ubwoko bw'umwandiko. Ni inkuru ngufi. -Gutahura inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi.	
2.3. Igikorwa cya gatatu	-Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda. -Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda.	Kumurika ibyavuye mu matsinda. - Kunoza ibyavuye mu matsinda.	
3. Umusozo w'isomo Iminota: 20 3.1.Ikomatanya	-Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n'uturango tw'inkuru ngufi. -Gusaba abanyeshuri kwandika ku kibaho no mu makayi yabo umwanzuro w'ibyavuye mu matsinda.	-Kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza n'uturango tw'inkuru ngufi. -Kwandika ku kibaho no mu makayi yabo umwanzuro w'ibyavuye mu matsinda.	Ubushobozi nsanganyamasomo: - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) Ubushakashatsi -Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.
3. 2. Isuzuma	Gutanga ibibazo by'isuzuma. Urugero rw'ibibazo: -Gusaba abanyeshuri kugereranya umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije. -Gusaba abanyeshuri kurondora uturango tw'inkuru ngufi.	Gusubiza ibibazo by'isuzuma. -Umukinankuru mukuru ni we inkuru iba yubakiyeho, abungirije bakamubera abafasha cyangwa imbogamizi. -Inkuru ngufi irangwa n'ibarankuru, abanyarubuga, akanyarubuga, uburebure bwayo, imvugo y'ibiganiro n'imyubakire yayo.	
3.3.Umukoro	Gutanga umukoro uri ku rupapuro rwa 111 mu gitabo cy'umunyeshuri.	Kwandika umukoro no kuzawukorera mu rugo.	
Kwisuzuma (umurezi)	- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye. - Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari).		

V. IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE BYA BURI MUTWE

Iki gitabo kigabanyijwemo imitwe irindwi. Buri mutwe wubakiye ku nsanganyamatsiko ziteganywa n'integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi. Buri mutwe kandi ufite umubare w'amasomo arimo ugenewe. Iki gitabo giteguye ku buryo ibyigwa bigabanywa mu bice binyuranye kandi buri gice kikagaragaza umubare w'amasomo akigenewe. Ibyo bice ni ibi bikurikira:

Igice cya mbere: gusoma no kumva umwandiko

Igice cya kabiri: gusesengura umwandiko

Igice cya gatatu: kujya impaka/ kungurana ibitekerezo

Igice cya kane: ubuvanganzo/ ikibonezamvugo

Mu gice cya gatatu, haba hakubiyemo umwitozo wo kujya impaka cyangwa kungurana ibitekerezo. Ariko uyu mwitozo si ngombwa ko ugaruka buri gihe muri buri gice; biterwa n'ibisabwa mu bikorwa by'umunyeshuri biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Igice cya kane kigaragaramo ubuvanganzo, ikibonezamvugo cyangwa ubumenyi bw'ururimi. Cyakora hari igihe byose bishobora kuba biteganyijwe mu nteganyanyigisho bityo n'umubare w'ibice mu mutwe runaka ukiyongera.

IMBONEZAMASOMO KURI BURI GICE

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoma, inyunguramagambo n'ibibazo byo kumva umwandiko.

1. Imbonezamasomo yo gusoma umwandiko

1.1. Ivumburamatsiko

Mu ivumburamatsiko, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

1.2. Gusoma bucece

Iyo basoma umwandiko babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badasohora amajwi. Mu gihe basoma bucece umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo

batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma.

Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo basubiza bavuga. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane.

1.3. Gusoma baranguruye

Mu gihe cyo gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho, bityobityo kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi, anagenzura kandi ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma.

2. IMBONEZAMASOMO Y'INYUNGURAMAGAMBO

Iyo abanyeshuri barangije gusoma baranguruye, umwarimu abafasha gukora amatsinda anyuranye bakoreramo umwitozo w'inyunguramagambo. Iyo bakora amatsinda bakora ku buryo agenda anyurana. Babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane. Si byiza gukora amatsinda arengeje abantu batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka kandi avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda ugenda yandika ibyo bumvikanyeho.

Mu gihe cyo gukora umwitozo w'inyunguramagambo, umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda yabo, bagenda basobanura amagambo akomeye banditse igihe basomaga bucece. Abasaba kandi gukora umwitozo w'inyunguramagambo watanzwe mu bitabo byabo akabaha igihe cyo kubikora. Umwarimu agenda asura buri tsinda kandi atanga ubufasha aho bukenewe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda cyangwa abagize itsinda bose bamurikira bagenzi babo ibyo bagezeho. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo. Ubu buryo bwo kumurika ibyavuye mu matsinda ni na bwo bukoreshwa ahandi hose hari umwitozo ukorerwa mu matsinda.

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora ubugororangingo ku bisubizo bikwiye maze bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

3. IMBONEZAMASOMO KU BIBAZO BYO KUMVA UMWANDIKO

Iyo abanyeshuri bamaze gukora umwitozo w'inyunguramagambo, umwarimu abasaba gusubira mu matsinda yabo akabasaba gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byatanzwe mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe agakora bimwe andi agakora ibindi.

Mu gihe cyo kubimurika, hamurika amatsinda afite ibibazo bitandukanye ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda rirabisubiza bityo uburyo bwo kubimurika bugakorwa nko ku mwitozo w'inyunguramagambo.

Igice cya kabiri: Gusesengura umwandiko

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

Imbonezamasomo yo gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

1. Isubiramo

Mu isubiramo, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga. Bashobora no gukosora umukoro baba barahawe. Iki gice gifasha umwarimu kwinjira neza mu isomo rishya.

2. Isesengura

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitozo wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitozo wo kumva umwandiko ukorwa.

Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko umwarimu afasha abanyeshuri ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

Urugero

Iyo umunyeshuri asabwa gushaka insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, umwarimu yamubaza gutahura ingingo yibanzweho mu mwandiko cyangwa akamusaba gushaka undi mutwe yaha umwandiko. Ibi byamufasha gutahura insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, umwarimu ashobora kumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko.

Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa.

Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bityo bikamufasha gutahura isomo

umwandiko umusigiye.

Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

Iyo igihe bahawe kirangiye, abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda.

Igice cya gatatu: Kujya impaka/ kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo bikorerwa mu matsinda anyuranye. Iyo bagiye kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cyabo. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo uyobora abandi mu gutanga ibitekerezo byabo. Mu gihe bungurana ibitekerezo, umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe. Iyo kungurana ibitekerezo mu matsinda birangiye, abagize itsinda bumvikana ku bitekerezo by'ingenzi, umuyobozi wa buri tsinda akabisangiza andi matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo ukandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Iyo ari ukujya impaka, umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kigibwaho impaka. Umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri uburyo impaka zigibwa, akabasaba kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abatari mu matsinda gukurikira kugira ngo baze kugira icyo bavuga ku mpaka zagiwe.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka n'umwanditsi w'ibitekerezo by'ingenzi. Umwarimu akamusaba gutangiza ikiganiro akurikije amabwiriza yahawe. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo akanagenzura imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya.

Iyo barangije, umwarimu asaba abandi banyeshuri batari mu matsinda ajya impaka kugira icyo bavuga ku bitekerezo byatanzwe n'amatsinda yajyaga impaka. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bose gukora umwanzuro ukwiye ukandikwa ku kibaho no mu makayi y'abanyeshuri.

Igice cya kane: Ikibonezamvugo/ ubuvanganzo

1. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo

Iyo higishwa ikibonezamvugo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi.

1.1. Intangiriro

Mu ntangiriro, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza

ayo magambo akababaza ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

1.2. Gusesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero cyangwa imbuga bareberaho bifashishije ikoranabuhanga ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe, cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

1.3. Kumurika ibyavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri cyangwa mu isomero. Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byakozwe mu yindi myitozo ikorerwa mu matsinda.

2. Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo

Iyo higishwa isomo ry'ubuvanganzo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi.

Intangiriro

Mu ntangiriro, umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango byawo. Iyo ari indi ngeri ishobora gutahurwa nk'ibisakuzo cyangwa imigani migufi, agenda abigaragaza ku buryo bwihariye agasaba abanyeshuri kwitegereza imiterere yabyo kugira ngo batahure inshoza n'uturango byabyo.

Gusesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero cyangwa imbuga bareberaho bifashisha ikoranabuhanga ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe, cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

1.3 Kumurika ibyavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri cyangwa mu isomero. Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byakozwe mu yindi myitozo ikorerwa mu matsinda.

Ikitonderwa

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavuga nk'imyandikire y'ururimi, guhanga, gutondagura umuvugo,

gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo. Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda; buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu bihangano byakozwe.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakinankuru basabwa kwigana, akabasaba gukina babigana. Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

Iyo ari ugutondagura umuvugo, umwarimu abanza kuwubasomera agenda agaragaza isesekaza, imbamutima n'ibyiyumvo. Iyo ibyo birangiye, umwarimu abasaba kubyitoza agenda abakosora, hanyuma akabasaba gutondagura umuvugo bagaragaza isesekaza, imbamutima n'ibyiyumvo.

UMUTWE WA MBERE
UMUCO NYARWANDA

1

Umubare w'amasomo: 28

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusesengura igitekerezo k'ingabo, ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato no guhanga ikivugo.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda n'uturango twazo

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Iyo mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ikibazo kivuga kuri iyi ngingo, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe uburinganire n'ubwuzuzanye.

Kwita ku bidukikije: Iyo mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ikibazo kivuga kuri iyi ngingo, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'akamaro ko kurengera ibidukikije.

Umuco w'amahoro n'indangagaciro: Iyo mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ikibazo kivuga kuri iyi ngingo, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'ibijyanye n'umuco w'amahoro.

Umuco wo kuzigama: Iyo mu bibazo byo gusesengura umwandiko harimo ikibazo kivuga kuri iyi ngingo, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'ibijyanye n'umuco wo kuzigama.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Umutwe wa mbere: Umuco nyarwanda
Umubare w'amasomo:28

Ibice	intego rusange	umubare w'amasomo
igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko "Igitero k'i Butembo"	Gusobanura ingingo z'amateka n'iz'umuco nyarwanda	Amasomo 4
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Igitero k'i Butembo"	Gusesengura umwandiko	Amasomo 3
Igice cya gatatu: Ubuvanganzo nyabami	Gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyabami.	Amasomo 4
Igice cya kane: Ibitekerezo by'ingabo	***Gusesengura igitekerezo k'ingabo.***	***Amasomo 6***
Igice cya gatanu: Ibyivugo	Gusesengura ibyivugo.	Amasomo 8
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 3

Umwandiko: Igitero k'i Butembo

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 02)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'igitekerezo k'ingabo, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

I. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye.

a) **Nyakotsi:** ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

b) **Kugishisha inka:** kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

c) **Umuhinza:** umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamutura amakoro na we akabaha imvura, akabahahiriza (guhashya) ibyonnyi akabatsirikira ibiza.

d. **Kuramvura ingoma:** kuyibaza.

e) **Gukubanga:** kwigarurira.

f) **Kunyaga: g**utwara imitungo y'undi ku mbaraga.

g) **Amakoro:** amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

h) **Kuvunyisha:** gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

i) **Amazimano:** amafunguro bakiriza umushyitsi**.**

j) **Abatasi:** ***a***bantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

k) **Kuvogera umugezi:** kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

2. Koresha buri jambo muri ayo umaze gusobanura mu nteruro iboneye.

Ikitonderwa: ku bijyanye no gukoresha amagambo mu nteruro umwarimu areba ko abanyeshuri bakora interuro ziboneye.

3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye

a) Azahindukirira ≠ **azagendera**

b) Guhunga ≠ **guhunguka**

c) Gukuka umugezi ≠ **kwinjira mu mugezi, gushoka umugez**i

d) Guhinguka ≠ **kurenga**

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 9)

a) Mu gitero k'i **Butembo** Abanyarwanda bahakuye imbuto y'**amashaza**.

b) Igitero k'i Butembo cyabaye mu wa **1874** cyagabwe kiyobowe n'umwami **Kigeli IV Rwabugiri**

c) Igitero cyahagurukiye i **Rwamaraba** gisozerezwa inyuma y'ishyamba i **Butembo**.

2. Sobanura intandaro y'igitero k'i Butembo:

Umuhinza wo mu Buhunde witwaga Muvunyi wa Karinda yanyaze u Rwanda inka z'inyambo zitwaga Imisakura zari zaragishishirijwe i Kamuronsi ku mupaka w'u Buhunde.

3. Ni nde wafashe iya mbere mu gushoza urwo rugamba?

Umwami Kigeli IV Rwabugiri

4. Ni ikihe gihembo cyari giteganyirijwe umugore uzarusha abandi kwitegura umwami? Gutaramirwa n'ingabo; inyambo zigataha iwe.

5. Shaka ibintu cyangwa ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye ibidukikije unasobanure uko ubibona.

Nyakotsi, kuvogera umugezi: Impamvu ni uko nyakotsi yasigaga imyotsi ihumanya ikirere; kuvogera umugezi n'ibirenge byanduza amazi byatera abantu indwara.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye:

- Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
- Gusubiramo ibivugwa mu mwandiko mu magambo ye bwite.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko biteganyijwe mu mbonezamasomo n'umuteguro w'isomo ntangarugero bijyanye n'iki gice.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:

1. Amakoro yatangwaga ibwami wayagereranya n'iki muri iki gihe? Sobanura igisubizo utanze uhereye ku kamaro kayo.

Yagereranywa n'imisoro n'amahoro: Impamvu ni uko amaturo yajyanwaga ibwami kugira ngo bayakoreshe imirimo inyuranye naho imisoro n'amahoro bikaba bihabwa Leta bigakoreshwa mu guteza imbere Igihugu.

2 Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Inkomoko y'igitero	Uruzinduko rw'intumwa z'i Burundi kwa Mwezi
Imihigo y'igitero	Imyiteguro y'abagore b'umwami
Imigendekere y'igitero	Kurya amashaza
Ibirori by'imyiyereko	Kwihumanura
Imvano y'ikivugo "Inkatazakurekera"	

3. Vuga muri make ibikubiye muri uyu mwandiko mu magambo yawe bwite.

Umwarimu areba niba inshamake y'umwandiko wa buri munyeshuri iboneye akamufasha kuyinoza.

4. Huza ibivugwa muri uyu mwandiko n'ubuzima busanzwe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ugaragaza ingaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda.

Umwarimu areba ibisubizo by'abanyeshuri batandukanye akabafasha kubinoza.

Igice cya gatatu: *Ubuvanganzo nyabami*

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 6)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ubuvanganzo nyabami.
- Kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyabami.
- Gutahura uturango twa buri ngeri.
- Kugaragaza umuco wo gushishikarira no gushishikariza abandi gusoma imyandiko y'ubuvanganzo nyabami.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Igitero k'i Butembo" akabasaba kugereranya ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko bize mu mwaka wa kane maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura ingeri y'ubuvanganzo uherereyemo n'inshoza y'ubwo buvanganzo. Abasaba no kurondora izindi ngeri z'ubwo buvanganzo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'isomo riteguye ryo ku buvanganzo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11.

Imyitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11)

1. Ubuvanganzo nyabami ubona butandukaniye he n'ubuvanganzo bwo muri rubanda?

Aho bitaniye ni uko ubuvanganzo nyabami bwavugaga ku bijyanye n'ingoma ya cyami kandi bufite abo bugenewe. Ubuvanganzo bwo muri rubanda bwo ntawabuhezwagaho kandi bwari bukubiyemo ibintu byasakaye muri rubanda.

2. Wowe na bagenzi bawe nimutange ibitekerezo ku kamaro k'ubuvanganzo nyabami muri iki gihe.

Umwarimu areba uko abanyeshuri batanga ibitekerezo, aho bibaye ngombwa abakorere ubugororangingo.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Rondora nibura ingeri eshanu z'ubuvanganzo nyabami unazitandukanye.

Ibisigo nyabami: ni ibihangano byubatse nk'imivugo ikoreshejwemo ikeshamvugo n'amagambo y'indobanure, bigasingiza abami, ingoma ngabe n'ibikorwa byabo n'uko batsinze amahanga ndetse n'uko bazatsinda abandi bazabigereza.

Ubwiru: bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y'ibwami.

Ubucurabwenge: ni umuvugo wari ukubiyemo ibisekuru by'abami n'abagabekazi.

Ibitekerezo by'ingabo: ni ibihangano byari bikubiyemo inkuru z'ibitero byagabwe hanze y'u Rwanda cyangwa byagabwe ku Rwanda.

Ibyivugo: ni ibihangano biteye nk'imivugo irata ubutwari (ibigwi n'ibirindiro) intwari runaka yagaragarije ku rugamba kandi ugasanga bakoreshamo ikeshamvugo.

Indirimbo z'ingabo: ni indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza umutsindo. Zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware) cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi. Izo ndirimbo zabagamo amakabyankuru.

Amazina y'inka: byari nk'ibyivugo birata inyambo. Habagamo itondeke ripimye (umubare w'utubangutso). Hagaragaragamo ikeshamvugo n'amagambo yabugenewe.

2. Ingeri z'ubuvanganzo nyabami zihuriye ku ki?

Ingeri z'ubuvanganzo nyabami zihuriye ku ngingo zikurikira.

- ***Zose zirata ubutwari bw'umwami, umuryango w'umwami, ingoma ngabe n'uko yiganzura amahanga.***
- ***Zose zaberaga ibwami cyangwa zikomoza ku bibera ibwami.***

Umwitozo nyagurabushobozi

1. Vuga akamaro k'ubwiru n'ubucurabwenge muri iki gihe?

Umwarimu areba niba mu gisubizo cy'umunyeshuri hagaragaramo ingingo zijyana n'umuco n'amateka.

2. Gereranya ubuvanganzo nyabami n'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

Ubuvanganzo nyabami	Ubuvanganzo bwo muri rubanda
Buvuga abami, ibikomangoma n'imiryango ikomeye (Bufatiye ku ngoma ya cyami). Bufite uwabuhimbye. Bukoresha ikeshamvugo n'imvugo yabugenewe. Imvugo ikoreshwamo iradanangiye si iy'ubonetse wese.	Buvuga rubanda Ntawamenya uwabuhimbye. Bukoresha ikeshamvugo n'imvugo yabugenewe, rimwe na rimwe bugakoresha imvugo nyandagazi nk'iy'ibitutsi. Imvugo ikoreshwamo yorohera abayumva.

Igice cya kane: Ibitekerezo by'ingabo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 8)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ibitekerezo by'ingabo.
- Gutahura uturango tw'ibitekerezo by'ingabo.
- Gutandukanya igitekerezo k'ingabo n'izindi ngeri z'ubuvanganzo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Igitero k'i Butembo" maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza n'uturango byawo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya n'urugero rw'isomo riteguye ryo ku buvanganzo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 12.

Imyitozo n'ibisubizo

1. Ku bwawe urabona akamaro k'ibitekerezo by'ingabo kari akahe?

- **K**umenya ibitaratunganye mu gitero bavuyemo, bityo bikabafasha kuzatunganya ibitero bizakurikiraho.
- Kumemya ababaye intwari ku rugamba no kubagororera.
- Kunenga ababaye ibigwari bityo na bo bikazabafasha kwikosora mu bitero bizakurikiraho.
- Kumenya imigendekere y'ibitero bitandukanye (amateka adakwiye kwibagirana).
- Gushishikariza abakiri bato kuzagira ubutwari.

2. Kwiga ibitekerezo by'ingabo bidufitiye akamaro muri iki gihe ndetse n'ikizaza. Bitangeho ibitekerezo.

Urugero rw'ibitekerezo byatangwa:

- Guharanira kuba intwari.
- Kugira ubushobozi bwo gusobanura amateka y'u Rwanda.
- Gutegura ingamba mu bikorwa by'igihe tugezemo.
- Guharanira kwesa imihigo.
- Kwitangira igihugu.
- Guhabwa ibihembo.
- Gukorera ku mihigo.
- Kugira agaciro mu ruhando rw'abandi.
- Guhabwa imidari y'ishimwe.

3. Gereranya igitekerezo k'ingabo n'insigamugani.

Icyo bi-huriyeho	Icyo bitandukaniyeho	
Byombi bikubiyemo amateka kuko bikomoka ku bantu bazwi. Byombi bikunze kubonekamo ikeshamvugo.	Igitekerezo k'ingabo	Insigamugani
	Ni inkuru ibara ibyabayeho mu gitero iki n'iki. Kivuga ku ngabo n'umwami n'abo mu miryango ikomeye y'ibwami Igitekerezo k'ingabo kibamo ibyivugo.	Ni imvugo yamamaye ikomotse ku byabaye mu gihe runaka igasiga imvugo ihinnye iteye nk'umugenurano cyangwa nk'inshoberamahanga. Ni umuntu iyo mvugo ihinnye yakomotseho. Ni inkuru irambuye isobanura aho iyo mvugo yakomotse. Ishobora kuvuga no ku bindi bintu bitari abantu nk'inyamaswa, inyoni n'ibindi. Muri rusange nta makabyankuru arimo.

Umwitozo nzamurabushobozi

Ababaraga inkuru y'uko urugamba rwagenze babitaga ba nde? Ni uwuhe mwihariko wabo ubagereranyije n'abandi?

Babitaga abavuzi b'amacumu, bari bafite umwihariko wo kumenya gufata mu mutwe, kuvuga batajijinganya, kutibagirwa…

Umwitozo nyagurabushobozi

Uretse uyu mwami wagabye iki gitero k'i Butembo, vuga andi mazina 5 y'abami b'u Rwanda waba uzi. Hitamo izina rimwe muri abo bami batanu watanze uvuge icyo umuziho.

Mutara II Rwogera, Yuhi II Gahima, Ndahiro II Cyamatare, Ruganzu II Ndoli, Yuhi V Musinga, Yuhi III Mazimpaka, Mutara III Rudahigwa…

Umwarimu arumva ibyo umunyeshuri avuga ku mwami umwe yahisemo, anamukosore mu gihe yavuga ibitari ukuri.

Igice cya gatanu: Ibyivugo

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 9)

Intego zihariye

Ahereye ku ngero z'ibyivugo byanditse yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'ikivugo.
- Gutahura amoko y'ibyivugo n'uturango twabyo.
- Gutandukanya ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.
- Guhanga ikivugo kigaragaza ubutwari bwe mu mirimo runaka.
- Kwivuga yigana uko byakorwaga mu muco nyarwanda.
- Guseruka mu ruhame yivuga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko w'ikivugo bitegereza imiterere yawo akabasaba gukora ubushakashatsi batahura ubwoko bwawo, inshoza, uturango n'amoko ya bene uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'isomo riteguye ku buvanganzo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu

abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Umwitozo n'igisubizo

Hanga ikivugo k'imyato maze ukivugire (kwivuga) imbere ya bagenzi bawe.

Umwarimu areba ko ikivugo cya buri munyeshuri gihimbye neza, ahadatunganye amufashe kuhanoza kandi arebe ko akiîvuga neza.

Umwitozo nzamurabushobozi

Hanga ikivugo k'iningwa cyo muri iki gihe tugezemo maze ukivugire (kwivuga) imbere ya bagenzi bawe.

Umwarimu areba ko ikivugo cya buri munyeshuri gihimbye neza, ahadatunganye amufashe kuhanoza kandi arebe ko akivuga neza.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga ikivugo k'imyato kigaragaza ubutwari bw'umuntu runaka mu iterambere.

Umwarimu areba ko ikivugo cya buri munyeshuri gihimbye neza, ahadatunganye amufashe kuhanoza kandi arebe ko akivuga neza.

Inshamake y'umutwe wa mbere

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake bakora

- Ubuvanganzo nyabami burimo ingeri nyinshi: ibitekerezo by'ingabo, ibyivugo, ibisigo, amazina y'inka, ubwiru, ubucurabwenge n'ibindi.
- Igitekerezo k'ingabo kirangwa no kuba kivugwamo inkuru y'igitero cyagabwe, uko cyagenze n'abakigizemo uruhare.
- Ibyivugo by'iningwa birangwa no kuba ari bigufi kandi bitagabanyijemo ibika.
- Ibyivugo by'imyato biba ari birebire kandi bigabanyijemo ibika bita imyato.

Ubumenyi bw'inyongera

Ibitekerezo by'ingabo

Ku ngoma y'umwami Kigeli IV Rwabugiri ni ho haboneka ibitekerezo by'ingabo byinshi kuko ari umwe mu bami bagabye ibitero byinshi.

Ibitero Kigeli IV Rwabugiri yagabye mu mahanga

Rwabugiri amaze gushyira umurwa we Sakara ho mu Gisaka, " Rukurura" Ingabe y'i Gisaka ni ho yanyazwe igambaniwe n'umutware Kabaka ka Kayagiro. Ubwo rero i Gisaka kegukira u Rwanda burundu.

1. Igitero cy'amazi

Cyari kigamije gukangara i Ndorwa yari imaze kunyaga ubushyo bw'inka z'u Rwanda, muri zo hari izitwaga "Umuhozi". Kiswe igitero cy'amazi, ku mpamvu y'imvura y'urushyana yujuje imigezi igakuka ingabo zikabura aho zimenera.

2. Igitero k'i Bumpaka

Hafi ya Rwicanzige, icyo gitero cyari kibasiye gucogoza ubukubaganyi bw'igikomangoma cyo mu Ndorwa, kiyitaga Rugaju, cyahigiraga kuyogoza u Rwanda. Ubwo icyo gitero gitsemba Ndorwa kirayihashya mpaka Rwicanzige.

3. Igitero cyo muri Lito

Ingabo z'u Rwanda zari zibasiye igikomangoma Nkoronko, zishinga ibirindiro ku nkiko y'u Burundi, zitera Rugigana umutware wo mu Lito rya Ngaragu h'i Burundi, byo kurengagiza.

4. Igitero cyo mu Butembo

Iki gitero cyari icyo "Kumvisha" Muvunyi wa Kalinda, Umwami w'u Buhunde wanyaze "Imisagara" yagishiye i Kamuronsi.

5. Igitero cya mbere cyo ku Ijwi

Ibitero byo ku Ijwi, byagabwaga mu mato y'indere aturira abantu 10, n'ay'inkuge aturira abarenze 20, "Icumbi" ikaba imisego begamira, cyangwa se intebe z'abasare bavugama. Iki gitero cyari kibasiye Kabego umwami wo ku Ijwi wishwe na Rwanyonga rwa Mugabwambere.

6. Igitero cya Gikore

Ho mu Kigezi hafi ya Kabare (hagengwa n' u Buganda). Iki gitero cyahurujwe na Nyiringabo, kugira ngo yongere igihugu cy'Abagina. Ni na cyo cyazanye ubwoko bw'ibijumba biri mu Rwanda mbere yaho hari "Gafuma" gusa.

7. Igitero cyo ku Buntubuzindu

Cyari kigamije kurwanya Byaterana umwami w'u Bunyabungo wari utuye ku Buntubuzindu. Ubwo Abashi banesha igitero cy'Abanyarwanda cyari kigizwe n'imitwe ibiri gusa. Abacitse ku icumu bagobokwa n'umurishyo w'ingoma zasukiye ku Nteko zigakanga Abanyabungo bagasubira bakavunura.

8. Igitero cyo ku Kanywiriri

Hafi ya Muzimu hari igishanga cy'urufunzo cyari inkambi y'ingabo z'Abanyabungo. Icyo

gitero cyari kigamije kwihimura. Abanyarwanda barwana inkundura, batwika urugerero rw'Abanyabungo, ariko isayo ntiyatuma bafata **Kanywiriri. Kigeli ategeka guhagarika imirwano, ingabo zunamura icumu.**

9. Igitero cya kabiri cyo ku Ijwi

Kigeli yari yarigaruriye Ijwi ryaramuyobotse, Nkundiye waryo aza kurigandisha. Iki gitero cya Kabiri cyari kibasiye icyo kigande. Nkundiye amaze gushoberwa ingabo zimusatiriye aho yahungiye mu kirwa k'i Shovu, yiroha mu Kivu Ijwi rirayoboka.

10. Igitero cy'i Bushubi

Kibogora umwami w'i Bushubi amaze gutanga, yasimbuwe na Nsoro. Rwabigimba umwe mu bavandimwe be atangiye kumurwanya, Nsoro yitabaza Kigeli Rwabugiri. Kigeli aratabara, Rwabigimba araneshwa ahungira mu Bugufi bwari ubw'i Burundi muri ibyo bihe.

11. Igitero cyo ku Kidogoro

Iki gitero cyagabwe ahantu ho mu majyaruguru ya Bukavu, ahagana mu bya Karehe. Ubwo Byaterana yari amaze gutanga, asimbuwe na Rutaganda wari ukiri muto. Umugabekazi Mugeni Gahwijima ari we ugenga igihugu. Ubwo igitero cy'Abanyarwanda cyasaga n'igisonga u Bunyabungo bwari bumaze kuzahazwa n'amapfa. Muri icyo "Kibariro" mu Rwanda hatera muryamo, ubushita n'imvunja.

12. Igitero cyo ku Rusozi

Icyo gitero cyo ku Rusozi ari yo Bukavu y'ubu, cyari kigamije gufata mpiri Rutaganda n'umugabekazi Mugeni Gahwijima, kikanyaga Ingabe y'u Bunyabungo Karya-Mahugu, kugira ngo u Rwanda rwigarurire by'imvaho u Bunyabungo. Rutaganda na nyina bari bahungiye ahantu ho muri Bishugi mu magepfo y'u Bunyabungo, kwa Katabirurwa. Igitero kica Katabirurwa, gifata mpiri umugabekazi, Rutaganda abagaragu be baramucikana.

13. Igitero k'Imigogo

Imigogo zari Ingabo za Ankole, rimwe baza guhengera Rwabugiri umwami w'u Rwanda yateye i Kivu na bo batera u Rwanda banyaga inyambo, Rwabugiri abimenye na we agabayo igitero. Icyo gitero cyari kibasiye Ntare IV Rwamigereka umwami w'i Nkole wari wanyaze inyambo z'i Rwanda, agatwika ingoro y'i Rutaraka hafi ya Nyagatare. Kigeli Rwabugiri yari i Bunyabungo n'ingabo ze, nibwo avunuye atera i Nkole, yigarurira umurwa Mbarara, Rwamigereka yari yahunze, amenesha Imigogo y'Abanyankole, agarika ingogo, imbunda zabo zahindutse ibifuma.

Ibyivugo

Uretse ingeri ebyiri z'ibanze z'ibyivugo twabonye, usanga hari ubundi bwoko bw'ibyivugo busa n'ububushamikiyeho.

Ibyo ni:

- Ibyivugo by'amahomvu: ni utwivugo duto, usanga akenshi twivugwa n'abana ariko tutari ku rwego rw'iningwa**.**
- **Ibyivugo by'impuruture**: ni ibyivugo birebire ugereranyije n'iby'iningwa ariko kandi muri rusange bitagejeje ku burebure bw'iby'imyato. Birangwa no kuba bigiye umujyo umwe, bitagabanyijemo ibika.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 14)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura igitekerezo k'ingabo, ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato no guhanga ikivugo cyo mu gihe tugezemo.
- Ubushobozi bwo kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyabami.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Erekana impamvu yatumye Ntare Rugingiza ashaka gutera u Rwanda.

Ni uko yumvise ko Rwabuguri agira igihugu kiza kandi kinini, akagira n'inka nziza nyinshi.

2. Shaka mu mwandiko amazina y'abatware bane bahigiye gutera Rwabugiri.

Igumira rya Bacwa, Ruharabwoba, Matsiko mu nyana, Itiri rya Gicobwa, Kijoma cya Kayisinga.

3. Hari inama Bwafamba yagiriye umwami w'Abanyankore. Ni iyihe? Yayimugiriye kubera kumukunda?

Bwafamba yamugiriye inama yo kujya guhuhura Abanyarwanda. Oya: ahubwo yaramushukaga.

4. Ukurikije ikivugwamo urasanga uyu mwandiko ari bwoko ki?

Uyu mwandiko ni igitekerezo k'ingabo. Impamvu ni uko havugwamo igitero cyagabwe n'umwami w'Abanyankore ari we Ntare Rugingiza.

5. Uretse igitero umaze gusoma vuga ibindi bitero waba uzi?

Igitero k'i Butembo, igitero cy'umunsi w'inyana, igitero cyo mu Lito...

6. Muri make muri uyu mwandiko haravugwamo iyihe nsanganyamatsiko?

Igitero cyasakiranyije hagati y'Abanyarwanda n'Abanyankore ndetse n'imyiteguro y'ingabo n'abatware mbere y'uko urugamba rurema.

7. Sobanura uko abatware b'Abanyankore bakiriye igitekerezo cy'umwami Ntare cyo gutera u Rwanda.

Barishimye cyane kuko bavuze bati: "Wabera niho ukiduhaka, umuntu uduhaye gutera u Rwanda, umuntu uduhaye gutera Rwabugiri!"

II. Inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro ugendeye ku nyito afite mu mwandiko:

- Iyo gihera
- Gukura ubwatsi
- Guhuhura
- Intore
- ***Guhiga***

Abanyeshuri batanga interuro zitandukanye. Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri banditse zikwiye, aho asanze zitanoze akabafasha kuzinoza.

III. Ubuvanganzo

1. Tanga ingeri eshanu zo mu buvangazo nyabami wize.

Ibisigo nyabami, amazina y'inka, ubwiru, ubucurabwenge, inanga, ibyivugo

2. Ukoresheje ubushobozi wungukiye muri uyu mutwe wa mbere gereranya igitekerezo k'ingabo n'ikivugo?

Icyo bihuriyeho	Icyo bitandukaniyeho	
	Igitekerezo k'ingabo	Ikivugo
Byombi biri mu ngeri y'ubuvanganzo nyabami.	Kivuga uko igitero cyagenze.	Uwivuga yirata ibigwi n'ibirindiro yagiriye ku rugamba.
Byombi bikoresha amagambo yabugenewe (ikeshamvugo).	Cyandikwa mu mudandure akenshi uvanzemo ibyivugo.	Cyandikwa mu mukarago.

3. Ibyakorwaga mu gutangira no gusoza igitero wabigereranya ute na gahunda ubuyobozi bushyize imbere yo kureba ibyo abantu biyemeje gukora n'uko babigezeho?

Mu gutegura igitero babanzaga kwicara hamwe bakanoza umugambi w'uko bifuza ko urugamba ruzagenda, bakagera ingabo bakegeranya n'ibizakenerwa byose. Urugamba rwarangira umuvuzi w'amacumu akagaragaza ku buryo burambuye uko rwagenze.

Hakagaragazwa niba icyari kigambiriwe mbere yo kugaba igitero cyaragezweho. Kuri ubu, ibyo twabigereranya na gahunda y'imihigo aho abantu bagaragaza ibyo bifuza kugeraho mu gihe runaka (guhiga), nyuma bakazareba niba barabigezeho (guhigura/kwesa imihigo), ibyiza bagakomeza kubishimangira, ibitaragenze neza bigakosorwa.

4. Hanga ikivugo k'imikarago nk'icumi wishyize mu mwanya w'umuntu wirata ubutwari bw'ibikorwa byiza yakoze.

Umwarimu areba ibyivugo abanyeshuri batanze akabafasha kubinoza.

Umwitozo nzamurabushobozi

Hanga ikivugo k'iningwa uvuga uko watsinze amasomo umwaka ushize

Umwarimu areba uko abanyeshuri bakoze umwitozo.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga ikivugo k'imyato kivuga ku muntu witeje imbere.

Umwarimu areba uko abanyeshuri bakoze umwitozo.

UMUTWE WA KABIRI
UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

2

Umubare w'amasomo: 20

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye no gukoresha mu mvugo no mu nyandiko imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo no ku ngoma.
Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi inshingano z'abagize umuryango kandi ashobara gutahura mu mwandiko imvugo zitanoze.
Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe basesengura umwandiko w'uyu mutwe uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. Umuco wo kuzigama: Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa akamaro k'umuco wo kuzigama kavugwa mu mwandiko. Umuco w'ubuziranenge: Umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa akamaro ko kurya ibiryo bifite ubuziranenge kavugwa mu mwandiko.
Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kabiri n'umubare w'amasomo

Umutwe wa mbere: Uburinganire n'ubwuzuzanye Umubare w'amasomo:20		
Ibice	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko "Ababiri bajya inama"	Gusobanura ingingo z'amateka n'iz'umuco nyarwanda.	Amasomo 4
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Ababiri bajya inama"	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyabami.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ikeshamvugo	Gukoresha neza imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma, mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 9
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 3

Umwandiko: Ababiri bajya inama

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 18)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gusobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice n'urugero rw'umuteguro w'isomo rijyanye no kwigisha umwandiko.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo

1. Urebera mu merekezo yose, tahura muri iki kinyatuzu amagambo afite ibisobanuro bikurikira.

a) Ibitwenge byo kunnyega umuntu.

b) Twongere twiteze imbere.

c) Amafaranga atangiza umushinga.

d) Gutunganya neza.

e) Gutanga amafaranga bakaguha umurima wo guhinga mu gihe runaka.

f) Umuntu ukize ku bintu.

g) Uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange.

h) Ubufatanye bugaragarira mu mirimo umugore yunganiramo umugabo ku buryo buri wese abarirwa mu murimo runaka mu bwubahane.

i) Igikorwa cyo kuzamura imibereho myiza.

Ayo magambo ni:

a) Inkwenene
b) Twizahure
c) Igishoro
d) Kunonosora
e) Kwatisha
f) Umukungu
g) Uburinganire
h) Ubwuzuzanye
i) Iterambere

U	B	U	R	I	N	G	A	N	I	R	E
A	B	M	Y	H	N	V	V	B	G	N	M
T	B	W	J	N	M	Y	R	B	N	I	M
N	V	N	U	V	G	N	B	N	M	N	B
M	T	W	I	Z	A	H	U	R	E	K	O
A	M	N	D	T	U	U	T	G	K	W	R
U	B	W	U	Z	U	Z	A	N	Y	E	O
K	W	A	T	I	S	H	A	M	R	N	H
M	J	I	O	P	M	B	N	N	N	E	S
N	U	G	N	U	K	U	M	U	Y	N	I
E	R	E	B	M	A	R	E	T	I	E	G
K	U	N	O	N	O	S	O	R	A	Q	I

2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ugaragaza ko wumva icyo avuga mu mwandiko.

a) Inkwenene (Urugero: Ni byiza gukosora ukoze amakosa aho kumuha inkwenene.)

b) Igishoro (Urugero: Yagiye muri banki kuguza igishoro kugira ngo akore umushinga we.)

c) Umukungu (Urugero: Iwacu turi abakungu kuko tweza tugasagurira isoko.)

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1.Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko? Kuki rubanda bavugaga ko nta cyo bazigezaho?

Ni umuryango wa Kamari na Nyiramana. Rubanda bavugaga ko nta cyo bazigezaho kubera ko bashakanye bakennye.

2. Umuryango w'abavugwa mu mwandiko urangwa n'iki?

Umuryango w'abavugwa mu mwandiko urangwa n'ubwumvikane n'ubufatanye muri byose.

3. Iterambere ry'umuryango wa Kamari na Nyiramana rikomoka he?

Iterambere ry'umuryango wabo rikomoka ku buringanire n'ubwuzuzanye buri hagati yabo.

4. Sobanura uko uburinganire n'ubwuzuzanye ari inkingi y'iterambere.

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi y'iterambere kuko iyo mu muryango umugore yumvikana n'umugabo bakajya inama ndetse bagafatanya muri

byose icyo bashaka cyose bakigeraho kuko baba bunganirana muri byose kandi bafashanya.

5.Garagaza akamaro k'umuco wo kuzigama kagaragara mu mwandiko.

Umuryango wa Kamari kubera umuco wo kuzigama babashije kwiteza imbere, abana babo biga mu mashuri meza n'umuryango wabo uba intangarugero mu mudugudu wabo.

6.Mu mwandiko batubwira ko umuryango wa Kamari wagaburiraga abana babo indyo yuzuye kandi ifite ubuziranenge. Sobanura akamaro ko kurya indyo ifite ubuziranenge.

Iyo umuntu arya indyo ifite ubuziranenge bimurinda indwara agakura neza kandi akagira ubuzima bwiza.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. Kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe akuye mu mwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga bituma binjira mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya n'urugero rw'umuteguro w'isomo.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
– Imibanire y'abagize umuryango wa Kamari na Nyiramana. – Uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'abagize umuryango.	– Uburere bw'abana. – Umuco wo kuzigama. – Umuco w'ubuziranenge.

2. Ni irihe somo ryo mu buzima busanzwe twakura muri uyu mwandiko?
Aha buri munyeshuri ashobora kuvuga isomo akuyemo umwarimu akareba niba ari ryo koko akamufasha kurinonosora.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye n'ibitekerezo bye bwite, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:
Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye.
Gusobanura ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere.
Kugaragaza ubushake bwo kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye no kubishishikariza abandi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kujya impaka.

3.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya ndetse n'umuteguro w'isomo ntangarugero bijyanye n'iki gice.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira: "Ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda."

Urugero rw'umwanzuro

Umwarimu areba niba abanyeshuri baganishije ibitekerezo byabo kuri uru rugero rw'umwanzuro: uburinganire n'ubwuzuzanye bufite ibyiza binyuranye. Muri byo twavuga: imibanire myiza y'abagize umuryango, kumvikana mu muryango, kwiteza imbere...

Igice cya kane: Ikeshamvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 21)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura no gusobanura inshoza y'ikeshamvugo. Gutahura no gusobanura amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma, ku gisabo no ku isekuru. Gukoresha imvugo ikwiye mu Kinyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma akandiko karimo imvugo itanoze, ababaze ibibazo biganisha ku ikeshamvugo bituma binjira neza mu isomo rishya.

Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 24.

Imyitozo n'ibisubizo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 30-31)

1. Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo yabugenewe ahakoreshejwe imvugo idakwiye

a)Akirangiza gukama yahise asubiza inyuma izindi nka maze azana ibyatsi atangira kuzihanagura zose.

Agihumuza yahise **akumira** izindi nka maze azana **inkuyo** atangira **kuzihonora** zose.

b)Kamari yajyanye inka aho zirishiriza ubwatsi.

Kamari **yahuye** inka **mu rwuri.**

c)Abantu bamwe bakunda amata y'inka ikibyara abandi bakikundira amata amaze kuvura.

Abantu bamwe bakunda **umuhondo** w'inka abandi bakikundira **ikivuguto.**

d)Ingoma zirashyushywa mbere yo kuzivuza.

Ingoma **ziroswa** mbere yo kuzivuza.

e)Turasabwa kuzakora amanama menshi kugira ngo amakwe yacu azagende neza.
Turasabwa kuzakora **inama** nyinshi kugira ngo **ubukwe** bwacu buzagende neza.

Uzuza imbonerahamwe ikurikira.

Ntibavuga	**Bavuga**
Aho bamena amase y'inka	Icukiro
Aho inka zibyagira	Ku ibuga/ ku gikumba
Abajama	Urungano
Amaniga	Bagenzi bange
Siyaje	Ntiyaje
Kumanika igisabo	Kujisha igisabo
Gushyira ingoma hasi	Kururutsa ingoma

Umwitozo nzamurabushobozi

Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo iboneye kandi usanishe interuro neza.

- Nari pfuye nadakoze ubukwe.
  Nari mfuye **ntakoze** ubukwe.
- Reka ntambuke utankoma nkamena aya mata.
  Reka ntambuke utankoma **nkabogora** aya mata.
- Inyana nto zisubiye mu kiraro cyazo.
  Imitavu isubiye mu ruhongore.
- Se wa data akunda abana bange.
  Sogokuru akunda **abuzukuru.**
- Baguze ifu inoze cyane.
  Baguze **inono**.

Umwitozo nyagurabushobozi

Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo inoze y'Ikinyarwanda.

1. Amasomo muraninga hano mugomba kuyamasitaringa neza, bitabaye ibyo mwaba mwigira ziro.
2. Amasomo mwigira hano mugomba kuyumva neza, bitabaye ibyo mwaba mwigira ubusa.
3. Rizati za neshono egizamineshoni nizitangazwa paburikari ni bwo tuzamenya abafeyirinze.
4. Amanota y'ibizamini bya Leta natangazwa ku mugaragaro nibwo tuzamenya abatsinzwe.

5. Kwanika ibisabo nyuma ukabyanura ubimanika ku giti babimanikaho bituma isuku yabyo yizerwa.
6. Kuranga ibisabo nyuma ukabyanura ubijisha ku mugamba bituma isuku yabyo yizerwa.

Inshamake y'umutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake bakora.

Uburinganire ni uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange naho ubwuzuzanye ni ubufatanye bugaragarira mu mirimo abantu b'igitsina gore n'ab'igitsina gabo bunganiranamo ku buryo buri wese abarirwa mu murimo runaka mu bwubahane.

Uburinganire n'ubwuzuzanye bigira uruhare runini mu iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange kuko iyo abantu bajya inama bagafatanya muri byose icyo bakeneye bakigeraho bakiteza imbere.

Ni ngombwa gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami, ku mata, ku nka, ku ngoma, ku gisabo… no kunoza imivugire y'ururimi rw'Ikinyarwanda no kwirinda gukoresha imvugo ikocamye cyangwa imvugo nyandagazi z'inzaduka.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri
(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 29)

Ibyitabwaho mu isuzuma
Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
Ubushobozi bwo gukoresha ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku gisabo, ku ngoma no ku isekuru.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1.Ni ibihe bintu by'ingenzi bivugwa mu mwandiko bya ngombwa mu iterambere ry'umuryango?

Kugira ngo umuryango utere imbere hakenerwa ibiribwa bihagije, uburezi, ubuzima buzira umuze, umutekano, ubukungu n'ibindi.

2. Kuki ibyo byose bitagerwaho bidashingiye ku buringanire n'ubwuzuzanye?

Ni uko iyo nta buringanire n'ubwuzuzanye habura ubufatanye bityo umuryango ukahadindirira.

3. Ku bwawe iyo havuzwe uburinganire wumva iki?

Uburinganire ni uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange.

4. Ese ubona bikwiye ko umugore cyangwa umugabo basiganira umurimo runaka kandi bose bawushoboye?

Ntibikwiye kuko mu muryango ni ngombwa kugira ubufatanye kuko ari inkingi y'iterambere.

5. Uburere bw'abana buhuzwa bute n'uburinganire n'ubwuzuzanye muri uyu mwandiko?

Aho bihurizwa ni uko nta n'umwe ukwiye kumva ko uburere umwana aherwa mu muryango bugenewe gutangwa n'umwe muri bo ahubwo bose bagomba gutahiriza umugozi umwe, kugira ngo bubake ejo hazaza h'abana babo.

6. Vuga muri make uko uyu umwandiko ugaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye.

Uyu mwandiko ugaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye ko ari inkingi y'iterambere kubera ubufatanye n'ubwubahane muri byose.

7. Garagaza imigani y'imigenurano yakoreshejwe muri uyu mwandiko, ifitanye isano n'uburinganire.

Abagiye inama Imana irabasanga, umutwe umwe wifasha gusara ntiwigira inama, abishyize hamwe ntakibananira.

II. Inyunguramagambo

1. Koresha aya magambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura mu mwandiko

a) Umuze
b) Umwete
c) Ubute
d) Icyuho
e) Intabire

Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri batanze zigaragaza ko bumva neza inyito yayo mu mwandiko kandi ziboneye.

2. Huza buri jambo n'igisobanuro cyaryo.

Ijambo	Igisobanuro
Guteshuka	Kunyuranya n'ibyo wagombaga gukora
Umwete	Ugushishikarira umurimo
Gutahiriza umugozi umwe	Gufashanya muri byose

II. Ikeshamvugo

Kosora uyu mwandiko ukoresha imvugo yabugenewe ahakoreshejwe imvugo isanzwe
(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31)

Umwandiko ukosoye

Amashyo y'iwacu

Mu muryango wacu muri iyi minsi twahiriwe n'ubworozi, amatungo abyara ari menshi. Ubwo rero murumva ko dufite imitavu myinshi yibera mu ruhongore. Ni muri urwo rwego abavandimwe bange bamerewe neza binywera umuhondo. Iyo umwungeri wazo yinikije, mushiki wange ni we uba hafi ngo yimire inyana itamukoma akayabogora. Iyo ayimiye, mba ndi hafi ngahita mfata inkuyo nkayihonora. Ubundi inka zacu twajyaga tuziha umubirizi zihumuje none isekuru twawusekuragamo yarasetse (yarariboye, yararaye), data akaba ateganya kuramvura indi no gukosha ikindi gisabo vuba aha. Uwo mwungeri wacu akunda gukama avuruganya, yahumuza tukayabuganiza mu byansi, tukayatereka ku ruhimbi. Ubwo inka tukazahura mu rwuri ari na ho mpurira na bagenzi bange.

Uzuza imbonerahamwe ikurikira

Ntibavuga	Bavuga
Ndamuyoka	Ndamutahura
Uno mukobwa arahiye	Uno mukobwa ni mwiza
Ndavuze ati	Ndavuze nti
Nari nataramubona	Nari ntaramubona
Amata yaraye	Umubanji
Agati bavurugisha amata	Umutozo
Gutunganya amata y'ikivuguto	Kuyavuruga
Umuheha banywesha amata	Umuceeri

Hanga umwandiko uvuga ku mwami cyangwa ku bworozi bw'inka ukoreshemo nibura amagambo icumi y'ikeshamvugo ku mwami cyangwa ku nka uyaceho akarongo.

Umwarimu atitaye ku mbata y'umwandiko, areba niba umunyeshuri yashoboye gukoresha neza ikeshamvugo ku mwami cyangwa ku nka mu mwandiko ufite icyo uvuga.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo iboneye kandi usanishe interuro neza.

a) Kamayirese yamennye amata abishaka murumuna wa data aramucyaha.
Kamayirese yabikiriye/yabyariye amata data wacu aramucyaha.

b)Umuheha banywesheje amata wahanutse aho batereka amata.
Umuceri wahanutse ku ruhimbi.

c)Aho bakamira inka amata haba hari n'igicaniro.
Ku nama haba hari n'igicaniro.

d)Umwana muto tuvukana yatsinze ikizamini cyo kwiga muri Kaminuza.
Murumuna/ mushiki/ musaza wange yatsinze ikizamini cyo kwiga muri Kaminuza.

2. Uzuza interuro zikurikira:
a)Umwana wa masenge ni .....wange.
Umwana wa masenge ni **mubyara** wange.

b)Abantu b'igitsina gabo bavukana na data ni ba .....wacu.
Abantu b'igitsina gabo bavukana na data ni ba **data** wacu.

Umukecuru ubyara (nyina wa) nyogokuru ni .....
Umukecuru ubyara (nyina wa) nyogokuru ni **nyogokuruza.**

Umwitozo nyagurabushobozi

Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo inoze y'Ikinyarwanda.

a) So, wanakosi, niba mushaka sipeshorayizeshoni, mugomba kuba siriyasi. So ikosi izaba derivadi muri rangweji twese twumva nk'Abanyarwanda. Duhopinge ko ntawubikomporoningaho.

Dore bantu muri mu mahugurwa, niba mushaka **kuba inzobere,** mugomba **kwitonda**. **Noneho** kandi **amahugurwa** azajya atangwa mu **rurimi twese** twumva nk'Abanyarwanda. **Twizere ko ntawubyijujutira.**

b) Kugira ngo muge muri iyo mudu, eni tayimu tuzajya tubenforuminga kuri za sitegi zose. Kandi ababatereninga bagomba kujya babanza gukora pripareshoni kandi bakahagera one tayimu. Zatsi gwereti.

Kugira ngo muge muri iyo **gahunda, hari ubwo** tuzajya **tubabwira inzira zose mwanyuramo.** Kandi **abababahugura** bagomba kujya babanza **gutegura** kandi **bakahagerera igihe. Ibi ni byiza cyane.**

UMUTWE WA GATATU
UBUZIMA

3

Umubare w'amasomo: 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura ikinamico ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere.
- Guhanga ikinamico no kuyikina.
- Kwandika interuro agaragaza ubutinde n'amasaku.

Ubushobozi shingiro:

Umunyeshuri agomba kuba ashobora:
Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
Gufata mu mutwe no kwigana imyifatire y'abandi.
Kugaragaza ubutinde bw'imigemo n'amasaku ku magambo yanditswe yonyine.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Ubuzima bw'imyororokere: Hifashishijwe ikinamico ivuga ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro ndetse n'ibibazo byo kumva umwandiko bivuga ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe iyi ngingo.

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Binyujijwe mu ikinamico ikomoza ku ngaruka mbi zigaragara mu muryango bitewe no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, abanyeshuri barakangurirwa kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no mu bibazo byo kumva umwandiko harimo ibibazo bivuga kuri iyi ngingo.

Iyi ngingo nsanganyamasomo kandi abanyeshuri barayisobanukirwa binyujijwe mu gukorera mu matsinda yakozwe nta vangura.

Umuco w'amahoro n'indangagaciro: Binyujijwe mu ikinamico yatanzwe, abanyeshuri barasobanukirwa iyi ngingo yo kugira umuco w'amahoro n'indangagaciro z'umuco wacu.

Uburezi budaheza: Iyi ngingo nsanganyamasomo igomba kubahirizwa abanyeshuri bose bitabwaho, abafite ubumuga ubwo ari bwo bwose by'akarusho bakitabwaho uko bikwiye nta vangura.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku kwitegereza amashusho, ku kaganiro mvumburamatsiko (umwarimu akababaza niba bajya bakurikirana ikinamico n'aho bayikurikiranira) cyangwa ku dukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatatu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa gatatu: Ubuzima **Umubare w'amasomo: 24**		
Ibice	**Intego rusange**	Umubare w'amasomo
Igice cya mbere: Gusoma no kumva ikinamico "Ubwenge buza ubujiji buhise"	Gusoma no gusobanura ikinamico.	Amasomo 4
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura ikinamico " Ubwenge buza ubujiji buhise"	Gusesengura umwandiko w'ikinamico.	Amasomo 3
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo	Kugereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima busanzwe.	Amasomo 4
Igice cya kane: Ikinamico	Gusesengura ihange ry'ikinamico.	Amasomo 4
Igice cya gatanu: Ubutinde n'amasaku mu nteruro.	Gukoresha neza ubutinde n'amasaku mu nteruro.	Amasomo 6
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 3

Ikinamico : "Ubwenge buza ubujiji buhise"

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 34)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku ikinamico bagiye gusoma, akababaza ibibazo biyiganishaho. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko ku bijyanye n'ikinamico kinjiza abanyeshuri mu isomo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo yo ku nyunguramagambo

1.Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

a) **Guca akabogi:** kwicara ukiyoroshya ukaganira n'inshuti.
b) **Umuce:** igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho.
c) **Indahekana:** abana babyawe bakurikiranye mu gihe gito, ku buryo usanga baba bajya kungana.
d) **Babisamiraho:** batwara inda kandi banywa imiti yo kuboneza urubyaro.
e) **Umuseke ugitamuruka mu cyoko:** mu rukerera, butangiye gucya.
f) **Intabire:** ubutaka buhinzwe vuba ariko bukaba butaraterwamo imyaka.
g) **Umurindi:** urusaku rw'amaguru y'abantu cyangwa inyamaswa zigenda.
h) **Baragaga:** batangaga ibyabo babiha abana babyaye.

i) **Nimuhebere urwaje:** nimureke ibiba bibe kubera ko mudashobora kubyigobotora cyangwa kubyikuramo.

j) **Kuririra mu myotsi:** kugirira ibyago ahantu babyongera.

k) **Amareshyamugeni:** amagambo meza aryoheye amatwi ariko adahuye n'ingiro.

l) **Mu kangaratete:** mu makuba, mu bibazo.

2. Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko: urubyaro, indahekana, amareshyamugeni, ihame, imyororokere.

a) Ni ngombwa ko abana bakibyiruka bamenya ubuzima bw'..... yabo.
Ni ngombwa ko abana bakibyiruka bamenya ubuzima bw'**imyororokere** yabo.

b) Amagambo ashukishwa abakobwa ni .....
Amagambo ashukishwa abakobwa ni **amareshyamugeni.**

c) Kuboneza ..... bituma abana bakura neza.
Kuboneza **urubyaro** bituma abana bakura neza.

d) Abana ba Kabanyana ni ..... kuko barutana umwaka umwumwe.
Abana ba Kabanyana ni **indahekana** kuko barutana umwaka umwumwe

e) Umuryango wubahiriza .....ry'ubwuzuzanye utera imbere.
Umuryango wubahiriza **ihame** ry'ubwuzuzanye utera imbere.

3. Sobanura iyi migenurano yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Ubwenge buza ubujiji buhise

Ubwenge ni ubushobozi butuma umuntu yibaza cyangwa akamenya, agatandukanya ikibi n'ikiza, akaba yakora icyo yihitiyemo gifite akamaro.

Ubujiji ni ubwenge buke cyangwa ukudasobanukirwa ikintu bitewe no kutakimenya.

Uyu mugani bawucira umuntu utangiye kwisubiraho iyo akora ikintu runaka ariko yarabanje gukora amakosa abitewe no kudasobanukirwa ibyo akora.

b) Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana

Ijambo ryiza ni ijambo rihumuriza. Imana ni umuremyi w'ibiboneka n'ibitaboneke, ni inyembabazi, igira urukundo ndengakamere.

Uyu mugani bawucira umuntu, bamugira inama yo kwirinda intonganya n'amahane, kuko bikurura amakimbirane n'urwangano.

c) Umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahaguruka

Uyu mugani ushatse kuvuga ko hari igihe umuntu akora ikintu atagiha agaciro gakwiye, nyuma cyagira ingaruka mbi bikamusaba gukoresha imbaraga nyinshi kugira ngo abashe kuzikemura.

4) Shyira interuro zikurikira mu mbonerahamwe wahawe ukurikije inyito yazo.

Ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro	
Imvugo zihabanye no kuboneza urubyaro	**Imvugo zihuza no kuboneza urubyaro**
– Abantu barabyara Imana ikabarerera. – Kubaho nabi mu muryango biterwa no kuboneza urubyaro. – Kugira ubuzima bwiza bituruka ku kubyara indahekana. – Mubyare mugwire mwuzure isi mungane nk'inyenyeri zo mu kirere.	– Ni byiza kubyara abo ushoboye kurera. – Umuryango waboneje urubyaro ubaho neza. – Gukurikiza inama z'abaganga n'abajyanama b'ubuzima. – Kutabasha gushyira abana mu ishuri bituruka rimwe na rimwe ku kutaboneza urubyaro. – Guteganyiriza umuryango bijyana no kuboneza urubyaro. – Ubukene bw'akarande bushobora guterwa no kubyara abo udashoboye kurera.

Ikitonderwa:
Umwarimu areba ko abanyeshuri bakoze imyitozo yo ku nyunguramagambo mu buryo buboneye.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. Kumenya ubuzima bw'imyororokere bivuga iki?

Kumenya ubuzima bw'imyororokere bivuga gusobanukirwa neza imihindagurikire y'umubiri w'umuntu, kuva mu bwana kugeza amaze gukura, ageze igihe cyo kororoka.

2. Kuki Mugisha na Beza babayeho neza?

Babayeho neza kubera ko bashyize mu bikorwa inama bagiriwe kwa muganga, kubera kandi kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, bafashe ikemezo cyo kuboneza urubyaro, maze batera imbere bagera ku bukungu bifuzaga, bareze abana babo neza baranabateganyiriza, bameze neza, batuye neza.

3. Amakimbirane ari mu rugo rwa Mugwiza na Nyinawumuntu aterwa n'iki?

Amakimbirane aterwa n'ubukene bafite, buturuka ku kuba bataraboneje urubyaro bitewe n'ubujiji ndetse ntabwo bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango wabo.

4. Ese n'abagabo baboneza urubyaro? Sobanura?

Yego n'abagabo baboneza urubyaro, bakifata igihe cy'uburumbuke bw'abagore babo cyangwa bakifungisha imiyoboro y'intanga.

5. Urubyiruko rushobora gukura he amakuru arwigisha ubuzima bw'imyororokere?

Ku babyeyi, ku bajyanama b'ubuzima, ku barezi babo, ku bigo nderabuzima, ku bantu

bakuru bizewe b'inyangamugayo.

6. Usanga urubyiruko rumenye neza ubuzima bw'imyororokere byarumarira iki?

Byarugirira akamaro, kuko rwamenya uko ruzajya rwitwara mu buzima bwarwo, bitewe n'ikigero rugezemo ndetse n'imihindagurikire y'umubiri warwo.

7. Sobanura iyi migenurano yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri hafi.

Kunigwa ugaramye: Ni ugukandwa umuhogo ukabuzwa guhumeka, uryamishije umugongo ku butaka amaso areba mu kirere cyangwa hejuru.

Ijuru: Ni ikirere tubonamo imibumbe imurikira isi.

Uyu mugani uratwereka ko nk'iyo umuntu akora umurimo runaka, akaba atarawugiriramo ikibazo kimukomereye ndetse gishobora kumugiraho ingaruka mbi mu buzima, uwo muntu ntashobora kugira amakenga.

b) Ntawukorakora uwo atakoye.

Gukorakora: Gufatafata, kwagaza, gukirigita

Gukwa: Ni ugutanga inkwano zihabwa ababyeyi b'umukobwa nk'ikimenyetso k'ishimwe kubera uburere bwiza bahaye umukobwa wabo.

Uyu mugani ushatse kutuburira ko kizira ndetse ko atari byiza kwagaza umukobwa utatanzeho inkwano ngo abe umugore wawe.

8. Sobanura akamaro ko kuboneza urubyaro kavugwa mu mwandiko.

Kuboneza urubyaro bituma urera neza abo ubyaye, ntibarware bwaki, urugo rutera imbere.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka, n'insanganyamatsiko bikubiye mu mwandiko. Kugereranya imyitwarire y'abakinankuru n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga mu mwandiko

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Kutaboneza urubyaro bitera amakimbirane mu muryango n'ubukene bw'akarande. Kuboneza urubyaro bituma urera neza abana ubyaye, ukabasha kubateganyiriza kandi umuryango wawe ugatera imbere… Ku bigo nderabuzima bagira urubyiruko n'abantu bakuze inama ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro. Kugira ubutwari bwo gusobanuza no kugisha inama ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere ni ingirakamaro. Urubyiruko rukunda gushukwa cyane rugashorwa mu busambanyi. Ababyeyi batumva ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bagira umwiryane hagati yabo.	Ubujiji ni intandaro yo kutaboneza urubyaro. Kubyara indahekana bishobora kuba intandaro y'urwangano mu muryango. Abahwituzi bafitiye abaturage akamaro kanini mu kumenyekanisha gahunda za Leta… Kuvugisha ukuri ni indangagaciro igomba kuturanga.

2. Ku bwawe urumva ari iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko? Kubera iki?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni iy'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.

Impamvu ari iyo nsanganyamatsiko ni uko mu mwandiko havugwamo ko:

Intandaro y'amakimbirane twumvise mu rugo rwa Mugwiza na Nyinawumuntu, ashingiye ku kuba barabyaye indahekana, biturutse ku bujiji bwa Nyinawumuntu wari waranze kuboneza urubyaro.

Ku Kigo Nderabuzima cya Kinigi bari gutanga inama ku rubyiruko zijyanye n'uko rugomba kwitwara mu buzima, ndetse n'ibyiza byo kuboneza urubyaro.

Ibibazo byagiye bibazwa n'abanyarubuga b'urubyiruko bigamije ku kumenya ubuzima bwabo bw'imyororokere.
Umuryango wa Mugisha na Beza wamenye neza iby'ubuzima bw'imyororokere unaboneza urubyaro, none bateye imbere…

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 43)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:
Gutanga ibitekerezo bihamye, ashize amanga.
Kuvugira mu ruhame imbere ya bagenzi be.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri kirimo ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma ikinamico "Ubwenge buza ubujiji buhise" akabasaba kugereranya imyifatire y'abanyarubuga bavugwa mu ikinamico n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Ikibazo n'ibisubizo byatangwa:

Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga wumvise mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi

Bimwe mu bitekerezo byava mu kungurana ibitekerezo mu matsinda:

- Abanyarubuga dusanga mu ikinamico bafite imyifatire nk'iy'abantu bo mu buzima busanzwe kandi ibyo bavuga ni ibintu bibaho mu buzima bwacu bwa buri munsi.
- Harimo abanyarubuga batugaragarije ibibazo urubyiruko ruhura na byo byo kutamenya ubuzima bw'imyiyororokere no gushorwa mu mibonano mpuzabitsina.
- Harimo kandi abanyarubuga batugaragarije ukuntu hari imiryango igaragaramo amakimbirane aturuka ku kutaboneza urubyaro ndetse no ku kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Banatugaragarije ko imiryango yubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye itera imbere ndetse ko tugomba kwegera inzobere mu by'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro zikatugira inama.
- Banatugaragarije ukuntu mu buzima bwacu bwa buri munsi hari abantu usanga bakora ibintu mu buryo budafututse kubera ubujiji bamara guhugurwa bakaba bakwisubiraho bakayoboka inzira nziza.

Igice cya kane: Ikinamico

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 44)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura no kugaragaza inshoza n'uturango tw'ikinamico. Gutahura amoko y'ikinamico, uko ikinamico ikinwa, abanyarubuga mu ikinamico n'imyubakire cyangwa ibice y'ikinamico. Guhanga ikinamico bubahiriza uturango twayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri kirimo ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma ikinamico "Ubwenge buza ubujiji buhise", maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza n'uturango twayo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 43.

Umwitozo ku guhanga ikinamico

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 48)

Muhange ikinamico ku nsanganyamatsiko mwihitiyemo, mukurikiza uturango tw'ikinamico, muyifate mu mutwe maze muzayikinire bagenzi banyu.

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bahanga ikinamico mu matsinda bubahiriza uturango twayo, akabafasha no kuyinoza.

Umukoro

Mufate mu mutwe ikinamico mufite mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 35 – 41 muzayikinire imbere ya bagenzi banyu, mwigana imyitwarire y'abanyarubuga, muhuza imvugo n'ingiro kandi musesekaza.

Umwarmu akurikirana uko abanyeshuri bakina ikinamico bubahiriza imyitwarire y'abanyarubuga n' isesekaza.

Imyitozo nzamurabushobozi

1. **Rondora ibice bigize ikinamico.**

Ibice bigize ikinamico ni intango, kidobya, inkubiri y'ibikorwa, umwanzuro n'amaherezo.

2. **Vuga amoko y'ikinamico ukurikije ubutumwa bukubiyemo.**

Ikinamico isekeje, ikinamico ibabaje n'ikinamico mberabyombi.

Imyitozo nyagurabushobozi

3. **Hanga ikinamico nto ku yindi nsanganyamatsiko tutavuzeho usobanure n'imiterere y'abakinnyi wakoreshejemo.**

Umwarimu areba niba ikinamico abanyeshuri bahanze inoze akabafasha kuyinoza.

Igice cya gatanu: Ubutinde n'amasaku mu nteruro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 48)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Gutahura amasaku mbonezanteruro no kwandika interuro hagaragazwa ubutinde n'amasaku.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri kirimo ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, bakungurana ibitekerezo ku miterere y'amasaku mu nteruro, bagereranya amasaku amagambo yagize mu nteruro n'amasaku ayo magambo yagira akoreshejwe yonyine; bagatahura amasaku mbonezanteruro.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora akanabikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 48.

Imyitozo n'ibisubizo ku masaku mu nteruro

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 50)

Shyira amasaku ku nteruro zikurikira.

Ibisubizo

a) Akabaando k'îmiînsi gaciibwa kare kakabiikwa kure.
b) Urâsana n'îmiînsi ntâakuurâ mu ruge.
c) Ukôra icyô aazî asomera agâramye.
d) Amatâ yô kunywâ barayâteeka.
   - Uwô navugâga ugêenda nk'îintwâari atuuye i Sâavê.
   - Uwô navûgaga ugêenda nk'îintwâari atuuye i Sâavê.
   - Uwô navugaga ugêenda nk'îintwâari atuuye i Sâavê.
   - Uwo navugâga ugêenda nk'îintwâari atuuye i Sâavê.

Umwarimu areba niba abanyeshuri bagiye bagaragaza ubutinde n'amasaku mu nteruro uko bikwiye, aho bakoze amakosa akabakosora.

Umwitozo nzamurabushobozi

Kora umwitozo w'ubutinde n'amasaku ku nteruro zikurikira

a) Umuryango wubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye utera imbere.
b) Kumenya ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro ni ingirakamaro.
c) Tugomba kurwanya abashora urubyiruko mu mibonano mpuzabitsina.
d) Umunyarwanda yaravuze ngo: "Ukize ubusore arabubagira."
e) Umutavu w'ururimi iyo uciye ikiziriko ntutangirwa.

Ibisubizo

a) Umuryaango wuubâhiriza ihamê ry'ûburiîngarire n'ûbwuûzuzanye uteera imbere.
b) Kumenya ubuzima bw'îmyoôrorokere nô kubôneza urubyâaro nî ingirakamaro.
c) Tugoomba kurwaanya abashôora urubyiruko mu mibônano mpûuzabîtsina.
d) Umunyarwaanda yarâvuze ngo: "Ukîze ubusôre arabûbaagira."
e) Umutavu w'ûrurîmi iyô uciiyê ikiziriko ntûutaangîirwa.

Umwarimu areba uko buri munyeshuri yagaragaje ubutinde n'amasaku ku nteruro, uwakoze ikosa akamukosora.

Umwitozo nyagurabushobozi

1. Urumva kuboneza urubyaro bifite akahe kamaro mu muryango?

Kuboneza urubyaro bifite akamaro gakurikira mu muryango:

- Bituma ababyeyi bita ku bana babo mu buryo butagoranye bakanabateganyiriza ejo hazaza.
- Kuboneza urubyaro byorohereza ababyeyi kubonera abana ibibatunga, imyambaro, kubajyana ku ishuri, kubavuza neza...
- Abana bakura neza bafite ubuzima buzira umuze, bakabona ubwuzu, urugwiro n'urukundo rw'ababyeyi babo.

- Umuryango uboneza urubyaro uba ugaragaza ko wumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kandi uwo muryango uhora urangwamo amahoro.
- Umuryango waboneje urubyaro usanga abawurimo bunze ubumwe, nta makimbirane awurangwamo ndetse utera imbere mu buryo bwihuse.
- Umuryango uboneza urubyaro ni na wo utanga uburere bwiza kuko abawugize barangwa no gushyira hamwe...

2. Garagaza uburyo bwo kuboneza urubyaro bushobora gukoreshwa

- Uburyo bwo kuboneza urubyaro bushobora gukoreshwa:
- Hari uburyo bwo kwifata mu gihe cy'uburumbuke cyangwa hagakoreshwa agakingirizo.
- Uburyo bwo kubara bakoresheje urunigi.
- Gukoresha ibinini byo kwa muganga.
- Gukoresha inshinge zihagarika urubyaro mu gihe gito cyangwa kirekire.
- Gukoresha agapira.
- Gufungisha urubyaro ku buryo bwa burundu…

3. Shyira ubutinde n'amasaku ku nteruro zigize igika gikurikira.

Ababyeyi nibashishikarize abana babo kumenya ubuzima bw'imyororokere, kuko bituma bakura bazi uko bagomba kwifata. Mu muryango kandi ababyeyi bagomba na bo ubwabo kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, bakajya inama yo kuboneza urubyaro, kugira ngo batabyara indahekana ahubwo bakabyara abo bashoboye kurera.

Igisubizo

Ababyêeyi nîbashiishîkarize abâana bâabo kumenya ubuzima bw'îmyoôrorokere, kukô bitumâ bâkura bâazi ukô bagoombâ kwîifata. Mu muryaango kaândi ababyêeyi bagoomba na bô ubwaâbo kûubahiriza ihamê ry'ûburiînganire n'ûbwuûzuzanye, bakajya inâama yô kubôneza urubyâaro, kugira ngo batabyaarâ indâheekâna ahuûbwo bakabyaara abô bashobôye kurera.

Umwarimu arakurikirana uko buri munyeshuri yasubije ibibazo byabajijwe, ahadatunganye amufashe kuhakosora.

Inshamake y'umutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'ingingo zagaragara mu nshamake

- Ikinamico "Ubwenge buza ubujiji buhise", ivuga ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.
- Inshoza y'ikinamico, amoko y'ikinamico, uko ikinamico yandikwa, ibigomba kwitabwaho mu kwandika ikinamico, uburyo bwo guhitamo abakinnyi mu ikinamico, abanyarubuga mu ikinamico, uko ikinamico ikinwa,uturango tw'ikinamico n'imyubakire cyangwa ibice by'ikinamico .
- Ubutinde n'amasaku mu nteruro n'amasaku mbonezanteruro.
- Imyitozo ku ikinamico (gufata mu mutwe no gukina ikinamico no guhanga ikinamico).
- Imyitozo ku butinde n'amasaku mu nteruro.

Ubumenyi bw'inyongera

Uko wabigenza ushaka gukina neza ikinamico.

Umuntu aramutse ashatse kwimenyereza cyangwa gukina ikinamico yakubahiriza ingingo zikurikira:

- Gusoma inyandiko y'ikinamico neza kandi ibyo bigakorwa inshuro nyinshi, mu rwego rwo kwiyumvisha neza ikinamico.
- Umuntu agomba gusoma yitonze inyishyu zigize ikinamico, kandi akagerageza gukurikiza inyobozi umuhanzi aba yagaragaje kugira ngo abashe guha inyishyu runaka ijwi ryabugenewe.
- Agomba gutahura ingiro zifasha umuntu kuvuga neza amagambo. Aha biba byiza kwitoreza imbere y'abandi kugira ngo bagufashe guhuza neza ingiro n'amagambo avugwa.
- Kugerageza guhinduka nk'umunyarubuga uvugwa, higanwa neza imvugo n'imico by'umunyarubuga.
- Umuntu ukina ikinamico yirinda gutera umugongo abo akinira.
- Kwitoreza gukinira imbere y'abandi na byo birafasha cyane kuko uko ukoze ikosa bagenzi bawe baragukosora bityo ukagenda urushaho kuba intyoza.
- Aho bishoboka, umuntu agomba kugerageza kwireba mu mashusho uko akina kugira ngo na we ubwe abe yakwijora cyangwa yakwikosora mu rwego rwo kurushaho gusa n'umunyarubuga akina.

Uko wabigenza ushaka kwandika ikinamico isekeje.

Bitewe n'uko akenshi ikinamico iba igamije kwigisha no gusetsa, usanga hagaragaramo uburyo butandukanye bw'urwenya :

Ingero

- Urwenya rushingiye ku magambo avugwa n'abanyarubuga nko kudidimanga, kuvuga uburimi, amazina asekeje, kuvuga by'uwanyweye nzobya, imikizi... (urugero rw'umujura ufashwe n'umuporisi agatangira kudidimanga kubera ibyaha yakoze, mu rubanza hari abadidimanga kubera ubwoba...)

- Urwenya rw'ingiro nk'amarenga, ingendo runaka... (urugero rw'umuntu w'umuyobozi wiyemera akabigaragaza mu ngendo, inkumi igenda yinyonga kubera kwibwira ko ari ihogoza....)
- Urwenya rushingiye ku ngeso nk'igihe abanyarubuga baba bafite utugeso runaka cyangwa se bakaba bageze mu ngorane maze utugeso twabo tukababuza kuzivanamo.
- Urwenya rushingiye ku bujiji nk'igihe umunyarubuga ashobora gukora ibintu runaka biteye ibitwenge kubera ubujiji bwo kutamenya uko bikorwa.
- Iyo rero ugiye kwandika ikinamico isekeje ingero z'inzenya zitandukanye zigomba gukurikizwa maze uwandika akamenya gutoranya abanyarubuga akabashyira mu ruhando rw'ibitwenge, ababa imico isekeje. Agomba kandi kubaha imiteguro n'imyambaro iba yagaragajwe mu nyobozi zigomba gukurikizwa. Iyo abanyarubuga bamaze gutoranywa neza no guhabwa imico iri bukinwe igamije kugira icyo isigira abakurikiye ikinamico, umwanditsi w'ikinamico yandika imvugano akagaragaza uko abanyarubuga bagomba kwitwara no mu nyobozi hakagaragazwa uko udukino tugomba gukinwa n'uburyo abanyarubuga bagomba kwitwara.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 51 - 54)

Ibigenderwaho mu isuzuma
- Ubushobozi bwo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko. - Ubushobozi bwo kwandika interuro hagaragazwa ubutinde n'amasaku. - Ubushobozi bwo guhimba ikinamico.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

1. **Umuryango wasuwe ufite abana bangahe? Ese uboneza urubyaro?**
   Ufite abana babiri. Yego uboneza urubyaro.

2. **Ni iki kigaragaza ko Munyampeta na Tegura bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?**
   Baraganiriye bafatira hamwe ikemezo cyo gufungira urubyaro ku mwana wa kabiri, Munyampeta kandi afata neza umugore we amushakira imbuto ndetse yita ku nka izamukamirwa.

3. **Ese Tegura asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere?**
   Yego kuko yabonye ari hafi kubyara ajya kwa muganga aho yabona abamufasha mu buryo bworoshye.

4. **Nyandwi, Nyiraminani, Nyabyenda na Ndaribumbye bavugwa mu mwandiko ni abana ba kangahe?**
   Nyandwi ni uwa karindwi, Nyiraminani ni uwa munani, Nyabyenda ni uwa kenda naho

   Ndaribumbye ni uwa cumi.

5. **Uhereye ku mwandiko, rondora inshingano enye umubyeyi agomba gukorera uwo yibarutse.**
   Kumugaburira indyo yuzuye, kumuvuza, kumwambika no kumwigisha.

6. **Uhereye ku mwandiko garagaza ko imyumvire ya kera itandukanye n'iy'ubu.**
   Umukecuru Nyirabubare arabwira Munyampeta ko bagomba kubyara abana benshi nk'uko kera byahoze, Munyampeta na we akamwangira amwereka ko ubu ibintu byahindutse.

7. **Agakino ka kabiri karimo imiseruko ingahe? Sobanura igisubizo cyawe.**
   Karimo imiseruko ibiri. Uwa mbere ukinwa na Munyampeta na Gatari naho uwa kabiri utangira ari uko umukecuru Nyirabubare yinjiye.

II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira urikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Amashyushyu:** ubushake bwinshi bwo kobona cyangwa gukora ikintu ukumva utatuza utabigezeho.
b) **Umuvaburayi:** umwana wavutse.
c) Kumuhundagazaho: uumuha cyangwa kumugwizaho.
d) **Kwibaruka:** kubyara
e) **Yatariranye:** yabyimbye kubera amashereka menshi.
f) **Imoko:** isonga y'ibere ry'umugore akaba ari na yo umwana akururamo amashereka.

III.Ubuvanganzo

Subiza ibibazo bikurikira byerekeye ingeri z'ubuvanganzo

a) **Dukurikije ibikorwa njyamutima, ikinamico ibamo amoko angahe?**
   Dukurikije ibikorwa njyamutima ikinamico tuzisangamo ibice bitatu: ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n'ikinamico mberabyombi.

b) **Vuga amoko y'abanyarubuga dusanga mu ikinamico.**
   Umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije.

c) **Vuga imimaro byibura ine y'ikinamico mu buzima bwacu bwa buri munsi.**
   Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora, kuburira no kugira abantu inama.

d) **Kuki atari byiza guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo?**
Guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo si byiza kuko aba ari ukumara amatsiko abakurikiye ikinamico cyangwa abayisoma.

e) **Ukurikije ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo wize nk'imigani, insigamigani, ibitekerezo n'izindi, ni uwuhe mwihariko ikinamico ifite ku mikorere y'abanyarubuga n'imyandikire yayo?**
Abanyarubuga bo mu ikinamico batanga ibitekerezo ubwabo binyuze mu biganiro bagirana hagati yabo, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo usanga hari umubarankuru wundi akenshi uba atanazwi uvuga ku banyarubuga. Mu myandikire y'ikinamico hagaragazwa buri munyarubuga n'amagambo avuga, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo nko mu mugani, ibitekerezo cyangwa ibarankuru rikorwa hifashishijwe inyandiko yanditswe mu bika.

IV. Ubutinde n'amasaku

1. Tandukanya amagambo akurikira yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe ukoresheje ubutinde n'amasaku

a) Kurêshya ≠ kureeshya
b) Inda ≠ indâ
c) Isôoko ≠ isokô
d) Kurâara ≠ kurara
e) Gufuungura ≠ gufuunguura

2. Andika interuro zikurikira mu nyandiko igaragaza ubutinde n'amasaku

a) Ni byiizâ kumenya ubuzima bw'îmyoôrorokere nô kubôneza urubyâaro.

b) Akabaando k'îmiînsi gaciibwa kare kakabiikwa kure.

c) Urâsana n'îmiînsi ntâakuurâ mu ruge.

d) Mu gitôondo naboonye Daatiîva.

e) Nyinawûmuuntu n'ûmugabo wê baâhoranaga amakiîmbirane kubêera kutûumvâ nêezâ ihamê ry'ûburiînganire n'ûbwuûzuzanye.

V. Ihangamwandiko

Andika agace kamwe k'ikinamico karimo abakinankuru batarenze bane (byibura ku ipaji imwe) kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira

- Kuringaniza urubyaro bifasha mu iterambere ry'umuryango.
- Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

Umwarimu arareba ko mu gace k'ikinamico abanyeshuri bibutse gushaka umutwe, bakagaragaza abanyarubuga n'ibyo bavuga, uburyo ibitekerezo bitangwa bihuye n'insanganyamatsiko yahisemo ndetse n'umutwe w'ikinamico; arakosora kandi imyandikire y'Ikinyarwanda.

Imyitozo nzamurabushobozi

Tandukanya inyito z'aya magambo ukoresheje ubutinde n'amasaku

a) Urutoki (rwera ibitoki) ≠urutoki (rw'ikiganza)
Urutooki (rwera ibitoki) ≠urutoki (rw'ikiganza)

b) Itara (bamurikisha) ≠ itara (ry'îbitooki)
Itâra (bamurikisha) ≠ itara (ry'îbitooki)

c) Intego (y'ijambo) ≠ intego (icyo umuntu agamije kugeraho)
intêgo (y'ijambo) ≠ inteego (icyo umuntu agamije kugeraho)

d) Isoko (y'amazi) ≠ isoko (bahahiraho)
Isôoko (y'amazi) ≠ isokô (bahahiraho)

e) Inzuzi (imigezi minini) ≠ inzuzi (batera z'ibicuma cyangwa ibihaza)
Inzûuzi (imigezi minini) ≠ inzûzi (batera z'ibicuma cyangwa ibihaza)

Imyitozo nyagurabushobozi

Shyira ubutinde n'amasaku ku nteruro zikurikira:

a) Inyana ni iya mweru.
Inyâna nî iya mwêeru.

b) Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.
Utâazî akarâaye i Fûumbwe araaza ifu.

c) Idateze nka se itega nka nyina.
Idâtezê nka sê itega nka nyina.

d) Serugarukiramfizi yarangwaga no gukunda ibirunge cyane.
Sêerugârukiramfîizi yarâangwaga nô gukûunda ibirûungê cyaane.

e) Buri muntu akwiye gusobanukirwa n'ubuzima bw'imyororokere kuva akiri muto.
Buri muuntu akwiiye gusôbaanukirwa n'ûbuzima bw'îmyoôrorokere kuva akîri mutô.

UMUTWE WA KANE A
UMUCO W'AMAHORO

4A

Umubare w'amasomo: 12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusesengura umwandiko uvuga ku muco w'amahoro, gukoresha imvugo inoze no kwandika interuro yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Ubushobozi shingiro: Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba afite ubumenyi ku kurwanya ihohoterwa, ku buringanire n'ubwuzuzanye n'ibindi.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Uburinganire n'ubwuzuzanye: Mu mwandiko harimo iyi ngingo. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe **uburinganire n'ubwuzuzanye.**

Umuco w'amahoro: Umwandiko wose uravugwamo ibijyanye n'ingaruka z'amakimbirane, bityo ibibazo byo kumva n'ibyo gusesengura umwandiko harimo ibibazo bivuga kuri iyi ngingo. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe ibijyanye no kubaka u**muco w'amahoro.**

Uburezi budaheza: Mu ishusho ibanziriza umwandiko harimo umuntu ufite ubumuga. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe ibijyanye n'uburezi budaheza.

Ibidukikije: Mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda harimo ingero zivuga ku bidukikije. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe ibijyanye n'ibidukikije.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe ku ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kane A n'umubare w'amasomo

Umutwe wa kane A: Umuco w'amahoro Umubare w'amasomo: 12		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'amasomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko "Twese biratureba"	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Twese biratureba"	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 1
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo.	Gusobanura ibitera amakimbirane n'uburyo bwo kuyakemura.	Amasomo 2
Igice cya kane: Inshoberamahanga	Gukoresha neza inshoberamahanga, mu mvugo no mu nyandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatanu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda	Kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 2

Umwandiko: Twese biratureba

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 56)

Intego zihariye:
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku muco w'amahoro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora akanabikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

I. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 57)

1. Sobanura aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye.

a.Isomo ririmbanyije: isomo rigezemo hagati.
b.Imodoka igitirimuka: imodoka igihaguruka.
c.Amakenga: ubwoba umuntu aterwa n'uko akeka ko ibintu bitameze neza.
d.Yarahozagaye: yarabyibushye cyane.
e.Kumuca iryera: kumubona.

2. Kora interuro wifashishije aya magambo ku buryo wumvikanisha icyo asobanura:

a) Gutora agatotsi
b)Amashyo y'inka
c) Ubucabari
d) Kwahukana
e) Kutagira epfo na ruguru
f) Gusuka amarira

Ikitonderwa:

ku bijyanye no gukoresha amagambo mu nteruro, umwarimu areba ko abanyeshuri bakora interuro ziboneye.

3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye:

Kuzongwa ≠ kubyibuha
Inama ihumuje ≠ inama itangiye

4. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo: irimbanyije, amakenga, bintesha umutwe, guca inshuro, kwiruka amasigamana.

a) Yampamagaye sinamwumva kuko imirimo yari…….
Yampamagaye sinamwumva kuko imirimo yari irimbanyije.

b) Banyibye ibikoresho byo mu nzu byose …….ariko narabifashe.

c) Banyibye ibikoresho byo mu nzu byose bintesha umutwe ariko narabifashe.

Bana bange ejo nzazinduka njya ……. muzakore imirimo yose yo mu rugo.

c) Bana bange ejo nzazinduka njya guca inshuro muzakore imirimo yose yo mu rugo.

Yagiye ku ishuri …….. kuko yari yakerewe.

d) Yagiye ku ishuri yiruka amasigamana kuko yari yakerewe
Ni byiza kugira …….. mbere yo gufata ikemezo gikomeye.
Ni byiza kugira amakenga mbere yo gufata ikemezo gikomeye.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 58)

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. **Uhereye ku mwandiko, sobanura ukuntu amakimbirane yo mu muryango agira ingaruka ku bana.**

Yatumye kundwa aba umuswa mu ishuri, agahora yigunze afite agahinda, atagira urugwiro, atagira ikinyabupfura, akanakererwa bikabije mu ishuri.

2. **Umwarimu wa Kundwa ntiyagiriye Kundwa ibanga nk'uko yari yabi3. musabye. Kutagira ibanga kwe byagize izihe nyungu ku muryango wa Rwabigwi?**

Kutagira ibanga k'umwarimu wa Kundwa byagiriye inyungu nyinshi umuryango wa Rwabigwi kuko byatumye ubuyobozi bumenya ibibazo by'amakimbirane abera mu muryango wa Rwabigwi maze butumiza inama yiga ku bibazo by'amakimbirane muri rusange. Muri iyo nama ni ho Rwabigwi yafatiye umugambi wo kureka ibibi yakoreraga umuryango we akawuha amahoro.

3. **Ni ayahe makimbirane avugwa mu mwandiko? Ayo makimbirane akomoka kuri nde? Kubera iki?**

Amakimbirane avugwa mu mwandiko ni amakimbirane hagati ya Munyana n'umugabo we Rwabigwi. Ayo makimbirane aturuka kuri Rwabigwi ufata umugore we nabi, akamukubita ndetse akagurisha ibyo yejeje ntagire ifaranga na rimwe amuha cyangwa se nibura ngo amugurire akenda kandi ari we wabihinze.

4. **Ni iki wakwigira ku bavugwa mu mwandiko bakurikira: Kundwa, umwarimu wa Kundwa?**

Kundwa namwigiraho gukurikira umwarimu mu ishuri nkaba umuhanga nka we, kugira urugwiro n'ikinyabupfura kugira ngo nkundwe na bagenzi bange.

Umwarimu wa Kundwa namwigiraho kwita kuri bagenzi bange nkabakurikirana, uwo nsanze afite ikibazo nkihatira kumenya impamvu yacyo ndetse nkamufasha kugikemura, byaba ngombwa nkifashisha inzego zibishinzwe.

5. **Ni nde wakunze muri iyi nkuru? Ni iki wamwigiraho?**

Aha abanyeshuri basubiza bakurikije umukinankuru bakunze.

6. **Ni hehe muri uyu mwandiko hagaragarira imiyoborere myiza?**

Aho umuyobozi w'akagari yumvise ko hari amakimbirane mu muryango wo kwa Rwabigwi akihutira gutumiza inama ndetse na porisi y'Igihugu igahagararirwa muri iyo nama kugira ngo bakangurire abaturage kwirinda amakimbirane. Iyo ni imiyoborere myiza.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: – Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. – Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku muco w'amahoro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Urugero rw'ibyavaga mu matsinda:

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:

a) Amakimbirane yo mu muryango n'ingaruka zayo.

- Uruhare rw'ubuyobozi mu gukemura amakimbirane.
- Kugereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho batuye.

b.Ibisubizo byatandukana bitewe n'ubuzima abanyeshuri babayemo.

Urugero rw'igisubizo cyatangwa: Uyu mwandiko uragaragaza imibanire y'imiryango imwe n'imwe aho abagabo bateza amakimbirane mu miryango yabo. Aho ntuye hari umuryango ufite imibanire nk'iyi ariko wo amakimbirane aturuka ku mugore uhora abwira nabi umugabo we ngo nta kintu amaze kuko nta kazi afite, umugabo n'umugore rero bahora bahanganye, batongana ndetse bakanarwana.

c) Kugaragaza insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko n'isomo ry'ingenzi bawukuyemo.

Insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko ni iy'amakimbirane yo mu rugo. Isomo ry'ingenzi nkuye mu mwandiko ni iryo kurwanya amakimbirane nimakaza umuco w'amahoro, kubana mu mahoro na bagenzi bange, namagana amakimbirane aho yaturuka hose ntungira urutoki ubuyobozi ahagaragaye amakimbirane.

d) Uramutse ubonye mu muryango runaka hari amakimbirane wakora iki ngo amahoro agaruke muri uwo muryango?

Naganiriza abo muri uwo muryango, nkababwira ingaruka z'amakimbirane ku bawugize, ku iterambere ry'umuryango, ku bana no ku gihugu cyose muri rusange. Biramutse

binaniranye namenyesha ubuyobozi bw'inzego z'ibanze kugira ngo bakemure ayo makimbirane ari mu muryango.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutanga ibitekerezo mu ruhame ku nsanganyamatsiko yahawe, ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane, kandi akoresha imvugo inoze. Gusobanura ibintu bitera amakimbirane n'uburyo byakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku muco w'amahoro.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo no kujya impaka.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bintu bitera amakimbirane n'uburyo yakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.

Umwarimu areba niba abanyeshuri baganishije ibitekerezo byabo ku bintu bitera amakimbirane, akabafasha kubinonosora.

Urugero rw'ibyavaya mu matsinda:

- Gusesagura umutungo.
- Kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Kurwanira ubutaka cyangwa gushaka kwikubira ubutaka.
- Ubusinzi n'ubusambanyi.
- Ishyari.
- Imyenda ikabije muri rubanda.
- Inyota yo gushaka kwikubira umutungo n'ibindi.
- Igice cya kane: Inshoberamahanga
- (Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 59)

Igice cya Kane: Inshoberamahanga

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 60)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura uturango tw'inshoberamahanga no gusobanura inshoberamahanga. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshoberamahanga zinyuranye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibitabo birimo inshoberamahanga n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zirimo inshoberamahanga ababaze ibibazo bituma bavumbura isomo ry'inshoberamahanga bagiye kwiga.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 59

Umwitozo ku nshoberamahanga.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 62)

Ongera usome umwandiko "Twese biratureba", utahure inshoberamahanga zirimo. Himba umwandiko muto ku "ngaruka z'amakimbirane" ukoreshemo zimwe muri izo inshoberamahanga cyangwa izindi uzi, uziceho akarongo. Somera uwo mwandiko bagenzi bawe. Urugero rw'inshoberamahanga ziri mu mwandiko "Twese biratureba"

Urugero rw'inshoberamahanga ziri mu mwandiko " Twese biratureba"

Ashize amanga
Araturika ararira
bacaho inshuro
Kutaripfana
Imodoka igitirimuka
Guta umutwe
Babyinira ku rukoma
Ngwa mu kantu
Binyanga mu nda
Nta shinge na rugero
Nkimukubita amaso
Akora iyo bwabaga
Akirya akimara
Kumuca irwera
Umuzi n'umuhamuro
Ari we bajombye igikwasi
Kwigira intare

Umwarimu areba niba abanyeshuri baganishije ibitekerezo byabo ku ngingo zerekeza ku ngaruka z'amakimbirane kandi bakoresheje neza inshoberamahanga. Umwarimu areba kandi uko abanyeshuri basomera abandi imyandiko banditse bubahiriza utwatuzo kandi bagaragaza isesekaza.

Ingero z'ingaruka z'amakimbirane zishobora kuboneka mu mwandiko:

Ubukene	Urugomo
Uburere buke ku bana	Gushaka imburagihe
Guta ishuri ku bana	Gutakaza ikizere
Kwishora mu biyobyabwenge	Guhorana agahinda
Kwahukana	Imirwano

Umwitozo nzamurabushobozi

Koresha mu nteruro izi nshoberamahanga zikurikira ku buryo interuro zigaragaza neza ko wumva icyo zisobanura.

a)Kwizirika umukanda

Si byiza kwizirika umukanda ukiyicisha inzara kandi ufite ibyo kurya.

b) Kwirya ukimara

Bahuye n'ibibazo bibasaba amafaranga menshi barirya barimara kugira ngo babikemure.

c) Guhabwa akato

Nta muntu ukwiye guhabwa akato kubera uburwayi afite.

d) Gufata undi mu mugongo

Iyo umuntu agize ibyago abantu bajya kumufata mu mugongo bamutabara.

e) Guca guca mu rihumye

Abajura bamuciye mu rihumye bamwiba amatungo ye.

f) Guca iryera

Kamari ejo ntiyaje hano kuko ntigeze muca iryera.

g) Guca igikuba

Kamana aragenda aca igikuba abeshya bagenzi be.

h) Gucurangira abahetsi

Aracurangira abahetsi abwira abatamwitayeho.

Kugwa mu kantu

Gasana yabwiwe inkuru atazi ahita agwa mu kantu.

Umwitozo nyagurarabushobozi

Hanga inkuru ngufi ku rupapuro rumwe ivugwamo ibijyanye n'umuco w'amahoro, ukoreshemo nibura inshoberamahanga icumi uziceho akarongo.

Umwarimu areba unkuru abanyeshuri bahanze akareba niba inshoberamahanga zakoreshejwemo neza.

Igice cya gatanu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 62)

Intego zihariye
Ahereye ku bushakashatsi yakoze, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: Kwandika neza yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Kujora imyandikire itanoze y'Ikinyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti ya leta n'ibindi bitabo birimo amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.

1. Intangiriro

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma interuro zirimo imyandikire itanoze, abasabe gutahura ahari amakosa no kuhakosora.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 63 – 70.

Imyitozo n'ibisubizo ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 70)

Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda:

a) Najyiye mu mujyi wa Gisenyi mpura n'incuti yanjye maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.
Nagiye mu mugi wa Gisenyi mpura n'inshuti yange maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.

b) Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.
Utwo tunyoni twagiye tuza kamwekame tugeza aho tuba uruhuri.

c) Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kakiru? Yego. Uwo murenge uhana imbibi n'Umurenge wa Cyimihurura.
Ese mu Mujyi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kacyiru? Yego. Uwo Murenge ugabana imbibe n'Umurenge wa Kimihurura.

d) Amazi mu kibindi ngo dumburi dumburi!
Amazi mu kibindi ngo **dumburidumburi!**

e) Kamugisha ni umuva ndimwe wa Kamari.
Kamugisha ni **umuvandimwe wa** Kamari.

f) Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.
Nasuye **masenge** utuye i **Kabgayi** ampa **ikibo k'**ibiro icumi by'ubunyobwa.

g) Umuco w'amahoro niwo uranga abiwacu.
Umuco w'amahoro **ni wo** uranga **ab'iwacu.**

h) Kugira umujinya wumurandura nzuzi n'ibibi.
Kugira umujinya w**'umuranduranzuzi ni** bibi.

i) Se kuru yavutse mu mwaka w'1960.
Sekuru yavutse mu mwaka wa 1960.

j) Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.
Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga imfubyi.

UMWITOZO NZAMURABUSHOBOZI

Ibibazo n'ibisubizo

1.Simbuza amagambo atsindagiye inshoberamahanga zikurikira: kugwa mu kantu, kwiruka amasigamana, kuraswayo, amatwi maremare, kugera aharindimuka, kugira umutwe munini, kubyinira ku rukoma

a)Nahuye na Munyana **yiruka cyane** nyoberwa impamvu.
Nahuye na Munyana **yiruka** amasigamana nyoberwa impamvu.

b)Yambwiye iyo nkuru **ndumirwa** mpita ntaha ntareba inyuma.
Yambwiye iyo nkuru **ngwa mu kantu** mpita ntaha ntareba inyuma.

c)Abana bagiye kuvoma **ntibatindayo.**
Abana bagiye kuvoma **baraswayo.**

d)Munyana yari **ageze kure** kubera ubukene.
Munyana yari **ageze aharindimuka** kubera ubukene.

e)Abakozi babongeje umushahara **barishima cyane.**
Abakozi babongeje umushahara **babyinira ku rukoma.**

Kosora interuro zikurikira wubahiriza amabwiriza y'imyandikire.

a) Umutimanama wa nyirurugo wamwibukije gusaba imbabazi umugore we maze nawe ntiyazuyaza azimuha abikuye kumutima.

Umutima nama wa **nyiri urugo** wamwibukije gusaba imbabazi umugore we maze na we ntiyazuyaza azimuha abikuye **ku mutima.**

b) Bagiye basanga nta waje.

Bagiye basanga **ntawaje.**

c) Mu kwezi ku Kuboza naho imvura igwa ari nyinshi.
Mu kwezi **k'**Ukuboza **na ho** imvura igwa ari nyinshi.

d) Bagiye baza babiri babiri.
Bagiye baza **babiribabiri** kugeza bose bahageze.

3.Koresha inshoberamahanga zikurikira mu nteruro ku buryo wumvikanisha ibisobanuro byazo: kugira akaboko karekare, gutera isekuru, guta umutwe.

Ingero z'interuro

- **Kugira akaboko karekare**

Ubike ibintu byawe neza hano hari umukozi ugira akaboko karekare.

- **Gutera isekuru**

Kuva yakora impanuka ntashobora kugenda neza. Agenda atera isekuru.

- **Guta umutwe**

Amakimbirane ari mu rugo rwe yamutesheje umutwe.

UMWITOZO NYAGURABUSHOBOZI

Kosora igika gikurikira ucyandike ukurikije imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umuhinzi wumukungu agiye gupfa yahamagaye abana be, nyina na ba nyina wabo, ba nyira senge na ba nyira rume, abashyira ahihererereye, kuko yari afite ibanga likomeye yashakaga kubabwira. Ati: "bana banjye, mbaraze imilima yanjye, aliko muramenye ntimuzayigurishe kuko yihishemo ubukungu bwinshi. Cyakora si nzi uruhande buherereyemo. Muzakwikire amasuka, muyilime, muyitabire, muyiteremo imyaka yose, muzagera kuri ubwo bukungu."Abo bana nabo suguhinga imirima barataganyura. Beza imyaka myinshi maze barakira karahava. Nibwo bwa bukungu se yali yarababwiye.

Igika gikosoye

Umuhinzi **w'**umukungu agiye gupfa yahamagaye abana be, nyina na ba **nyinawabo**, ba **nyirasenge** na **ba nyirarume** abashyira ahihererereye, kuko yari afite ibanga rikomeye yashakaga kubabwira. Ati: " **Bana bange,** mbaraze **imirima yange**, **ariko** muramenye ntimuzayigurishe kuko yihishemo ubukungu bwinshi. Cyakora **sinzi** uruhande **buherereye-mo**. Muzakwikire amasuka, muyirime, muyitabire, muyiteremo imyaka yose, muzagera kuri ubwo bukungu." Abo bana **na bo si uguhinga** imirima barataganyura. Beza imyaka myinshi maze barakira karahava. **Ni bwo** bwa bukungu se **yari** yarababwiye.

Inshamake y'umutwe wa kane A

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane A bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake bakora

- Gukumira no kurwanya amakimbirane ni inshingano za buri wese, kuko amakimbirane atagira ingaruka ku bayafitanye gusa ahubwo ingaruka zayo zigera ku bantu batayagizemo uruhare: abana, abaturanyi, igihugu...
- Inshoberamahanga ni imvugo umunyamahanga utarakenetse ururimi, adahita yumva igisobanuro. Inshoberamahanga kandi iba igizwe n'inshinga n'icyuzuzo cyayo.
- Imyandikire y'ibihekane mu Kinyarwanda, amagambo akatwa n'adakatwa (ikatwa ry'ibyungo "na" na "nka" n'ibinyazina ngenera bikatwa iyo bibanjirije izina ritangiwe n'inyajwi. Inyajwi zisoza ibyungo "na" na "nka" n'iz'ibinyazina ngenera ntizikatwa iyo zikurikiwe n'amazina bwite y'amanyarwanda n'ay'amanyamahanga ateruwe n'inyajwi idakora nk'indomo, indangahantu cyangwa indanganteko.
- Amagambo y'inyunge, amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye (Amagambo afutura yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa).

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane A

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 71)

Ibigenderwaho mu isuzuma
Ubushobozi bwo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Gutandukanya inshoberamahanga n'umugenurano.
Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no gukosora amakosa y'imyandikire mu nyandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora abantu b'ingenzi bavugwa mu mwandiko hanyuma uvuge ibyiza byabo cyangwa ibibi byabo.

- Batamuriza: umubyeyi w'abana batatu, ukunda umugabo we. Agira kwihangana kandi agira imbabazi.
- Umubarankuru: umujyanama ukurikirana ibibazo by'abaturanyi.
- Kamana: umusinzi, usesagura umutungo w'urugo, umusambanyi usenya ingo z'abandi.

2. Uhereye ku mwandiko no ku bumenyi bwawe ni izihe ngaruka z'amakimbirane uzi ziba mu muryango no ku Gihugu?

Amakimbirane agira ingaruka zikurikira:

- **Ku bana:** guta ishuri, kwicwa n'inzara, kubura imyambaro, kugira imibereho mibi, kwigunga no kugira agahinda kadashira, kurwara, kwishora mu biyobyabwenge,

gushaka imburagihe, gutakaza ikizere cyo kubaho, kugira urugomo...

- **Ku wo bashakanye:** gukomeretswa ku mubiri no ku mutima, kwicana, gutakaza ikizere cyo kubaho, kubaho nabi, ubukene...
- **Ku baturanyi:** guhorana umutekano muke aho batuye, kugirirwa nabi (umuturanyi ashobora kujya gukiza umuryango urimo imirwano akaba yahakubitirwa cyangwa akahagwa)
- **Ku gihugu:** imiryango ibonekamo amakimbirane ntitera imbere bityo igihugu ntigitere imbere; guhora mu manza zidashira z'iyo miryango na byo bidindiza iterambere...
- **Ku rwego mpuzamahanga:** intambara zivuka hagati y'ibihugu.

3. Ni iyihe ntwaro Batamuriza yakoresheje kugira ngo ahoshe amakimbirane mu muryango we?

Yakoresheje intwaro yo kwihangana, urukundo n'imbabazi.

4. Ni ibihe bintu abagize umuryango bagomba kwitondera bishobora gukurura amakimbirane?

Ibintu bishobora kuba intandaro y'amakimbirane:

- Gushaka kwikubira umutungo (iyimukanwa n'itimukanwa) kw'abashakanye.
- Ubusinzi bukabije no gusesagura umutungo w'urugo.
- Kutagirirana ikizere cyangwa gusuzugurana bishingiye ku kazi hagati y'abashakanye.
- Ubusambanyi
- Ishyari n'ibindi.

5. Ni uwuhe musanzu watanga mu kurwanya amakimbirane mu muryango?

Umusanzu watangwa:

- Kugira inama umuryango nyarwanda ku bijyanye no kubaka umuco w'amahoro.
- Gutungira agatoki urwego rubishinzwe igihe hari umuryango wagaragayemo amakimbirane.
- Kugira inama abashakanye yo kujya baganira ku bibazo bagiranye, kandi imibanire yabo igashingira ku rukundo nyakuri ruzira uburyarya, rudashingiye ku kindi kintu icyo ari cyo cyose kitari urukundo ubwarwo.
- Gushinga umuryango ushinzwe kurwanya no gukumira amakimbirane mu muryango.

II. IBIBAZO BY'INYUNGURAMAGAMBO

Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo bivuga kimwe akurikira yakuwe mu mwandiko kandi ukore isanisha rikwiye: kwicira isazi mu jisho, gutesha umutwe, guhonoka, incyuro, kwahukana.

a) Abana be **barashonje cyane** kubera amakimbirane ahora mu rugo rwe.

- Abana be **bicira isazi mu jisho** kubera amakimbirane ahora mu rugo rwe.

b) Karibwende yabujije amahoro umugore we none agiye kwigendera.

- Karibwende yatesheje umutwe umugore we none agiye kwahukana.

c) Karimwabo **yasimbutse** inzara ya Ruzagayura none ubu ni umusaza rukukuri.

- Karimwabo **yahonotse** inzara ya Ruzagayura none ubu ni umusaza rukukuri.

d) Uriya mwana yatewe ipfunwe **n'amagambo mabi** yabwiwe na bagenzi be!

- Uriya mwana yatewe ipfunwe **n'incyuro** yabwiwe na bagenzi be!

Kora interuro wifashishije aya magambo: kubuza epfo na ruguru, igikwerere, kuraza rwantambi.

Ingero z'interuro

Umuturanyi we yamubujije epfo na ruguru none agiye kwimuka.

Kamariza yashyingiranywe n'umugabo w'igikwerere ugeze mu myaka mirongo ine n'itanu.

Yaraje abana be rwantambi nyuma yo kubaburira amafunguro.

III. IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA

Kosora interuro zikurikira ukurikije imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

a) Kuba kwisi n'ukwihangana.

Kuba **ku isi** ni ukwihangana.

b) Ntamuntu numwe ushobora kumva ububabare bwabandi badahuje ikibazo.

Nta muntu n'umwe ushobora kumva ububabare bw'abandi badahuje ikibazo.

c) Habaho abantu b'inyanga mugayo bakunda kwitangira imbabare.

Habaho abantu b'**inyangamugayo** bakunda kwitangira imbabare.

d) Yarangije kwiga mumwaka w' 2015

Yarangije kwiga **mu mwaka wa 2015**

IV. UBUMENYI KU NSHOBERAMAHANGA

1. Tandukanya inshoberamahanga n'umugani mugufi wifashishije ingero.

Umugani mugufi ni ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda. Ni interuro yuzuye igizwe n'ibice bibiri, buri gice gifite inshinga ikigenga. Igice cya kabiri kiza ari icyuzuzo k'igice cya mbere.

Urugero

Aho kwicarira umutogoto w'inkono wakwicarira ijambo rya nyirayo.

Igice cya mbere: Aho kwicarira umutogoto w'inkono.

Igice cya kabiri: Wakwicarira ijambo rya nyirayo.

Inshoberamahanga ni imvugo, si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda.

Inshoberamahanga igira inyito cyangwa igisobanuro cy'urwunge rw'amagambo yabaye

inyumane, iba igizwe kandi n'inshinga n'icyuzuzo cyayo.

Ingero

Gutera isekuru, guca akenge, kurara rwantambi…

2. Hanga umwandiko mugufi utarengeje ipaji imwe ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro. Muri uwo mwandiko habonekemo byibura inshoberamahanga zirenga eshanu. Kubahiriza amategeko agenga imyandikire y'Ikinyarwanda ni ihame.

Umwarimu areba ko inshobaramahanga nibura eshanu zirimo kandi zakoreshejwe mu nyito zayo, akanasuzuma ko amategeko agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda yubahirijwe. Ntiyita ku mbata y'umwandiko.

UMWITOZO NZAMURABUSHOBOZI

1. Sobanura inshoberamahanga zikurikira kandi uzikoreshe mu nteruro ngufi.

Kugenda biguruntege: **kugenda buhoro usa n'utabishaka**

Gutera isekuru: **gucumbagira**

Kubura epfo na ruguru: **gushoberwa**

Kugwa mu kantu: **kumirwa**

Kugenda nka Nyomberi: **kugenda ubutagaruka**

Guseta ibirenge: **kugenda wanga**

Ikitonderwa: ku nteruro umwarimu arareba niba interuro umunyeshuri yakoze zikurikije amategeko agenga ikibonezamvugo.

2. Kosora umwandiko ukurikira wubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Umwana wanjye w'impfura yajyiye kwoza ibyantsi ahura namukuru we kwa nyina wabo aramubwira ngwazaze bajyane gusura kawera umucyecuru w'incike ya jenocide utuye mu butantsinda bwa kigoma.

Umwandiko ukosoye

Umwana **wange** w'**imfu**ra ya**gi**ye koza ibyansi ahura na mukuru we kwa **nyina wabo** aramubwira ngo azaze bajyane gusura Kawera umu**ke**curu w'**inshi**ke ya Jenoside utuye mu Butansinda bwa Kigoma.

UMWITOZO NYAGURABUSHOBOZI

Hanga umwandiko ku kurwanya amakimbirane wubahiriza amategeko y'imyandikire yemewe kandi ukoreshemo inshoberamahanga ziri hejuru y'eshanu.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yakoze umwandiko mwiza ugaragaramo inshoberamahanga kandi ko yubahirije amategeko y'imyandikire.

UMUTWE WA KANE B
UMUCO W'AMAHORO

4B

Umubare w'amasomo: 12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusesengura umwandiko ku miyoborere myiza, kwakira neza abantu, kubafata neza no kwandika Ikinyarwanda mu buryo buboneye.

Ubushobozi shingiro:

Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba afite ubumenyi ku cyo imiyoborere ari cyo, kuba azi gutandukanya mu nyandiko amazina rusange n'amazina bwite ndetse azi n'utwatuzo dukoreshwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho:

Ubuzima bw'imyororokere: Mu mwandiko "Dukangukire imiyoborere myiza" harimo ingingo igaragaza ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Umwarimu agerageza gukora ibishoboka byose agafasha abanyeshuri gusobanukirwa neza ubuzima bwabo bw'imyororokere.

Uburinganire n'ubwuzuzanye:

Imyandiko iri muri uyu mutwe igaragaza ku buryo bunonosoye ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe uburinganire n'ubwuzuzanye agendeye ku bitekerezo bikubiye mu mwandiko ndetse no gushyira abanyeshuri mu matsinda hubahirizwa iri hame.

Umuco w'amahoro:

Mu mwandiko w'isuzuma no mu bibazo byo kumva no gusesengura umwandiko iyi ngingo iragaragaramo. Harimo umuco mwiza wo gufashanya, kwishyira hamwe no kunga ubumwe. Umwarimu kandi agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe ibijyanye n'umuco w'amahoro.

Umuco wo kuzigama:

Mu mwandiko w'isuzuma n'ibibazo havugwamo ibyerekeranye no gukorana n'ibigo by'imari. Umwarimu abishingiyeho akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe n'ibijyanye n'umuco wo kuzigama bateganyiriza ejo hazaza.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo:

Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro kagufi cyangwa akandiko kagufi twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa kane B n'umubare w'amasomo

Umutwe wa kane B: Umuco w'amahoro **Umubare w'amasomo: 12**		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'amasomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko "Dukangukire imiyoborere myiza"	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko "Dukangukire imiyoborere myiza"	Gusesengura umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Guhanga no kwandika	Guhanga umwandiko.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda	Kwandika yubahiriza amabwiriza agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.	Amasomo 4
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 2

Umwandiko: Dukangukire imiyoborere myiza

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 76)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku miyoborere myiza, kwakira neza abatugana no kubafata neza, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma akababazaho ibibazo biganisha kuri uwo mwandiko.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bakoze mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. IBIBAZO N'IBISUBIZO BY'INYUNGURAMAGAMBO

1. Simbuza amagambo atsindagiye andi magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.

a) **Kurangiza neza ishingano** umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.
Kwesa imihigo umuntu yihaye mu kazi ke bituma aba umuyobozi w'indakemwa.

b) Kwiba umutungo wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.
Kunyereza umutungo wa rubanda ni icyaha kitababarirwa.

c) **Kuvuga ukarambirana** bituma abantu binubira ibyo uvuga.
Kwizimba mu magambo bituma abantu binubira ibyo uvuga.

d) Abaturage bari mu nama, iyo bagize **amatsiko menshi** bituma babaza cyane.
Abaturage bari mu nama, iyo bagize amashyushyu bituma babaza cyane.

e) Umuyobozi ugira **vuba na bwangu** muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi.
Umuyobozi ukubita abangura muri serivisi atanga, afasha abaturage benshi.

2. Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro iboneye.

a) Igenamigambi
Igenemigambi rikozwe neza rifasha abayobozi gukorera kuri gahunda kandi bagakora ibikenewe ku gihe cyabyo.

b) Induruburi
Kugira induruburi nyinshi ku munsi bituma umuntu atabona uko aruhuka.

c) Gusobwa
Abantu bagira amazinda bakunda gusobwa n'amagambo igihe bavuga.

d) Kuronka
Iyo wakira neza abakugana kandi ukabaha serivisi nziza uronka inyungu nyinshi mu kazi kawe.

e) Impanuro
Kumva impanuro z'ababyeyi n'abarezi bacu tukazikurikiza bituma turushaho kwitwara neza no gutsinda amasomo yacu.

3. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko.
a) **Terefoni ngendanwa** ≠ terefoni zo mu biro, terefoni zo mu rugo
b) **Ituze** ≠ imidugararo, umuhangayiko
c) **Kwakirana urugwiro** ≠ kwakirana umunabi, kwakirana umwaga

4. Shaka imigani migufi yakoreshejwe mu mwandiko usobanure n'icyo ivuga.

Imigani yakoreshejwe mu mwandiko n'icyo isobanura:

a) **Ntawukorakora uwo atakoye**: kirazira gukuyakuya umukobwa cyangwa umugore utari uwawe.

b) **Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera:** abantu ntibakangukira kumenya no kuzirikana agaciro nyako k'ikintu bafite, mu gihe abatabifite bo baba bakifuza.

II. IBIBAZO N'IBISUBIZO BYO KUMVA UMWANDIKO

1. Ese iyo bavuze imiyoborere myiza, wumva iki?
Iyo bavuze imiyoborere myiza numva ubuyobozi bwuzuza neza inshingano zabwo uko bikwiye.

2. Imiyoborere myiza igirira abantu akahe kamaro?

Imiyoborere myiza ifasha abantu:

- Kubaho mu mahoro n'umutekano.
- Kubona serivisi nziza kandi yihuta.
- Kugira imibereho myiza.
- Gutera imbere mu bukungu.
- Kubona ibikorwa remezo hafi yabo.
- Kubaho mu bwisanzure.
- Kugira ikizere k'ejo heza n'ibindi.

3. Ni izihe nyungu zo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta?

- Bituma tumenyekana kandi tukavugwa neza mu mahanga.
- Bidukururira abantu bakatugana bishimye bityo tukabona ba mukerarugendo benshi.
- Biduhesha ishema n'agaciro mu ruhando rw'amahanga.
- Biturehereza abakiriya benshi tukungukira mu bikorwa byacu.
- Bituma tugirirwa ikizere n'amahanga tugahabwa kwakira inama, imikino n'imyidagaduro mpuzamahanga.
- Bidufasha kumenyekanisha ibyiza nyaburanga byacu n'ibikorerwa iwacu.
- Bituma tubana neza n'abandi.
- Bituma akazi kagenda neza kakanyura abashaka serivisi n'ibindi.

4. Ni ibihe byiza byo kwakira neza abatugana no kubaha serivisi inoze kandi yihuta byavuzwe mu mwandiko?

Gutanga serivisi inoze kandi yihuta bituma abanyamahanga batugana bakatuzanira amadovize Igihugu kigatera imbere.

5. Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Kamariza na Kagabo ushingiye ku muco nyarwanda.

Abanyeshuri batanga ibitekerezo byabo. Umwarimu akurikira ibitekerezo batanga agashyigikira ibiri byo, ibitari byo akabikosora, akabayobora mu murongo w'ibiri byo.

Urugero rw'ibitekerezo batanga:

Imyitwarire ya Kagabo ni mibi kuko ishobora:

- Kugusha Kamariza mu ngeso mbi z'ubusambanyi.
- Kubakururira indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zirimo na Sida.
- Gutuma Kamariza atwara inda atateguye.
- Kubakoza isoni mu maso y'abandi bagafatwa nk'abataye umuco.

- Gutuma Kagabo afatwa nk'uwataye umuco (nk'utagira indangagaciro z'umuco nyarwanda).
- Kumukururira ingorane agafungwa.
- Gutuma yandarika umuryango we n'ibindi.

Imyitwarire ya Kamariza ni myiza cyane kuko imufasha:

- Kwirinda kugwa mu bishuko byamushora mu ngeso mbi z'ubusambanyi.
- Kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Kwirinda gutwara inda atateguye.
- Kuba umukobwa w'umutima, ufite umuco mwiza.
- Kugaragara neza mu maso y'abandi afatwa nk'umwana warezwe neza n'ibindi.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku miyoborere myiza, kwakira neza abatugana no kubafata neza, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iki gice ibiteganya ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bakoze mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyavaga mu matsinda

a) Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka zivugwa mu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi abanyeshuri batanga zigomba kugusha ku miyoborere myiza no kwakira neza abatugana no gutanga serivisi inoze. Naho ingingo z'ingereka zigomba kugusha ku biranga izo ngingo z'ingenzi.

Ingingo y'ingenzi: imiyoborere myiza, kwakira neza abatugana no gutanga serivisi inoze.

Ingingo z'ingereka: ibiranga imiyoborere myiza wita ku bo uyobora mu buryo bwose bushoboka no kubaha ikaze ukabakira na yombi, ubagaragariza urugwiro.

b) Ubaye umuyobozi w'ahantu hatigeze harangwa imiyoberere myiza ni ibiki wakwihutira gukora?

Abanyeshuri batanga ibitekerezo by'ibyo bakora bigaragaza imigiririre y'umuyobozi mwiza wita ku bo ayobora. Umwarimu yumva niba bigusha ku ngingo zigaragaza mu by'ukuri imiyoborere myiza n'ibiyiranga.

Igice cya gatatu: Guhanga no kwandika

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora: - Guhanga inyandiko ishima cyangwa inenga ibijyanye n'imiyoborere myiza, kwakira no gufata neza abatugana.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku byerekeranye n'imiyoborere myiza, kwakira neza abakugana no kunoza imikorere.

1.Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2.Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda ku mwitozo wo guhanga no kwandika inyandiko zishima cyangwa zinenga imitangire ya serivisi.

Abakwandika bashima bagaragaza bimwe mu bitekerezo bikurikira:

Umuyobozi mwiza wakira neza abaturage, yakira neza abamugana akababaha serivisi bashaka. Ntiyirengagiza nkana abo ayobora, ntarya ruswa. Ntananiza abaturage, ntasiragiza abakene bya buri munsi. Avugwa neza, ntatukana cyangwa ngo akubite abo ayobora. Abaturage ntibamwijujutira, ngo bifuze icyabageza ku Muvunyi cyangwa Perezida wa Repubulika ngo barenganurwe. Abaturage bagenda bamuvuga neza basaba Imana ngo izabafashe bazamuhorane.

Abakwandika banenga bagaragaza ibinyuranye n'ibyo umuyobozi mwiza akora .

Igice cya kane: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 80)

Intego zihariye

- Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:
- Gutahura imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.
- Kwandika neza Ikinyarwanda yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inyandiko y'amabwiriza agena imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza neza mu isomo rishya. Ashobora no kwifashisha interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bakoze mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyatangwa n'abanyeshuri ku rupapuro rwa 77 - 84.

Ibibazo n'ibisubizo ku myandikire yemewe

1. Kosora amakosa y'imyandikire ubona mu nteruro zikurikira:

a) Igihugu cy'Urwanda n'icy'Ubwongereza bibanye neza.

Igihugu cy'u Rwanda n'icy'u Bwongereza bibanye neza.

b) Igisaka n'Amarangara ni uturere dutuwe cyane.

I Gisaka n'a Marangara ni uturere dutuwe cyane.

c) Socrate (Sokarate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.

Sokarate (Socrate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.

d) Mu mugi wa Nairobi (Nayirobi) haba ubushyuhe bukabije.

Mu mugi wa Nayirobi (Nairobi) haba ubushyuhe bukabije.

2. Uzurisha utwatuzo dukwiye aho tubura hagaragajwe

a) Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.....

Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.

b) Wibuka ko ku wa Kane ku wa 22/5/2018 tuzagirira urugendo shuri muri Pariki y'Ibirunga.....

Wibuka ko ku wa Kane ku wa 22/5/2018 tuzagirira urugendo shuri muri Pariki y'Ibirunga?

c) Mbega ngo ndagatora.....

Mbega ngo ndagatora!

d) Yambwiye ati .....Dusangire impamba yange.....

Yambwiye ati: "Dusangire impamba yange."

e) Igihembo cya Noberi.....Nobert.....gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi buri mwaka.

Igihembo cya Noberi (Nobert) gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi buri mwaka.

f) Aravuze ngo: ...Kera iyo twivugaga.....Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica... ntiyandushaga....

Aravuze ngo: "Kera iyo twivugaga 'Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica' ntiyandushaga."

Imyitozo nzamurabushobozi

Ibibazo n'ibisubizo

Kosora amakosa y'imyandikire ari mu nteruro zikurikira kugira ngo zibe interuro ziboneye.

a) Njyanira ibi bitabo mw'ishuri njye gukina.
Njyanira ibi bitabo mu ishuri nge gukina.

b) Nciye kwa masenjye bampa icyibo cyiza cyane ngo nshyire umuvandimwe wanjye.
Nshiye kwa masenge bampa ikibo kiza cyane ngo nshyire umuvandimwe wange.

c) Sincudika n'umuntu umpfukirana simbone uko ntanga ibitecyerezo byanjye.
Sinshudika n'umuntu umfukirana simbone uko ntanga ibitekerezo byange.

d) Ubwo nuko utazi uko batsa tereviziyo nuko bayizimya.
Ubwo ni uko utazi uko batsa tereviziyo n'uko bayizimya.

e) Intsinzi ya we uyibonye wayikoreye.
Insinzi yawe uyibonye wayikoreye.

f) Nyiri icyubahiro Musenyeri yavuze ko nyir'amahirwe aruta nyirubwenge.

Nyiricyubahiro Musenyeri yavuze ko nyiri amahirwe aruta nyiri ubwenge.

g) Kurira s'ugusuka amarira gusa kuko hari na bo amarira atemba ajya munda.
Kurira si ugusuka amarira gusa kuko hari n'abo amarira atemba ajya mu nda.

h) Numvishe baca umugani ngo: Umutimamuhanano nti wuzura igituza.
Numvise baca umugani ngo: "Umutima muhanano ntiwuzura igituza."

i) Umutara ugira imirambi myiza nk'Igisaka.
U Mutara ugira imirambi myiza nk'i Gisaka.

IMYITOZO NYAGURABUSHOBOZI

Andukura umwandiko ukurikira ushyiramo utwatuzo tuburamo kandi unakosora amakosa y'imyandikire aho agaragara.

Urwanda rurangwa mo imiyoborere myiza igipimo cy'iyo miyoborere kigaragarira mubikorwa by'ubuyobozi abayobozi bacu ntibahwema kudushakira ibyiza badushyiriye ho gahunda nyinshi zidufasha mu mibereho myiza n'iterambere nka gira inka munyarwanda ubwisungane mu kwivuza akarima k'igikoni n'izindi ntarondeye. Genda Rwanda urahirwa ni byo nta wutakwifuza kukubamo. Ninkora neza ngashimwa n'abanyarwanda nziyamamariza kuba umuyobozimwiza maze bantore negukane intsinzi. Ndumva kandi nta kizambuza kugera ku nzozi zanjye.

UMWANDIKO UKOSOYE

U Rwanda rurangwamo imiyoborere myiza. Igipimo k'iyo miyoborere kigaragarira mu bikorwa by'ubuyobozi. Abayobozi bacu ntibahwema kudushakira ibyiza. Badushyiriyeho gahunda nyinshi zidufasha mu mibereho myiza n'iterambere nka Girinka Munyarwanda, ubwisungane mu kwivuza, akarima k'igikoni n'izindi ntarondeye. Genda Rwanda urahirwa! Ni byo ntawutakwifuza kukubamo. Ninkora neza ngashimwa n'Abanyarwanda, nziyamamariza kuba umuyobozi mwiza maze bantore negukane insinzi. Ndumva kandi ntakizambuza kugera ku nzozi zange.

Inshamake y'umutwe wa kane B

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane B bityo bikabafasha gukora inshamake yawo.

Urugero rw'ibyagaragara mu nshamake bakora

Muri uyu mutwe hagaragaramo ingingo zishimangira imiyoborere myiza nko gukorera mu mucyo, kurwanya ruswa no kwemera kugenzurwa. Mu miyoborere myiza kandi habamo kwakira no guha abakugana serivisi inoze.

Ku bijyanye n'ingingo yo kwimakaza umuco w'amahoro, imiyoborere myiza ishyira imbere ubwumvikane n'ubutabera kuri bose.

Ku bijyanye n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, harimo kubahiriza amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ajyanye n'imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.

Ubumenyi bw'inyongera

Bimwe mu bikorwa by'ingenzi u Rwanda rwagezeho kubera imiyoborere myiza

Mu burezi

- Amashuri menshi yubatswe na Leta ifatanyije n'abaturage, ayigenga ariyongera, uburezi bugera kuri bose kandi ireme ryabwo ntirihwema gutezwa imbere uko bwije n'uko bukeye.
- Umubare w'abiga amashuri yaba ay'inshuke, abanza, ayisumbuye na za kaminuza wariyongereye ku buryo bugaragara.
- Gahunda z'amashuri zaravuguruwe zihuzwa n'igihe ndetse n'ibigezweho ku isoko ry'umurimo n'ibindi.

Mu buzima

- Hagiyeho gahunga y'ubwisungane mu kwivuza bikaba byorohereza Abanyarwanda bose kwivuza bitabagoye.
- Ibigo nderabuzima, ibitaro n'amaguriro y'imiti byarubatswe hirya no hino mu turere no mu migi maze byegerezwa abaturage.
- Indwara z'ibyorezo zararwanyijwe maze abarwayi boroherezwa kubona imiti.
- Abagore bakanguriwe kwipimisha igihe batwite no kwita ku bana bato bituma umubare w'ababyeyi bapfaga babyara n'uw'abana bapfaga bavuka ndetse n'uw'abana bapfaga batarengeje imyaka itanu ugabanuka cyane.
- Urubyiruko rushishikarizwa kumenya ubuzima bw'imyororokere n'ibindi.

Umwarimu afasha abanyeshuri gukora ubushakashatsi bakagaragaza n'ibindi byiza cyangwa izindi gahunda u Rwanda rumaze kugeraho kubera imiyoborere myiza nko mu ikoranabuhanga, mu buhinzi, mu kurengera ibidukikije, mu bukungu, mu bubanyi n'amahanga n'ibindi. Ibyo bamaze kugeraho umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane B

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90)

Ibigenderwaho mu isuzuma
Ubushobozi bwo gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.
Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire iboneye no gukosora inyandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma buri wese ku giti ke. Iyo barangije kurikora arabakosora akareba buri wese n'ibibazo byihariye afite kugira ngo amenye uko amufasha.

I. IBIBAZO N'IBISUBIZO BYO KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

1. Garagaza uko kera Masengesho yari abayeho wifashishije ingero zatanzwe mu mwandiko?

Kera Masengesho yari abayeho nabi mu buzima bwa gikene. Yari umupfakazi utagira shinge na rugero: nta ho kuba yagiraga, nta byo kurya yari afite yatungwaga n'abaturage, ntiyagiraga ubushobozi bwo gushyira abana mu ishuri cyangwa kubavuza n'ibindi.

2. Ubu Masengesho abayeho ate? Bigaragaze wifashishije ingero.

Ubu Masengesho abayeho neza. Afite inzu yiyubakiye atahamo, afite andi mazu akodesha akamwinjiriza amafaranga, afite imodoka agendamo n'umuryango we, afite ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bw'inkoko bimwinjiriza amafaranga, afite resitora mu Mujyi wa Kigali yabaye ikirangirire, afite umugambi wo gushinga kompanyi itwara abantu akagura imodoka nyinshi zitwara abantu mu buryo bwa rusange n'ibindi.

3. Ni iki kigaragaza mu mwandiko ko mu Rwanda dufite uburezi budaheza?

Ikigaragaza mu mwandiko ko mu Rwanda dufite ubuyobozi budaheza ni uko umwana wa kabiri wa Masengesho ufite ubumuga bwo kutabona atahejwe mu burezi nk'uko kera byagendaga. Yashyizwe mu ishuri arafashwa ariga none ubu ageze muri kaminuza.

4. Ushingiye ku mwandiko wasomye, erekana ukuntu ubuyobozi burangwamo imiyoborere myiza ari ingenzi.

Nshingiye ku mwandiko, nsanga ubuyobozi burangwamo imiyoborere myiza ari ingenzi. Ni ubuyobozi buba hafi abaturage, bugaharanira ko babaho neza kandi bagatera imbere. Bubashyiriraho gahunda zibatera inkunga bakiteza imbere kandi bukabagira inama z'uko babyitwaramo. Ni ubuyobozi butirengagiza abakene, ubuyobozi buharanira amahoro, iterambere, imibereho myiza n'ubumwe by'abenegihugu.

5. Nanone ushingiye ku mwandiko wasomye, erekana ukuntu kwakira neza abakugana no gutanga serivisi inoze ari byiza k'ubikora no k'ubikorerwa.

Kwakira neza abakugana no gutanga serivisi inoze ni byiza cyane: bifasha ubigira

kugirirwa ikizere, kubona abakiriya, kuvugwa neza, kunguka inshuti nyinshi, kugira umutuzo mu mutima we, kuba yabona amashimwe anyuranye bitewe n'imikorere ndetse n'imyitwarire ye inyura bose n'ibindi. Bifasha kandi ubikorerwa kwishimira ibyo akorerwa, kwigirira ikizere kuko ahabwa agaciro, kumva na we yakwisanisha n'abamwakira, kunguka igihe n'ibindi.

6. Andika inshoberamahanga ebyiri ushaka ziri mu mwandiko hanyuma uzisobanure.

Inshoberamahanga ziri mu mwandiko ni:

- Kugera ikirenge mu cy'undi: gukurikiza urugero rwe ugakora nka we.
- Kuva ibuzimu ukajya ibumuntu: kuva mu butindi cyangwa ubukene bukabije ukajya mu bukire; kuzahazwa n'indwara ikakugeza kure hanyuma ukayihonoka ukagira ubuzima buzira umuze.
- Nta shinge na rugero: nta bushobozi namba.
- Kugwirwa n'ijuru: kugwa mu kaga gakabije, kugera mu ngorane zikabije.
- Guta umutwe: kuzubara, gusumbirizwa n'ibibazo ukabura icyo ukora.

II. INYUNGURAMAGAMBO

1. Simbuza aya magambo cyangwa udutsiko tw'amagambo byakoreshejwe mu mwandiko: ku ruhimbi, kwigira ntibindeba, kwivuza magendu, ubushwambagara, nta shiti andi bihuje inyito atsindagiye mu nteruro zikurikira kandi wubahiriza imyubakire y'interuro.

a) Abana bakunda kutagira icyo bitaho bahura n'ingorane zikomeye.

Abana bakunda kwigira ntibindeba bahura n'ingorane zikomeye.

b) Nta gushidikanya ubuyobozi bwiza buzatugeza kuri byinshi.

Nta shiti ubuyobozi bwiza buzatugeza kuri byinshi.

c) Kwivuriza ahatemewe n'amategeko bituma abarwayi badakira.

Kwivuza magendu bituma abarwayi badakira.

d) Abanyarwanda barasobanutse nta mwana ucyambara inshabari.

Abanyarwanda barasobanutse nta mwana ucyambara ubushwambagara.

e) Gahunda ya Girinka Munyarwanda yatumye Abanyarwanda bahoza amata mu bitereko byayo.

Gahunda ya Gira inka Munyarwanda yatumye Abanyarwanda bahoza amata ku ruhimbi.

2. Shaka mu mwandiko amagambo cyangwa udutsiko tw'amagambo usimbuza ayo bihuje inyito atsindagiye mu nteruro zikurikira.

a) Masengesho yari umukene cyane.

Masengesho yari umutindi nyakujya.

b) Mu minsi ya mbere Masengesho yari yarihebye.

Mu mizo ya mbere Masengesho yari yarihebye.

c) Masengesho yitaye ku nka bari bamuhaye muri gahunda ya Girinka Munyarwanda agwiza umukamo, we n'abana be banywa amata, asagurira n'isoko yinjiza amafaranga menshi.

Masengesho yitaye ku nka bari bamuhaye muri gahunda ya Girinka Munyarwanda agwiza umukamo, we n'abana be banywa amata, asagurira n'isoko amafaranga arisuka.

d) Gushyira hamwe kw'Abanyarwanda n'ubwiyunge bwabo ni bimwe mu bishimangira umuco w'amahoro.

Ubumwe bw'Abanyarwanda n'ubwiyunge bwabo ni bimwe mu bishimangira umuco w'amahoro.

Huza amagambo ari mu ruhushya A n'ayo bihuje inyito cyangwa ibisobanuro ari muruhushya B

A	B
– Uburiza	– Imfura
– Ubuheta	– Umwana wa kabiri
– Ubuheture	– Umwana wa gatatu
– Umuhererezi	– Bucura

IIII. IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA

1. Kosora niba ari ngombwa

a) Yohani Karani yambwiye ko Urwanda n'Uburundi ari ibihugu byaboneye ubwigenge icyariwe.

Yohani Karani yambwiye ko u Rwanda n'u Burundi ari ibihugu byaboneye ubwigenge icyarimwe.

b) Mbere y'ubwigenge, igihugu cya Belgique ni kimwe mu byakoronije Urwanda.

Mbere y'ubwigenge, igihugu cy'u Bubirigi (Belgique) ni kimwe mu byakoronije u Rwanda.

2. Shyira utwatuzo dukwiye aho ari ngombwa

a) Uriya mwana ko mbona arira yakubiswe na nde. Genda umumbwirire uti icecekere

Uriya mwana ko mbona arira yakubiswe na nde? Genda umumbwirire uti: "Icecekere."

b) Yoo, mbese ni uku wabaye. Umaze igihe kingana iki urwaye se

Yooo! Mbese ni uku wabaye! Umaze igihe kingana iki urwaye se?

c) Kurya neza si ukurya ibihenze, kurya neza ni ukurya ibifite intungamubiri
Kurya neza si ukurya ibihenze; kurya neza ni ukurya ibifite intungamubiri.

3. Kosora amakosa ari muri izi nteruro utange itegeko rituma uyita amakosa

a) Ku wa gatanu no ku wa gatandatu duzajya dukorana inama.
Ku wa Gatanu no ku wa Gatandatu tuzajya dukorana inama.

b) Minisiteri y'uburezi yavuguruye ikigo k'igihugu gishinzwe integanyanyigisho.
Minisiteri y'Uburezi yavuguruye Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho.

c) u Rwanda ni igihugu cyo muri afurika yo hagati.
U Rwanda ni Igihugu cyo muri Afurika yo hagati.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Kosora amakosa y'imyandikire ubona mu nteruro zikurikira

a) Amayaga n'Amarangara ni uturere tw'intara yamagepfo.
A Mayaga n'a Marangara ni uturere tw'Intara y'Amajyepfo.

b) Fraipont ni umupadiri washinze ikigo cya Gatagara.
Ferepo (Fraipont) ni umupadiri washinze ikigo cya Gatagara.

c) Mu gihugu cya Tchad haba ubutayu.
Mu gihugu cya Cadi **(Tchad)** haba ubutayu.

2. Uzurisha utwatuzo dukwiye aho tubura hagaragajwe

a) Mariya ati ibyo uvuze bingirirweho.
Mariya ati : "Ibyo uvuze bingirirweho."

b) Karisa ati sinatsindwa ikizamini bibaho, uko kwari ukwiyemera, keretse narwaye.
Karisa ati : " Sinatsindwa ikizamini bibaho [uko kwari ukwiyemera] keretse narwaye. "

c) Mbega umwana mwiza weee.
Mbega umwana mwiza weee!

Umwitozo nyagurabushobozi

Kosora umwandiko ukurikira ukoresha Ikinyarwanda kinoze ushyiramo utwatuzo n'inyuguti nkuru aho bigomba.

U Rwanda igihugu cyacu

Urwanda ni igihugu cyiza pe. nubwo yaciye mu bihe bibi by'umwijima abagituye bagahura n'amacakubiri yazanywe na ba colons ndetse bikageza

kuri genocide yakorewe abatutsi ubu abaturage baratuje reta ishyize imbere ubumwe bwa bo ngo icyo cyago kitazongera ukundi. hashinzwe imiryango myinshi itegamiye kuri reta oigamije gukangurira abanyarwanda ubumwe nubwiyunge ndetse numuco wamahoro.

Umwandiko ukosoye

U Rwanda ni Igihugu kiza pe! Nubwo cyaciye mu bihe bibi by'umwijima, abagituye bagahura n'amacakubiri yazanywe n'abakoroni ndetse bikageza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, ubu abaturage baratuje. Leta ishyize imbere ubumwe bwabo ngo icyo cyago kitazongera ukundi. Hashinzwe imiryango myinshi itegamiye kuri Leta igamije gukangurira Abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'umuco w'amahoro.

UMUTWE WA GATANU
IBIDUKIKIJE

5

Umubare w'amasomo: 12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe – Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije no kuvuga akoresha imvugo yabugenewe.
Ubushobozi shingiro Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba afite ubumenyi ku cyo imiyoborere ari cyo, kuba azi gutandukanya mu nyandiko amazina rusange n'amazina bwite ndetse azi n'utwatuzo dukoreshwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
Ubushobozi shingiro – Umunyeshuri agomba kuba ashobora: – Gusobanura ubukerarugendo n'ibidukikije icyo ari cyo kandi ashobora gukoresha ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku ngoma, ku isekuru no ku gisabo.
Ingingo nsanganyamasomo ivugwaho Kubungabunga ibidukikije: Hifashishijwe umuvugo uvuga ku byiza bitatse u Rwanda umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe iyi ngingo mu gihe basubiza ibibazo byo kumva umwandiko biyiganishaho.
Uburyo bwo kwinjira mu isomo Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatanu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa gatanu: Ibidukikije Umubare w'amasomo: 12		
Ibice	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko"Kirezi nambaye urambera"	Gusoma no gusobanura umuvugo.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko"Kirezi nambaye urambera"	Gusesengura umuvugo.	Amasomo2
Igice cya gatatu: Kujya impaka	Gusobanura akamaro k'ibidukikije.	Amasomo 2
Igice cya kane: Ikeshamvugo	Kuvuga akoresha imvugo yabugenewe.	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 2

Umuvugo: "Kirezi nambaye urambera"

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 96)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umuvugo yubahiriza injyana n'isesekaza.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu muvugo.
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umuvugo ku bidukikije, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma, akababaza ibibazo biwuganishaho. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko, kinjiza abanyeshuri mu isomo ku bijyanye n'insanganyamatsiko y'ibyiza bitatse u Rwanda n'ubukerarugendo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. IBIBAZO N'IBISUBIZO KU MYITOZO YO KU NYUNGURAMAGAMBO

1. **Sobanura amagambo akurikira ukurikije ibisobanuro afite mu mwandiko.**
   a) Ikirezi: akazu kameze nk'igufwa kitwikirwa n'udukoko tumwe na tumwe two mu nyanja. Bagakora neza bakakambara nk'umurimbo wo mu ijosi kuko kererana cyane.

   Ikintu kiza cyane.

   b) Impuha: inkuru z'impimbano zuzuye ibinyoma.
   c) Impumu: ukuzibiranywa n'umwuka ugahumeka vubavuba kandi bikuruhije.
   d) Umwera (umwêerâ): ukweruruka k'umubiri udasize.
   e) Umwera (umweêra): umuntu ufite uruhu rwera; umuzungu.
   f) Ayera: amata. Umusizi yakoresheje imvugo ishushanya kubera ibara ryayo.
   g) Igisingo: ikamba ry'umwami.
   h) Guteka ijabiro: kwicara ku ntebe y'inteko by'umwami.
   i) Gutatamura imyato: gutondagura ikivugo kirekire kirimo ibigwi n'ibirindiro.

2. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro dusanga mu ruhushya B.**

A	B
Kurambagira	Gutembera k'umwami.
Umutavu	Inyana ikivuka itaramenya kurisha.
Umusezero	Imva y'umwami.
Ishyo	Ikoraniro ry'inka zororerwa hamwe zigasangira imfizi.
Kambere	Inzu y'ibanze umwami araramo.

II. IBIBAZO N'IBISUBIZO BYO KUMVA UMWANDIKO

1. **Vuga ibyiza bitatse u Rwanda bivugwa mu mwandiko**

   Harimo ibirunga, imisozi, ibibaya, ibishanga, imigezi inyamaswa zitandukanye, inyoni n'ibindi.

2. **Sobanura akamaro k'ubukerarugendo kavugwa mu mwandiko.**

   Bihuruza ba mukerarugendo bakaza kubisura bikadusigira amadovize twubakamo ibikorwa remezo tukiteza imbere.

3. **Ibidukikije bihurira he n'ubukerarugendo?**

   Ibidukikije ni byo bikurura ba mukerarugendo, bakatuzanira amadovize ari yo dukoresha mu kwiyubakira Igihugu.

4. **Imvugo "kirezi nambaye urambera " igaruka kenshi muri uyu mwandiko**

umuhanzi arashaka kumvikanisha iki? Erekana aho abishimangira cyane.

Muri iryo jambo umusizi arashaka kuvuga u Rwanda Igihugu ke, ari rwo agereranya n'ikirezi kimubereye. Arabishimangira cyane mu gika cya kabiri aho agira ati :

"Nge ndagushima kirezi cyange

Ni wowe nambara ukambera

Kandi ubwange menya ko wera

Kuko wampaye gukama ayera

Ntabwo nzigera ngira umwera."

5. **Aho umuhanzi avuga ngo "Nyirigisingo akurambagira" yashakaga kuvuga iki? Sobanura.**

   Aho umuhanzi avuga ngo Nyirigisingo akurambagira yashakaga kuvuga umwami igihe yabaga atembera mu gihugu ke.

6. **Wifashishije ingero zitandukanye ziri mu muvugo, erekana ibice bitandukanye umuhanzi yatatsemo ikirezi yambaye.**

   Umuhanzi yavuze ku bukungu uburyo igihugu cyamukamiye, avuga ku mateka yacyo uburyo abami bacyaguye avuga no ku byiza bitatse u Rwanda birimo imisozi, ibibaya, imigezi, inyamaswa…

7. **Uyu mwandiko urakwigisha iki mu buzima busanzwe.**

   Uyu mwandiko uranyigisha kumenya agaciro k'Igihugu cyange, kukishimira, kugikunda no guha agaciro ibigitatse. Uranyigisha kandi kumenya guhanga umuvugo urimo ikeshamvugo rinoze.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.
- Kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
- Gusesengura umuvugo yasomye agaragaza tumwe mu turango twawo.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, umuvugo ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye ryo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. **Wifashishije umwandiko, tahura insanganyamatsiko iwuvugwamo unayihuze n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi.**
   - Insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko ni "ibidukikije" aho umusizi avugamo ibyiza bitatse u Rwanda akavugamo akamaro kabyo ku buzima bwacu ndetse n'uburyo bikurura ba mukerarugendo.
   - Mu buzima bwacu bwa buri munsi tugomba kubungabunga ibidukikije, twirinda kubyangiza ndetse tubirinda n'ababyangiza kuko ari byo bituma tubaho kandi bikanatwinjiriza amadovize.
2. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu muvugo**

Ingingo z'ingenzi

- Igiteye umusizi guhanga.
- Gushima Igihugu ke (ikirezi yambaye).
- Kurata abakurambere bacyaguye n'imiyoborere yabo.
- Kurata ibyiza bitatse u Rwanda birimo imisozi, ibibaya, ndetse n'ibinyabuzima bitandukanye bikurura ba mukerarugendo.
- Uko Imana yatoye u Rwanda abarutuye bakaba batuje.

Ingingo z'ingereka

- Kurambagira k'umwami.
- Kuragirwa kw'amashyo y'inyambo n'imikumbi y'intama.
- Kuvumera kw'imbyeyi.

3. **Uyu mwandiko uri mu yihe ngeri? Kora isesengura ry'uyu mwandiko wasomye kandi unagaragaze tumwe mu turango tw'imyandiko nk'iyi.**
   - Uyu mwandiko uri mu bwoko bw'imivugo. Umuvugo ni igihangano kiri mu mvugo cyangwa mu nyandiko cyuje uturango nyabusizi.
   - Uhanga umuvugo atanaga imvugo ye akayiha ubwiza bunogeye amatwi n'umutima kubera iminozanganzo inyuranye (isubirajwi, isubirajambo n'ubundi bwoko butandukanye bw'ikeshamvugo nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya n'ibindi) yuzuzanya n'injyana.
   - Umuvugo uba ugabanyijemo amabango ari yo wagererenya n'ibika mu myandiko isanzwe.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye.
- Gusobanura akamaro k'ibidukikije.
- Kugaragaza ubushake bwo kubungabunga ibidukikije no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inyandiko zivuga ku bidukikije n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kujya impaka.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku kamaro k'ibidukikije.

Urugero rw'umwanzuro ku kungurana ibitekerezo.

Akamaro k'ibidukikije

- Gukurura no kuyungurura umwuka duhumeka.
- Kwifashishwa mu mirimo itandukaye ya buri munsi.
- Kuvamo ibikoresho dukoresha nkenerwa mu buzima.
- Gukingira umuyaga w'ishuheri no gukurura imvura
- Gutwikira ubutaka no kuwanya isuri.
- Gukenerwa mu buzima bwa buri munsi nko kwera imbuto ziribwa, kuvamo ibikoresho bitandukanye dukoresha.
- Kuba ubwihisho n'intaho ku nyamaswa, ibiguruka n'ibikururanda.
- Gukurura ba mukerarugendo bakazana amadovize.

Urugero : imiterere y'ibirunga, ibibaya, inzuzi n'imigezi bikurura ba mukerarugendo baza kuhatemberera bakaharuhukira kandi bibamo inyamaswa z'amoko atandukanye bashobora gusura.

Umwarimu azenguruka mu matsinda, agenzura ko abanyeshuri bajya impaka ku nsanganyamatsiko bahawe. Ndetse akanagenzura ko mu mwanzuro hagaragaramo akandi kamaro k'ibidukikije katavuzwe mu mwandiko.

Igice cya kane: Ikeshamvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 99)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Kongera gusobanura inshoza y'ikeshamvugo.
- Gutahura no gusobanura amagambo yabugenewe ku mwami, ku rusaku, ku ntaho, ku matsinda no ku rubyaro.
- Gukoresha imvugo ikwiye mu Kinyarwanda no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umuvugo "Kirezi nambaye urambera" batahuramo zimwe mu mvugo zidasanzwe zagiye zikoreshwa ku mwami kimwe no ku matungo n'inyoni. Hanyuma akabasaba gukora ubushakashatsi mu matsinda, biyibutsa inshoza y'ubwo buryo bwo kunoza imvugo no kuyikesha, banatahura izindi mvugo zinoze cyangwa amagambo yabugenewe akoreshwa ku mwami, ku rusaku cyangwa ku ntaho, ku rubyaro by'abantu, inyamaswa cyangwa ibintu ndetse n'akoreshwa mu kuvuga amatsinda yabyo.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvangazo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 90-94

Umwitozo ku ikeshamvugo n'ibisubizo byawo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 91)

Kosora umwandiko ukurikira ukoresheje imvugo yabugenewe kandi ukore isanisha rya ngombwa.

Umwandiko ukosoye.

Mutara III RUDAHIGWA yavukiye mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo muri Werurwe 1911. Akaba umuhungu w'umwami Yuhi IV MUSINGA **n'umugabekazi**

Nyiramavugo Kankazi Radegonde. **Umwamikazi** we yitwaga Rosaliya Gicanda. Ku ngoma ye yategetse ko abagaragu bagabana **amashyo** na ba shebuja. Y**arambagiraga** igihugu cyose aca imanza z'intabera.

Muri icyo gihe u Rwanda ntirwari rutuwe cyane, wasangaga **amasenga** y'impyisi ari ahantu henshi zirara **zihuma**, imbwa **zimoka** kandi **ibiraro** by'inka byari bike zararaga mu rugo uretse inyana ni zo zabaga mu **ruhongore** ngo bazirinde izuba. Rudahigwa yari akunzwe aho ageze abaturage bakundaga kumuha amashyi **y'urufaya.**

Uyu mwami **yatanze** tariki 25/7/1959. **Umugogo** we **bawutabariza** i Mwima ari na ho **umusezero** we ukiri kugeza ubu.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. **Simbuza amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira amagambo yabugenewe kandi ukosore aho biri ngombwa. (Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa**
   a) Inka **ziravuga** iyo zishonje.
   b) Inkokokazi **irasakuza** iyo iri hafi gutera.
   c) Umwami **yabyutse** ku **buriri bwe** asanganizwa n'amashyi **menshi.**
   d) Iyo mbyeyi ko **ivuga** cyane ntishaka iyayo?
   e) Hariya muri ririya **tsinda ry'ibiti** harimo **itsinda** ry'ingurube z'agasozi.
   f) Abo **bana b'inkoko** ubarinde ibisiga.
   g) Izo **nyana zikivuka** uzicyure mu nzu yazo izuba ritazica Inka **ziravuga** iyo zishonje

Ibisubizo

a) Inka **zirabira** iyo zishonje.
b) Inkokokazi **irateteza** iyo iri hafi gutera.
c) Umwami **yibambuye** ku **gisasiro ke** asanganizwa n'amashyi **y'urufaya.**
d) Iyo mbyeyi ko **ivumera** cyane ntishaka iyayo?
e) Hariya muri ririya **shyamba** harimo **imigana** y'ingurube z'agasozi.
f) **Iyo mishwi** y'inkoko uyirinde ibisiga.
g) Iyo **mitavu** uyicyure mu **ruhongore** rwayo izuba ritazica.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umuvugo mugufi w'imikarago makumyabiri ukoreshemo ikeshamvugo rishingiye ku mwami, ku matsinda y'inyamaswa, ibintu n'abantu, ku rubyaro no ku rusaku.

Umwarimu areba ko umuvugo wa buri munyeshuri ukoze neza kandi ko ikeshamvugo yarikoresheje uko bikwiye.

Umukoro ku ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 91)

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyihangemo umwandiko ntekerezo

ugizwe n'amagambo 200.

1. Inzuzi, imigezi n'ibiyaga ni ingirakamaro.
2. Akamaro k'ibidukikije mu iterambere ry'Igihugu.

Umwarimu arasaba buri munyeshuri ku giti ke guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Umwarimu aragenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro maze arebe ko umwandiko yakoze ukurikije ibi bikurikira:

- Imbata y'umwandiko.
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
- Uburebure busabwa.
- Inozamvugo.
- Ingingo zigusha ku nsanganyamatsiko.

Iyo amaze gukosora imyandiko yabo, agaragaza muri rusange amwe mu makosa abenshi bahuriyeho, yarangiza agahitamo umwe mu myandiko myiza y'intangarugero, agasaba nyirawo kuwusomera bagenzi be. Iyo hari amakosa akiboneka muri uwo mwandiko, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kuyakosora.

INSHAMAKE Y'UMUTWE WA GATANU

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'ingingo zagaragara mu nshamake.

- Ni ngombwa kubungabunga ibyiza bitatse u Rwanda n'ibidukikije muri rusange kuko bikurura ba mukerarugendo bakatuzanira amadovize atuma Igihugu gitera imbere.
- Ni ngombwa gukoresha amagambo yabugenewe ku mwami, ku rusaku, ku ntaho, ku matsinda, ku rubyaro, kunoza imivugire y'ururimi rw'Ikinyarwanda no kwirinda gukoresha imvugo ikocamye.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 104)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko
- Ubushobozi bwo kuvuga no kwandika akoresha amagambo yabugenewe

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, barangiza kurikora agakosora buri wese akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ni iki gituma ba mukerarugendo baturuka imihanda yose baje gusura ingagi?**

Ni uko izo ngagi nta handi wazisanga ku isi.

2. **Vuga ahandi hantu nyaburanga hatatu uzi hatavuzwe mu mwandiko.**

Ikirenga cultural center (ku Kirenge mu Karere ka Rulindo), ku Mukindo wa Makwaza (Gisagara), urutare rwa Kamegeri (Ruhango), Ingoro y'Ubugeni n'Ubuhanzi iri ku Rwesero I Nyanza, urutare rwa Ndaba…

3. **Uretse ibyiza nyaburanga birimo imisozi n'ibibaya inzuzi n'imigezi, ibirunga, ibimera n'inyamaswa, vuga ibindi byiza umuntu yasura.**

   Umuntu yasura ibyiza bishingiye ku mateka n'umuco

4. **Tanga ingero ebyiri z'ahantu dusanga ibyiza bishingiye ku mateka.**

   Mu Rukari mu Karere ka Nyanza, mu Bisi bya Huye mu Karere ka Huye

5. **Garagaza uruhare rw'ubukerarugendo mu iterambere ry'Igihugu.**

Amadovize ava mu bukerarugendo akoreshwa mu bikorwa binyuranye by'iterambere harimo no gutunganya no kubungabunga ahantu nyaburanga.

6. **Vuga nibura ibikorwa bitatu abantu baturiye Pariki bagomba kwirinda mu rwego rwo kubungabunga ibyiza nyaburanga.**

- Kwirinda gushimuta inyamaswa.
- Kwirinda guhiga muri Pariki.
- Kwirinda gutwika Pariki.
- Kwirinda kwangiza ibyiza nyaburanga.

II. Inyunguramagambo

- Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.
- Amabengeza: ubwiza buhebuje butarambirana kureba.
- Mu bushorishori: mu kirere hejuru cyane.
- Imparirwakurusha: indashyikirwa.
- Guhuga: kurangara.
- Uruhando: urubuga.
- Gucuma akarenge: gutera intambwe imbere.

Ikitonderwa: Umwarimu areba ko interuro zatanzwe zikozwe neza kandi zikurikije amategeko y'ikibonezamvugo.

III. Ikeshamvugo

1. **Uzuza iyi mbonerahamwe ukoresheje amagambo yabugenewe**

Ntibavuga	Bavuga
Itsinda ry'inyoni	Uruhuri
Itsinda ry'imbwa (ziri mu gakungu zisenzanya)	Igobe
Nyina w'umwami	Umugabekazi
Umwana w'umwami	Igikomangoma
Inzu y'umwami	Ingoro
Kujya ku ngoma (umwami)	Kwima (ingoma)

Aho umwami aramirizwa	Ijabiro
Kuvuga kw'inuma	Kuguguza
Kuvuga kw'intare	Gutontoma
Icyana k'imbwa	Ikibwana

2. **Kosora umwandiko ukurikira ukoresha imvugo yabugenewe kandi ukosore aho ari ngombwa.**

Umwandiko ukosoye

Ishyamba rya Manyinya na Maganya

Mu ishyamba rya Manyinya na Maganya harimo inyamaswa nyinshi: **amashyo** y'imbogo, **imigana** y'ingurube, **amasibo** y'imbwa ndetse **n'uruhuri** rw'inyoni nyinshi ziba **ziririmba** mu mashami y'ibiti. Iruhande rwaryo hari abashumba bahubatse **ibiraro** by'inka zabo ndetse **n'uruhongore** rw'inyana zazo kuko bahaje bahakurikiye **urwuri** rutoshye. Umwami **yaciye iteka** ryo kudatema iryo shyamba kuko ibiti byaho bikurura imvura. Umwami kandi yakundaga **kuharambagira**, we n'**umugabekazi, abamikazi** ndetse n'**ibikomangoma.**

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Simbuza amagambo atsindagiye mu mwandiko ukurikira ukoresheje amagambo yabugenewe kandi ukosore aho biri ngombwa.

Iwacu mu rugo

Iwacu **dufite** inka **nyinshi.** Buri muntu agira inshingano ze zaburi munsi, nkange isake **ikivuga** n'imisambi **ivuga,** ndazinduka nkajya kuvoma navayo **nkajyana** inka **aho zirisha**. **Inyana zimaze igihe gito zivutse** zo tuzisiga mu **nzu yazo.** Imbwa iba mu rugo na yo ihita iva mu **nzu** yayo ikankurikira yabona umuntu itazi ahise **ikavuga** cyane. Nkunda iyo nziragiye hafi y'umugezi numva uko **uvuga**, mu biti inyoni **zivuga**, mu kirere indege zinyuranamo **zivuga**. Nkareba **intaho** z'inyaga, **n'intaho** z'imbeba iyo mu mashyamba ngahita nishimira igihugu kiza ntuye. Inka **nzigarura mu rugo** mu ma saa sita. Mu gace k'iwacu ni ho **bashyinguraga imirambo** y'abami kuko hari **imva** zabo.

Umwandiko ukosoye

Iwacu mu rugo

Iwacu **dutunze amashyo** y'inka. Buri muntu agira inshingano ze za buri munsi, nkange isake **ikibika** n'imisambi **ihiga**, ndazinduka nkajya kuvoma navayo **nkahura** inka **mu rwuri. Imitavu** yo tuyisiga mu **ruhongore rwayo.** Imbwa iba mu rugo na yo ihita iva mu **kibuti** cyayo ikankurikira yabona umuntu itazi ahise ikamoka cyane. Nkunda iyo nziragiye hafi y'umugezi numva uko **usuma**, mu biti inyoni **ziririmba**, mu kirere indege zinyuranamo **zihinda.** Nkareba **imyobo** y'inyaga, **n'imiheno** y'imbeba iyo mu mashyamba ngahita nishimira igihugu kiza ntuye. Inka **nzicyura** mu ma saa sita. Mu gace k'iwacu ni ho **batabarizaga imigogo** y'abami kuko n'ubu hakiri **imisezero** yabo.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko mugufi urimo byibuze amagambo atanu kuri buri kiciro muri ibi bikurikira: avuga ku mwami, avuga ku rusaku n'intaho by'inyamaswa, avuga ku rubyaro, n'avuga ku matsinda y'ibintu, inyamaswa cyangwa abantu.

Umwarimu areba ko umwandiko abanyeshuri bahanze wakoreshejwemo ikeshamvugo ryasabwe kandi ko wanditse neza ukurikije uko imyandiko yandikwa.

UMUTWE WA 6:
GUKUNDA IGIHUGU

6

Umubare w'amasomo: 12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu, gusesengura amazina y'amatirano no kuyobora inama.

Ubushobozi shingiro

Umunyeshuri agomba kuba ashobora:

- Gusobanura zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zijyanye n'ubufatanye, kuvuga bimwe mu biranga imiyoborere myiza ashobora kandi kugaragaza imiterere y'amazina gakondo.

Ingingo nsanganyamasomo ivugwaho

Kubungabunga ibidukikije: Hifashishijwe umwandiko "Ubufatanye bwaduteje imbere" umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe iyi ngingo mu gihe basubiza ibibazo byo kumva umwandiko biyiganishaho.

Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa gatandatu n'umubare w'amasomo

Umutwe wa gatandatu: Gukunda igihugu

Umubare w'amasomo:12

Ibice	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Igice cya mbere: Gusoma no kumva inkuru "Ubufatanye bwaduteje imbere"	Gusoma no gusobanura umwandiko.	Amasomo 3
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura inkuru "Ubufatanye bwaduteje imbere"	Gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo.	Gusobanura akamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.	Isomo 1
Igice cya kane: Amazina y'amatirano.	Gusesengura amazina y'amatirano.	Amasomo 2
Igice cya gatanu: Uburyo bwo kuyobora inama.	Gutegura no kuyobora inama.	Amasomo 3
Isuzuma risoza umutwe		**Amasomo 2**

Umwandiko: Ubufatanye bwaduteje imbere

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108)

Intego zihariye

- Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku muganda n'ubudehe, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma, akababaza ibibazo biwuganishaho. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko kinjiza abanyeshuri mu isomo ku bijyanye n'umuco wo gufatanya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice, ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo yo ku nyunguramagambo

1. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B

A	B
Gutamanzura	Kugaragaza ubuhinge cyangwa igikorwa kinini cyakozwe
Gusamaza	Gushimisha
Kurogoya	Guca mu ijambo
Kuzuyaza	Gukora ikintu ujijinganya
Kuniganwa ijambo	Kwimwa umwanya wo kuvuga
Inkomyi	Inzitizi
Kwirozonga	Gukora ibintu utabishaka
Kujandajanda	Gukorana ubunebwe
Uruyange	Ururabo rw'amashaza cyangwa rw'ibishyimbo

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **ururabo**.
Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **uruyange.**

b) Ingano zo muri Rebero **ziratoshye** kubera ifumbire.
Ingano zo muri Rebero ni **imishishe** kubera ifumbire.

c) bishimiye ko abaturage **bakomeje gutera imbere** mu kwihaza mu biribwa.
Abayobozi bishimiye ko abaturage **bakataje** mu kwihaza mu biribwa.

d) Ibikorwa by'ubudehe n'umuganda bimaze kugerwaho **birashimishije cyane**.
Ibikorwa by'ubudehe n'umuganda bimaze kugerwaho **birashamaje.**

II. IBIBAZO N'IBISUBIZO BYO KUMVA UMWANDIKO

1. Tanga ingero zerekana ko Abanyarwanda bamaze gutera imbere mu myumvire.

Bitabira gahunda za Leta zirimo umuganda n'ubudehe
Bitabira ibikorwa by'ubuhinzi: bahinga ibishyimbo, ibirayi, imboga n'imbuto
Bitabira ibikorwa by'ubworozi: borora inka za kijyambere n'andi matungo

2. Erekana akamaro k'umuganda n'ubudehe kavugwa mu mwandiko.

Umuganda utuma :

- Bahanga imihanda abaturage bakava mu bwigunge.
- Bacukura imiyoboro inyuzwamo ibitembo bijyana amazi meza akagera ku baturage.
- Bacukura imiringoti yo kurwanya isuri.
- Batera amashyamba bakanayabungabunga.
- Bateza imbere uburezi bubaka ibyumba by'amashuri y'uburezi bw'ibanze abana bakabona aho bigira.

Ubudehe butuma bafasha abaturage kwivana mu bukene.

3. Sobanura uburyo ibikorwa by'umuganda n'ubudehe bishobora kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.

Bifasha mu gufata ubutaka neza, mu gutera amashyamba no kuyasigasira, kubaka ibiraro…

4. Hari ibikorwa by'umuganda waba uzi bitavuzwe mu mwandiko?Ingero z'ibisubizo

- Gutunda amabuye yo kubaka iteme
- Gusibura imiferege y'amazi
- Gusiba imyobo irekamo amazi mu rugo
- Gutema ibihuru biri hafi y'urugo n'ibindi

5. Erekana indangagaciro enye zigaragara mu mwandiko.

- ***Guk***unda umurimo
- Ubufatanye
- Ubwubahane
- Gukoresha neza igihe

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye

- Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:
- Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka n'insanganyamatsiko bikubiye mu mwandiko.
- Kugereranya ibikorwa by'ubudehe mu Rwanda rwo hambere n'ubu.
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ku nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. Vuga insanganyamatsiko rusange uyu mwandiko wubakiyeho.

Uyu mwandiko uravuga ku muganda n'ubudehe.

2. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
– Ibikorwa by'abaturage mu kwiteza imbere – Gusura ibikorwa by'umuganda – Umuco w'ubudehe mu Rwanda rwo hambere – Uruhare rw'umuturage muri gahunda y'ubudehe	– Kwishyira hamwe mu makoperative y'ubworozi bw'inka n'andi matungo – Gukorera mu makoperative y'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto – Kuyobora inama – Imiyoborere myiza (kwegera abaturage no kuganira na bo)

3. Gereranya ibikorwa by'ubudehe mu Rwanda rwo hambere n'ubu.

Mu Rwanda rwo hambere ubudehe bwari bugamije kuzamura abaturage byagaragaraga ko bafite intege nke kugira ngo batarara ihinga bakazasabiriza abandi bejeje. No muri iki gihe, ubudehe bufasha abaturage kwivana mu bukene bityo bakazamukira rimwe ntawusigaye inyuma.

4. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ku bijyanye na gahunda y'umugandan'ubudehe?

Umuganda n'ubudehe byahozeho kera. Izo gahunda zombi zigamije kuzamura abaturage mu nzego zose z'imibereho n'Igihugu muri rusange hagamijwe iterambere.

Ni ngombwa gukora umuganda dushyizeho umwete kandi tugakoresha neza inkunga y'ubudehe.

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe n'ibitekerezo bye bwite, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Kuvugira mu ruhame atanga ibitekerezo bye.
- Gusobanura akamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku muganda n'ubudehe.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya ndetse n'umuteguro w'isomo ntangarugero bijyanye n'iki gice.

Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku kamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

Urugero rw'ibitekerezo byatangwa

Umuganda n'ubudehe byubaka imihanda n'ibiraro abaturage bagahahirana ku buryo bworoshye.

Kurwanya isuri bituma imyaka y'abaturage idatwarwa n'isuri maze bagahinga, bakeza bakiteza imbere. Umuganda n'ubudehe byubaka kandi ibyumba by'amashuri bituma abana bigira ahantu hatunganye.

Igice cya kane: Amagambo y'amatirano

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yahawe, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora

- Gutahura no gusobanura inkomoko y'amazina y'amatirano.
- Gukurikiza amategeko mu mikoreshereze y'amazina y'amatirano.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika kirimo amazina y'amatirano cyavuye mu mwandiko "Ubufatanye bwaduteje imbere" bitegereza amagambo yanditse atsindagiye maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura indimi akomokamo, amategeko agenga itira ry'amagambo hanyuma akanabasaba kugaragaza intego zayo.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 98-100

Imyitozo n'ibisubizo ku mazina y'amatirano
(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 100)

Soma umwandiko "Ubuzima bw'ishuri" ukuremo amazina y'amatirano unayasesengure.

Ibisubizo

Ijambo	Indomo	Indanganteko	Igicumbi
Ishuri	i-	ø-	shuri
Ishati	i-	ø-	shati
Amasogisi	a-	ma-	sogisi
Igikapu	i-	ki-	kapu
Isaha	i-	ø-	saha
Ipantaro	i-	ø-	pantaro

Amakayi	a-	ma-	kayi
Amakaramu	a-	ma-	karamu
Imodoka	i-	ø-	modoka
Amasiyansi	a-	ma-	siyansi
Terefoni	ø-	ø-	terefoni
Umushoferi	u-	mu-	shoferi
Umuswari	u-	mu-	swari
Ibitabo	i-	bi-	tabo
Amasomo	a-	ma-	somo
Impapuro	i-	n-	papuro

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo akurikira

1. Amashati: a-ma-shati, Nta tegeko
2. Ijipo: i-ø-jipo, Nta tegeko
3. Ipantaro: i-ø-pantaro, Nta tegeko
3. Amarido: a-ma-rido, Nta tegeko
4. Amamashini: a-ma-mashini, Nta tegeko

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga akandiko kagufi k'imirongo 10 ushyiremo amazina y'amatirano atandukanye, maze nurangiza ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi byayo.

Umwarimu areba ko umwandiko umunyeshuri yakoze urimo amazina y'amatirano akoreshejwe neza kandi ko intego n'amategeko yabikoze uko bikwiye.

Igice cya gatanu: Uburyo bwo kuyobora inama

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 115)

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:

- Gutahura inshoza y'inama, uburyo itegurwa n'uko iyoborwa.
- Gutegura no kuyobora inama.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko bize kavugwamo inama maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza y'inama, uburyo inama itegurwa n'uko iyoborwa.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvangazo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Umwitozo ku buryo bwo kuyobora inama

1. Inama iba igamije iki?

Inama iba igamije kwiga ingingo runaka no kuyifataho umwanzuro.

2. Inama itumizwa ite?

Inama ishobora gutumizwa mu buryo bw'inyandiko, uburyo bw'amatangazo kuri radiyo,

Tereviziyo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga hakoreshejwe murandasi.

3. Kuki ari ngombwa kubanza kureba umubare w'abaje mu nama?

Kumenya umubare w'abaje mu nama bifasha kureba niba abitabiriye bashobora guterana

bagafata ibyemezo bikemerwa.

Umukoro

Kurikirana inama y'Umuyobozi w'ishuri n'abanyeshuri maze ugaragaze uburyo yayobowe.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukurikirana inama y'umuyobozi w'ishuri azagirana n'abanyeshuri bakazajora uburyo yayobowe kandi akabafasha kubinonosora.

Umwitozo nzamurabushobozi

Tanga ibice by'ingenzi bigize inama unavuge muri make ibigize buri gice.

Umwarimu areba niba umunyeshuri akurikiranya neza ibice bigize inama kandi ko azi kuvuga muri make ibiranga buri gice.

Umwitozo nyagurabushobozi

Tandukanya inama isanzwe n'inama idasanzwe.
Umwarimu areba niba umunyeshuri azi gutandukanya inama isanzwe n'inama idasanzwe mu buryo bwo kuzitegura, gutumiza no kuziyobora.

Inshamake y'umutwe wa gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'ingingo zagaragara mu nshamake:

- Umuganda n'ubudehe ni ibikorwa rusange bigaragaza indangagaciro nyarwanda y'ubufatanye no kwiteza imbere.
- Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ijambo ritiwe rigenekerezwa ku nyemvugo (imiterere) z'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, yaba ari inshinga ikagenerwa umuzi.
- Inama iyo ari yo yose irategurwa, igatumizwa ikanagira uburyo iyoborwa.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 119)

Ibigenderwaho mu isuzuma
– ***Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.***
– ***Ubushobozi bwo gusesengura amazina y'amatirano.***
– ***Ubushobozi bwo gutegura no kuyobora inama.***

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, barangiza kurikora agakosora buri wese, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Inama yakozwe mu Mudugudu wa Tuzamurane yakozwe nyuma y'ikihe gikorwa

Inama yakozwe nyuma y'igikorwa cy'umuganda rusange.

2. Gahunda y'inama y'uwo munsi yari iyihe?

Inama y'uwo munsi yari igamije gushakira hamwe icyo bakoresha inkunga y'ubudehe bahawe.

3. Ni ibihe bitekerezo bitandukanye byatanzwe mu nama ku gikorwa gikenewe mu Mudugudu?

Gufasha abatishoboye, gusubiza abana mu ishuri, gushyiraho amatara yo ku muhanda, kuzana amazi…

4. Ni ikihe gikorwa kemejwe mu nama?

Kuzana amazi mu Mudugudu.

5. Ni akahe kamaro k'inama zikorwa nyuma y'umuganda?

Zifasha abaturarwanda kumenyera amakuru rimwe kuri gahunda runaka ya leta.
Zifasha abaturage gukemura ibibazo baba bafite mu Mudugudu.

6. Vuga akamaro k'umuganda ku baturage no ku gihugu?

Akamaro k'umuganda ku baturage utuma bikorera ibikorwa bibafitiye akamaro kandi vuba. Ibyo ni nko gukora imihanda, amateme, kurwanya isuri, kubaka amashuri…

7. Umuganda ufite akamaro kanini mu kubungabunga ibidukikije. Sobanura wifashishije ingero.

Umuganda ufite akamaro kanini mu kubungabunga ibidukikije urugero nk'iyo urwanyije isuri uba ubungabunze ibidukikije kuko inkangu zangiza byinshi harimo ubuzima bw'abantu buhatikirira, amazu, imirima n'imyaka y'abaturage n'ibindi.

II. Inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ukurikije inyito afite mu mwandiko

a) Ubudehe

Umuturanyi wange inzu ye yaraguye none **ubudehe** bwaramugobotse arayisana.

b) Umuganda

Umuturage wese afite inshingano yo gukora **umuganda.**

c) Kuremera abatishoboye

Leta y'u Rwanda **iremera** abaturage iha **abatishoboye** inka.

d) Inkomati

Irinde kujya mu **nkomati** kuko ushobora kuhakomerekera.

e) Inkunga

Si byiza kwizera **inkunga** y'abandi kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

f) Ubwitabire

Ubwitabire bw'abanyeshuri bwariyongereye muri iki gihe.

III. Ibibazo ku matirano

Garagaza uturemajambo tw'amazina y'amagambo y'amatirano akurikira.

a) Indobo: i-n-dobo
b) Indege: i-n-debe
c) Ishu: i-ø-shu
d) Imashini: i-ø-mashini
e) Akabati: a-ka-bati
f) Guterefona: ku-terefon-a
g) Imodoka: i-ø-modoka
h) Ikaramu: i-ø-karamu
i) Isima: i-ø-sima
j) Idorari: i-ø-dorari
k) Isakaramentu: i-ø-sakaramentu
l) Guceza: ku-cez-a

IV. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Umuyobozi w'ishuri arateganya gukoresha inama y'abarimu. Erekana iby'ingenziyakwitaho kugira ngo iyo nama igende neza.

Kugira ngo inama izagende neza umuyobozi w'ishuri yakurikiza intambwe zikurikira.

- Gutegura inama
- Gutumiza inama
- Gutegura ibikoresho n'aho inama izabera
- Kuyobora inama

2. Vuga nibura ibintu bitatu umuntu yakubahiriza mu kuyobora inama
Mu kuyobora inama, umuntu yakwita kuri ibi bikurikira.

- Gutanga ijambo ku barisabye.
- Kugarura abashaka gutana no gutandukira.
- Kwirinda kuba umunyagitugu.

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo akurikira.

a) Isaha: i-ø-saha Nta tegeko
b) Isafuriya: i-ø-safuriya Nta tegeko
c) Umushoferi: u-mu-shoferi Nta tegeko
d) Abashomeri: a-ba-shomeri Nta tegeko
e) Amatara: a-ma-tara Nta tegeko

2. Garagaza iby'ingenzi bigomba gukurikizwa mu gutegura inama.

Iby'ingenzi umuyobozi w'inama ategura ni ibi bikurikira:

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe n'ameza, isuku).
- Gutegura icyumba k'inama ukurikije aho abazaza mu nama bazicara n'uko bazicara mu nama: nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga, aho abayobozi bicara.
- Guteganya ibikoresho byifashishwa: ikibaho, amakaye, amakaramu, n'ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira, indangururamajwi, kwitabaza ikoranabuhanga n'ibindi.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Hanga akandiko kagufi k'imirongo 20 ushyiremo amazina y'amatirano atandukanye, ugaragaze indimi yakomotsemo kandi nurangiza ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi byayo.

Umwarimu areba niba umwandiko wakozwe urimo amazina y'amatirano kandi ko yayashakiye inkomoko n'intego neza.

2. Uri umunyeshuri uhagarariye abandi mu kigo, tegura inama kandi uyiyobore ku nsanganyamatsiko y'imyitwarire n'imibereho y'abanyeshuri mu kigo wigaho.

Umwarimu areba niba umunyeshuri akurikiza ibice byose byizwe byo gutumiza, gutegura no kuyobora inama.

UMUTWE WA 7
ITERAMBERE

7

Umubare w'amasomo: 24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura inkuru ngufi ivuga ku nsanganyamatsiko y'iterambere no gukora inyandiko mvugo na raporo.
Ubushobozi shingiro Umunyeshuri agomba kuba ashobora: Kurondora no gutandukanya amwe mu moko y'imyandiko inyuranye kandi ashobora kugaragaza uburyo bwo kuyobora inama.
Ingingo nsanganyamasomo ivugwaho: **Umuco wo kuzigama:** Hifashishijwe umwandiko uvuga ku muco wo kuzigama umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe iyi ngingo mu gihe basubiza ibibazo byo kumva umwandiko biyiganishaho.
Uburyo bwo kwinjira mu isomo: Abanyeshuri ubwabo ni bo bagomba kwivumburira ibyo bagiye kwiga, bahereye ku mashusho, ku kaganiro cyangwa udukino twateguwe mu ivumburamatsiko. Umwarimu agenda abayobora, ababaza ibibazo, kandi akabafasha kunonosora ibisubizo batanga ku buryo bibaganisha ku cyo bagiye kwiga.

Urutonde rw'ibice bigize umutwe wa karindwi n'umubare w'amasomo

Umutwe wa karindwi: Iterambere Umubare w'amasomo: 24		
Ibice	**Intego rusange**	**Umubare w'amasomo**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva inkuru "Yahaboneye isomo"	Gusoma no gusobanura inkuru.	Amasomo 5
Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura inkuru "Yahaboneye isomo"	Gusesengura umwandiko w'inkuru.	Amasomo 2
Igice cya gatatu: Inkuru ngufi	Kugaragaza imiterere y'inkuru ngufi.	Amasomo 4
Igice cya kane: Inyandiko mvugo	Gukora inyandiko mvugo y'inama.	Amasomo 5
Igice cya gatanu: Raporo	Gukora raporo.	Amasomo 5
Isuzuma risoza umutwe		Amasomo 3

Umwandiko: Yahaboneye isomo

Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 124)

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yateganyirijwe, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko w'inkuru ngufi, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma, akababaza ibibazo biwuganishaho. Umwarimu kandi ashobora kwifashisha akaganiro mvumburamatsiko kinjiza abanyeshuri mu isomo, ku bijyanye n'insanganyamatsiko yo kuzigama.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

I. Ibibazo n'ibisubizo ku myitozo yo ku nyunguramagambo
(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 108)

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

a) Urugaryi: igihe cy'umwaka w'ihinga gihera muri Mutarama kikagera muri Werurwe. Igihe gito k'izuba.

b) Kwiyuha akuya: gukorana umurava umurimo uvunaye.

c) Kugarizwa (n'inzara): kwibasirwa n'inzara.

d) Kuboneza: kugenda cyangwa kuromberera inzira imwe.

2. Shaka amagambo yakoreshejwe mu mwandiko avuga kimwe n'amagambo atsindagiye muri izi nteruro:

a) Agezeyo, **arakomanga** nuko bamuha ikaze.
Agezeyo, **aravunyisha** nuko bamuha ikaze.

b) Bwacya **bagakomeza** imirimo yabo.
Bwacya **bakarimbanya** imirimo yabo.

3. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B

A	B
Guca inshuro	Guhingira ibiribwa.
Kudamarara	Gutuza ntihagire ikindi kintu ukorera urugo rwawe.
Kuboneza	Kwerekeza ahantu runaka.

II. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. Muri uyu mwandiko baratubwiramo imiryango ibiri. Tandukanya imibereho yayo.
Umwe urakize kandi ufite umuco wo kuzigama, undi urakennye kandi urasesagura.

2. Iterambere ryo mu muryango wa Kamana rikomoka ku ki?
Rikomoka ku gukunda umurimo no kugira umuco wo kuzigama.

3. Ni iyihe ndangagaciro dusanga muri uyu mwandiko iranga Abanyarwanda?
Ni indangagaciro yo gufashanya no kugirana inama.

4. Ni ikihe gihe k'ihinga kivugwa mu mwandiko? Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'ihinga bitavuzwe mu mwandiko.
Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'ihinga bitavuzwe mu mwandiko. Muri uyu

mwandiko haravugwamo Urugaryi. Ibindi bihe ni Icyi, Umuhindo n'Itumba.

5. Sobanura ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko.
Ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko ni ukwiteza imbere mu buryo bunyuranye.

6. Iyi nkuru irangira ite?
Iyi nkuru irangira umuryango wa Gasana wateye imbere kubera ko wagiriwe inama yo gukunda umurimo no kugira umuco wo kuzigama

7. Uyu mwandiko ukwigishije iki?
Umwarimu arareba ibisubizo binyuranye by'abanyeshuri abafashe kubinonosora.

Igice cya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka n'insanganyamatsiko bikubiye mu mwandiko. Kugereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko yo kuzigama, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
Ni iterambere rishingiye ku muco wo gukunda umurimo n'uwo kuzigama.

2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Imiterere y'imiryango ya Kamana n'uwa Gasana.	Gufashanya.
Gukunda umurimo.	Kuremerana.
Akamaro k'umuco wo kuzigama.	Kugirana inama.
Ingaruka zo kutitabira umurimo no gusesagura.	Kumvira no gukurikiza inama.

3. Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima bw'aho utuye.

Umwarimu areba ibisubizo abanyeshuri batanga, abafashe kubinonosora.

Igice cya gatatu: Inkuru ngufi

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza y'inkuru ngufi no kugaragaza uturango twayo. Guhanga inkuru ngufi akurikiza uturango twayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda kirimo ihange ku nkuru ngufi n'izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma inkuru "Yahaboneye isomo" bitegereza imiterere yayo akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi.

2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 109-111.

Umukoro ku nkuru ngufi n'uburyo wakorwa

1. Tira igitabo k'inkuru ngufi mu nzu y'isomero, uzagisome ubwire bagenzi bawe ibikubiyemo n'imiterere y'iyo nkuru ngufi wasomye.

Ku mwitozo wa mbere umwarimu asaba abanyeshuri kuwukorera mu matsinda, akabaha igihe gihagije cyo kuwukora. Iyo igihe yabageneye kirangiye, umwarimu asaba abanyeshuri kubwira bagenzi babo ibyari bikubiye mu nkuru basomye no kuyibajorera agendeye ku turango tw'inkuru.

2. Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko wihitiyemo hagaragaremo uturango tw'inkuru ngufi.

Ku mwitozo wa kabiri, umwarimu abwira abanyeshuri guhanga inkuru ngufi buri wese ku giti ke. Abaha igihe cyo kuzihimba barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora agenda agaragaza ibitanoze kuri buri nkuru. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane agafatanya na bo kunonosora uko yakosorwa. Ahitamo imwe mu nkuru ngufi ikoze neza nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n'izo bakoze.

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza uturango tw'inkuru ngufi unasobanure muri make buri karango.

Umwarimu areba niba umunyeshuri asobanukiwe neza n'inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi uko biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko irebana n'iterambere kandi ugaragazemo uturango tw'inkuru ngufi.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yahanze inkuru nziza kandi yujuje uturango twose.

Igice cya kane: Inyandiko mvugo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 129)

Intego zihariye
Ahereye ku nyandiko mvugo yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza n'uturango by'inyandiko mvugo y'inama. Gukora inyandiko mvugo y'inama.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inyandiko mvugo y'inama.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko bize kavugwamo ijambo inyandiko mvugo maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza y'inyandiko mvugo, imbata yayo n'uko bayikora.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvanganzo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo. Reba urugero rw'ibyava mu matsinda mu gitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111-115.

Umwitozo ku nyandiko mvugo n'ibisubizo byawo

a) Vuga ibice by'ingenzi bikubiye mu nyandiko mvugo y'inama.

Harimo umutwe wayo, abitabiriye inama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze.

b) Ku bwawe wumva inyandiko mvugo y'inama ifite akahe kamaro?

Ifite akamaro ko kubika ibyemeranijweho kugira ngo hazagenzurwe niba byarashyizwe mu bikorwa uko byemejwe. Ifite akamaro kandi ko kumenyesha abandi batari bahari ibyemeranijweho mu nama.

Umukoro

Wubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandiko mvugo twabonye andika inyandiko mvugo y'inama y'abanyeshuri n'umuyobozi w'ishuri wigaho.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora inyandiko mvugo y'inama y'umuyobozi w'ishuri yagiranye n'abanyeshuri. Abaha igihe cyo kuzikora barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora, agenda agaragaza ibitanoze kuri buri nyandiko mvugo. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane, agafatanya na bo kuyakosora. Ahitamo imwe mu nyandiko mvugo ikoze neza, nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n'izo bakoze. Iyo hari amakosa akiboneka muri iyo nyandiko mvugo, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kuyakosora.

UMWITOZO NZAMURABUSHOBOZI

Garagaza kandi unasobanure ibintu by'ingenzi ukora inyandiko mvugo agomba kwitaho.

Umwarimu areba niba umunyeshuri akurikiranya neza ibyitabwaho mu gukora inyandiko mvugo nk'uko yabisobanuriwe.

Umwitozo nyagurabushobozi

Wubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandiko mvugo twabonye andika inyandiko mvugo y'inama y'abanyeshuri n'umuyobozi w'ishuri wigaho.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'inyandiko mvugo.

Igice cya gatanu: Raporo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 133)

Intego zihariye
Ahereye kuri raporo yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza ya raporo n'uturango twayo. Gukora raporo yubahiriza uturango twayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri na raporo zinyuranye.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma raporo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 115, akabasaba kwitegereza imiterere yayo no gukora ubushakashatsi batahura inshoza yayo n'uturango twayo.

2. Uko amasomo atangwa

Iri somo ritangwa kimwe n'uko isomo ry'ikibonezamvugo cyangwa iry'ubuvanganzo atangwa. Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice ndetse n'urugero rw'umuteguro w'isomo riteguye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Umwitozo n'igisubizo kuri raporo

Tandukanya raporo n'inyandiko mvugo y'inama.

Inyandiko mvugo	Raporo
Uyikora yandika muri make uko byagenze nta bitekerezo bye yongeyemo.	Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka.

UMUKORO N'UKO WAKORWA

Ishyire mu kigwi cy'umuntu woherejwe gukurikirana ibikorwa by'ubudehe mu Murenge runaka, maze ubikorere raporo uzashyikiriza Umuyobozi w'Akarere.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora iyo raporo bubahiriza uturango twayo batitaye ku kuri kw'ibivugwamo. Abaha igihe cyo kuyikora barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora agenda agaragaza ibitanoze kuri buri raporo. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane agafatanya n'abanyeshuri kunonosora uko yakosorwa. Ahitamo imwe muri zo ikoze neza nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n'izo bakoze.

Umwitozo nzamurabushobozi

Garagaza ibice by'ingenzi bigize raporo unasobanure buri gice.
Umwarimu areba ko ibice byose yabikurikiranyije kandi yabisobanuye neza.

UMWITOZO NYAGURABUSHOBOZI

Uri umunyeshuri uhagarariye abandi, wagiye mu mahugurwa y'abanyeshuri bahagarariye abandi arebana no kurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri. Kora raporo y'ayo mahugurwa uyihe umuyobozi w'ishuri.

Umwarimu areba niba ibyitabwaho byose mu gukora raporo bigaragaramo.

INSHAMAKE Y'UMUTWE WA KARINDWI

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa karindwi bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'ingingo zagaragara mu nshamake

- Inkuru ngufi ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse, ridacukumbura insanganyamatsiko nyinshi.
- Inkuru ngufi irangwa n'ibarankuru, abanyarubuga, akabugankuru, uburebure bwayo, imvugo y'ibiganiro n'imyubakire yayo.
- Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare.
- Inyandiko mvugo y'inama igira ibice byinshi ariko iby'ingenzi ni ibi bikurikira: Umutwe wayo, abari mu nama, ibiri ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze mu nshamake.
- Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, hagamijwe intego runaka.

Ubumenyi bw'inyongera

Gutandukanya raporo n'izindi nyandiko

Inyandiko mvugo	Raporo	Ibaruwa
Uyikora yandika muri make uko byagenze nta bitekerezo bye yongeyemo.	Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka.	Uyandika ayandika ku buryo butandukanye bitewe n'impamvu yayo.

Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa karindwi

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 135)

Ibigenderwaho mu isuzuma
Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya.
Ubushobozi bwo gusesengura inkuru ngufi, raporo n'inyandiko mvugo.
Ubushobozi bwo guhanga no kwandika inkuru ngufi, gukora raporo n'inyandiko mvugo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma ku giti cyabo, iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni izihe gahunda zitandukanye Leta yashyizeho mu rwego rwo guteza imbere abaturage?

Ubudehe, Gira Inka Munyarwanda, gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka ikenda na cumi n'ibiri, ishyirwaho ry'ibigo by'imari bicirititse...

2. Ni iki umubarankuru yigiye ku muryango wa Bugingo na Nyiramucyo?

Inama umubarankuru yigiye kuri uriya muryango ni uko amafaranga make ushobora kuyazigama akagwira akazakubera igishoro cyangwa akaguhesha inguzanyo

3. Gukorana n'amabanki bimarira iki umuntu?
Bimufasha kwizigama no kubona inguzanyo bityo akabasha kwiteza imbere

4. Vuga ingamba umuntu yafata kugira ngo abashe kuzigama.
   - Kwirinda gusesagura.
   - Kwigomwa bimwe mu bintu bitari ngombwa byagutwaraga amafaranga.
   - Kudategereza ko ugwiza amafaranga kugira ngo ubone kuzigama.

5. Ni ba nde bagerwaho n'ibyiza byo kwihangira umurimo?

Abagerwaho n'ibyiza byo kwihangira umurimo ni umuryango, inshuti, abaturanyi n'igihugu muri rusange.

6. Sobanura bimwe mu bigize iterambere bigaragara mu mwandiko.

Bimwe bigaragaza iterambere rivugwa mu mwandiko:

Kugura imodoka, gucuruza imyaka, guhanga imishinga inyuranye no guha abandi akazi.

7. Ese gahunda yo kuzigama abanyeshuri na bo irabareba? Sobanura.

Kuzigama n'abanyeshuri birabareba kuko na bo baba bakeneye kwiteza imbere. Ni ukuvuga ko igihe cyose babonye amafaranga ayo ari yo yose agomba kwibuka ko kuzigama ari ingenzi.

II. Inyunguramagambo

1. Uzuza izi nteruro ukoresheje ijambo rikwiye:

a) Ibigo by'..... icirititse n'..... bifasha ababyisunga kwiteza .....
Ibigo by'**imari** icirititse n'**amabanki** bifasha ababyisunga kwiteza imbere.

b) Ubufatanye bw'umugabo n'..... mu rugo bubageza kuri byinshi.
Ubufatanye bw'umugabo n'**umugore** mu rugo bubageza kuri byinshi.

c) Kubika amafaranga mu ..... ntibikigezweho ubu.
Kubika amafaranga mu **rugo** ntibikigezweho ubu.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ku buryo abyara interuro mbonezamvugo.

Uruhushya rwa A	Uruhushya rwa B

Umuryango	witeza imbere ubera abandi ikitegererezo.
Gutinya	bituma tudakorana n'amabanki.
Kubika	makemake bikubera igishoro.
Amafaranga	abitse mu rugo arangirika .
Gutunga	byinshi si ko kuzigama.

III. Ubuvanganzo

Ongera usome umwandiko "Ubwenge burarahurwa" utahuremo tumwe mu turango tw'inkuru ngufi tugaragaramo.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri bashubije akabinonosora abafasha gutahuramo tumwe mu turango tw'inkuru ngufi tugaragaramo.

Urugero

- Harimo umubarankuru.
- Imvugo y'ibiganiro.
- Aho inkuru ibera.

1. Ubumenyi bw'ururimi

1. Tandukanya raporo n'inyandiko mvugo.

Aho bitandukaniye ni uko ukora inyandiko mvugo yandika muri make uko byagenze nta bitekerezo bye yongeyemo naho ukora raporo we yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka.

2. Ishyire mu kigwi cy'umuporisi wagiye kureba ahabereye impanuka maze ukore raporo y'iyo mpanuka uyohererereze umukuru wa porisi.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango twa raporo.

3. Ugendeye ku turango tw'inyandiko mvugo, kora inyandiko mvugo y'inama wigeze kwitabira.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango tw'inyandiko mvugo batubahirije mu bisubizo byabo.

UMWITOZO NZAMURABUSHOBOZI

Garagaza ibice by'ingenzi bigize inyandiko mvugo.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo

bagaragaza neza ibice by‘ingenzi by’inyandiko mvugo.

UMWITOZO NYAGURABUSHOBOZI

Kora inyandiko mvugo y’inama y’Umuyobozi w’ishuri yagiranye n’abanyeshuri, umuyobozi wungirije ushinzwe amasomo n’abayobozi bashinzwe imyitwarire. Iyo nama ifite ku murongo w’ibyigwa ingingo zikurikira: itangira ry’igihembwe, imitsindire y’igihembwe gishize, imyitwarire muri rusange n’ingamba z’igihembwe gitangiye.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango n’ibice by’ingenzi by’inyandiko mvugo batubahirije mu nyandiko mvugo bakoze.

TWIYUNGURE AMAGAMBO

Abatasi: abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

Amabengeza: ubwiza buhebuje butarambirana kureba.

Amakenga: ubwoba umuntu aterwa n'uko akeka ko ibintu bitameze neza.

Amakoro: amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

Amareshyamugeni: amagambo meza aryoheye amatwi ariko adahuye n'ingiro.

Amashyushyu: ubushake bwinshi bwo kobona cyangwa gukora ikintu ukumva utatuza utabigezeho.

Amazimano: amafunguro bakiriza umushyitsi.

Arakobana: umubiri we uripfunyapfunyika.

Arambirana isuri: aje yitwaje ingabo y'isuri.

Ayera: amata. Umusizi yakoresheje imvugo ishushanya kubera ibara ryayo.

Babisamiraho: batwara inda nyamara banywa imiti yo kuboneza urubyaro.

Baragaga: batangaga ibyabo babiha abana babyaye.

Bimukembere aho: bimurire aho/ bimukataguremo ibice.

Guca akabogi: kwicara ukiyoroshya ukaganira n'inshuti.

Gucuma akarenge: gutera intambwe imbere.

Gufora : gukurura umuheto ngo uhe umwambi umurego witegura kurasa.

Guhiga: kugaragaza ibikorwa uzakora.

Guhuga: kurangara.

Guhurura: kuza birukanka akenshi batazi n'icyabaye

Gukubanga: kwigarurira.

Gukura ubwatsi: gushimira uwakugiriye neza.

Gutatamura imyato: gutondagura ikivugo kirekire kirimo ibigwi n'ibirindiro.

Guteka ijabiro: kwicara ku ntebe y'inteko by'umwami.

Icondo : igice k'inyuma k'ingabo giturumbuye.

Icyuho: urwaho cyangwa umwanya watuma umuntu agerwaho n'ikibi.

Igifunga : umukondo w'ingabo uyitwaza afata.

Igihengeri: igikomere kinini.

Igisingo: ikamba ry'umwami.

Ijabiro: aho umwami cyangwa umugabekazi abonanira na rubanda cyangwa bakirira **ingabo. Aho umwami yashingaga inteko hose ingabo.**

Ikibatsi : umuriro ugurumana uzamuka ari ikirimi kimwe.

Ikirezi: akazu kameze nk'igufwa kitwikirwa n'udukoko tumwe na tumwe two mu nyanja. Bagakora neza bakakambara nk'umurimbo wo mu ijosi. Ikintu kiza cyane.

Imbungiramihigo: umutwe w'ingabo.

Imirera: ingabo bakingisha imyambi ku rugamba.

Imisakura : imyambi.

Imodoka igitirimuka: imodoka igihaguruka.

Imoko: Isonga y'ibere ry'umugore akaba ari na yo umwana akururamo amashereka.

Imparirwakurusha: indashyikirwa.

Impuha: inkuru z'impimbano zuzuye ibinyoma.

Impumu: ukuzibiranywa n'umwuka ugahumeka vubavuba kandi bikuruhije.

Indahekana: abana babyawe bakurikiranye mu gihe gito, ku buryo usanga baba bajya kungana.

Inkaba: amaraso menshi cyane.

Inkatazakurekera : umuntu urasana ingoga, urasa vubavuba.

Inkekwe: umuriro waka cyane.

Inkera: igitaramo gikesha ijoro.

Inkongi : umuriro ugurumana.

Inkora: inzira nini igaragaza aho inyamaswa cyangwa abantu benshi banyuze.

Inkotanyi cyane: izina ry'igisingizo rya Kigeli wa IV Rwabugiri.

Inkuba zesereza : imbaraga n'urusaku by'umwambi bigereranywa n'iby'inkuba.

Inkuku : ingabo nto(yo gukinga imyambi ku rugamba).

Intabire: ubutaka buhinzwe vuba ariko bukaba butaraterwamo imyaka.

Intambara nyirema : urugamba ndutangira.

Intanage : imyambi.

Intore: umuntu batoranyije mu bandi bamutegurira umurimo runaka.

Ishyamba ry'umwimirizi: ahantu harinzwe.

Isomo ririmbanyije: isomo rigeze aharyoshye.

Isuri: ubwoko bw'ingabo iboshye mu migozi bita insuri. Yabaga ari nto.

Iyo gihera: kure cyane/ iyo igihugu giterwa inkingi

Kuboneza: kugenda.

Kugarizwa (n'inzara): kwibasirwa n'inzara.

Kugishisha inka: kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

Kumuca iryera: kumubona.

Kumuhundagazaho: kumuha cyangwa kumugwizaho.

Kunyaga: gutwara imitungo y'undi ku mbaraga.

Kuramvura ingoma: kuyibaza.

Kurega inkokora : gukurura umwambi ukuboko kukarambuka neza.

Kurekera : kurekura umwambi urasa.

Kuririra mu myotsi: kugirira ibyago ahantu babyongera.

Kuvogera umugezi: kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

Kuvunyisha: gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

Kwibaruka: kubyara.

Kwisenya: kugwa hasi nta kwiramira.

Kwiyuha akuya: gukorana umurava umurimo uvunaye.

Mu bushorishori: mu kirere hejuru cyane.

Mu gihumbi: umwanya wo ku mubiri w'umuntu uri hagati y'inshyi z'amaboko zombi.

Mu kangaratete: mu makuba, mu bibazo.

Mu rubega: igice k'ingabo kigana aho irangirira.

Muhandangabo: umuntu ugora ingabo bahanganye.

Nakivogereye : nkidedembyamo hagati, nakigezemo rwagati.

Ndiremamo inkora: nshamo inzira nini.

Nikoranye : nitwaje.

Nimuhebere urwaje: nimureke ibiba bibe kubera ko mudashobora kubyigobotora cyangwa kubyikuramo.

Nk'ukubiswe n'iyo hejuru: nk'ukubiswe n'inkuba (aragereranya imbaraga z'umwambi n'imbaraga inkuba ikubita ifite).

Nkanga umurindi hasi : nkubita umugeri hasi bitewe no kwizihirwa.

Ntiyasukirwa amazi: ahita yuma/ahita apfa.

Nyakotsi: ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

Nywuhimbajemo : ngiye nshyiramo imyambi ku buryo bwungikanya.

Rugombangogo : umuntu wica gusa ab'ibihangange mu bo bahanganye.

Rwangizamirera: umuntu urasa agasatura (akamena) ingabo y'umukinzi.

Sinahagararwa hagati: sinavogerwa.

Ubute: ubunebwe.

Umuce: igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho.

Umuhinza : umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamutura amakoro na we akababaha imvura, akababahiriza ibyonnyi akanabatsirikira ibiza.

Umuhinza: umuntu wigize umutware mu gace runaka, akigira ikigenge.

Umuhunde: ubwoko bw'abantu batuye mu Buhunde (Kongo).

Umukore : umuheto.

Umunega : icumu.

Umurera : ingabo.

Umurindi: urusaku rw'amaguru y'abantu cyangwa inyamaswa zigenda.

Umuseke ugitamuruka mu cyoko: mu rukerera, butangiye gucya.

Umuvaburayi: umwana wavutse.

Umuyonga: ivu.

Umuze: ugusogobwa (gucika intege) k'umuntu bitewe n'indwara y'igihe kirekire.

Umwera (umwêerâ): ukweruruka k'umubiri udasize.

Umwera (umweêra): umuntu ufite uruhu rwera; umuzungu.

Umwete: umurava.

Umwimirizi: umukumirizi/ umuntu ubuza abantu kwinjira.

Urugaryi: igihe cy'umwaka w'ihinga gihera muri Mutarama kikagera muri Werurwe . Igihe gito k'izuba.

Uruhando: urubuga.

Uwantanagiye: uwambangiye umuheto.

Yakongotse: yahiye yarangiye.

Yarahozagaye: yarabyibushye cyane.

Yatariranye: yabyimbye kubera amashereka menshi.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE

IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÎIKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2015). Imikoreshereze y'Ikinyarwanda: Ntibavuga- bavuga. Imfashanyigisho ibanza. Kigali.

NSANZABERA, J.D.(2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigal

JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S, Butare.

JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.

Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.

MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2015). Teacher Training Manual Phase I, Kigali.

MINISTRY OF EDUCTION-RWANDA EDUCATION BOARD (2016), Teacher Training Manual Phase II, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashami Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiyemo, Kigali.

UNICEF (1996). Dukunde amahoro, UNESCO.

MUTAKE, Th., 1991, Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.

COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare : INRS.

IGIRANEZA T.,1990, Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali.

BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y'ikinyarwaanda II, IRST, Butare.

MBONIMANA, G. na Nkejabahizi, J.C. 2011, Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya.